

IKINYARWANDA

Amashuri yisumbuye umwaka wa

4

Amashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange

Igitabo cy'umunyeshuri

Kigali, Mutarama 2019

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda,

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

IJAMBO RY'IBANZE

Banyeshuri,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa kane, kigenewe amashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange. Iki gitabo kizabafasha mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi mu kunoza imyigire y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo mugera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro murimo. Ibyo bigamije kubategurira gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bibafashe mu myigire yanyu. Hari impamvu nyinshi zituma mwiga, ibyo mwize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavugaga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ibafasha mu myigire yanyu. Iyo myitozo muyubakiraho mutanga ibitekerezo ndetse munivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri mwebwe ubwanyu ndetse no ku Gihugu muri rusange. Mufashijwe n'abarimu bafite inshingano zo kubayobora, turizera ko muzunguka ubushobozi bushya muzifashisha mu buzima bwanyu buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiyeye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose bityo agahabwa uruhare runini mu myigishirize. Ikindi kandi, ubu buryo buzabafasha mu gukora ibikorwa bitandukanye, mutekereza ku byo mukora kandi munakoresha ubumenyi musanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Kuzamura ubumenyi n'ubushobozi mukora imyitozo yateganyijwe kuri buri kigwa;
- Gukorana na bagenzi banyu mukorera mu matsinda, mujya impaka ku nsanganyamatsiko runaka, muganira hagati yanyu, mumurika ibyo mwakoze mu matsinda ndetse mukora ubushakashatsi mwifashishije amasomero, murandasi cyangwa ubundi buryo;
- Kugira uruhare mu myigire yanyu;
- Gukora umwanzuro unozwe ujyanye n'ibyavuye mu bushakashatsi.

Ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu myandikire y'iki gitabo, by'umwihariko abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) bagize uruhare rukomeye muri iki gikorwa kuva gitangiye kugeza kirangiye.

Ndashimira kandi abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye ndetse na Kaminuza bagize uruhare mu iyandikwa ry'iki gitabo.

Ndashimira by'umwihariko Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho, yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo no kugenzura ko amashusho yakoreshejwemo ari umwimerere.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ryacyo.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo.

By'umwihariko, ndashimira Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo no kugenzura ko amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo ari umwimerere.

Ndangije nshimira abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo.

MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE

ES	Ecole Secondaire
G S	Groupe Scolaire
IPRC	Integrated Polytechnics Regional Center
I.N.R.S	Institut National de Recherche Scientifique
IRST	Institut de Recherche Scientifique et Technologique
Mgr	Monseigneur
NCDC	National Curriculum Development Center
REB	Rwanda Education Board
UNESCO	United Nations Educational, Scientific and Cultural Organization
UNICEF	United Nations Children's Fund
UR	University of Rwanda
USAID	United State Agence for International Development
UTAB	University of Technology and Art of Byumba
nt.	Inteko
GR	Ingombajwi y'indagi
D	Indomo
J	Inyajwi
Co	Igicumbi kirimo inyajwi o
Ce	Igicumbi kirimo inyajwi o
RT	Indanganteko
RS	Indangasano
Z	Umuzi
Zo	Umuzi urimo inyajwi o
Ze	Umuzi urimo inyajwi e
C	Igicumbi
+	Ukwiyunga ku inyajwi cyangwa ingombajwi
→	Ihinduka, bibyara
∅	Iburizwamo/izimira ry'ijwi; ibura ry'akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE	iii
GUSHIMIRA	v
IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE	vi
IRIBURIRO	ix
UMUTWE 1A	1
UMUTWE WA 1A: UMUCO NYARWANDA	2
UMWANDIKO: UGIRA INEZA UKAYISANGA IMBERE	2
UMUGANI MUREMURE	6
UBUVANGANZO BWO MURI RUBANDA	7
UMWANDIKO: KAMI KA MUNTU NI UMUTIMA WE	11
INSIGAMIGANI	14
IMIGANI MIGUFI CYANGWA IMIGENURANO	16
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA MBERE A	21
UMUTWE 1B	25
UMUTWE WA 1B: UMUCO NYARWANDA	26
UMWANDIKO: KAMANA YITWA IZINA	26
IZINA MBONERA GAKONDO	29
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA MBERE B	35
UMUTWE 2	37
UMUTWE WA 2: UMUCO W'AMAHORO	38
UMWANDIKO: YABAYE INTWARI	38
NTERA	42
UMWANDIKO : MPORE NYAMPINGA	47
UMUVUGO	49
IZINA NTERA	52
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KABIRI	55
UMUTWE 3	59
UMUTWE WA 3: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE	60
UMWANDIKO: IHINDUKA RYA MIGAMBI	60
IBISANTERA	64
UMWANDIKO: GASHARU ISURWA N'UMUNYAMAKURU	67
IKIGANIRO MPAKA	71
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATATU	76

UMUTWE WA: 4	79
UMUTWE WA 4: IBIDUKIKIJE	80
UMWANDIKO: NDEKWE NA GATESI BAVUYE KU ISHURI	80
IYIGANTERURO	86
UMWANDIKO: INZOVU Y'AMAKENGA N'IZINDI NYAMASWA	92
IYIGANTERURO	95
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KANE	98
UMUTWE WA 5:	101
UMUTWE WA 5: ITERAMBERE	102
UMWANDIKO: IGIHE KIRAHENDA	102
IKOMORAZINA MVAZINA	104
IKOMORAZINA MVANSHINGA	108
UMWANDIKO NTEKEREZO	112
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANU	114
UMUTWE WA: 6	117
UMUTWE WA 6: IKORANABUHANGA	118
UMWANDIKO: IKORANABUHANGA MU GUKEMURA IBIBAZO	118
AMOKO Y'AMAGAMBO	122
ITONDAGURANSHINGA	128
ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANDATU	133
TWIYUNGURE AMAGAMBO	136
INYANDIKO N'IBITABO BYIFASHISHIJE	139

IRIBURIRO

Munyeshuri wiga mu mwaka wa kane mu mashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange, iki gitabo ni wowe kigenewe. Ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kugufasha kwiga isomo ry'Ikinyarwanda. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiyeye ku bushobozi yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) mu mwaka wa 2015.

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe itandatu. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wubakiyeho. Insanganyamatsiko zigaragara mu myandiko inyuranye. Izo nsanganyamatsiko ni izijyanye n'umuco nyarwanda, umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye, ibidukikije, iterambere n'ikoranabuhanga. Mu mitwe imwe n'imwe harimo ikibonezamvugo kizagufasha gucengera imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda. Buri mutwe usozwa n'isuzuma rusange rizagufasha gusuzuma ubushobozi bwawe.

Iki gitabo kandi kizagufasha cyane gukora imyitoto yawe bwite, gukorera mu matsinda no gukora ubushakashatsi bunyuranye. Bityo rero, urasabwa gukora imyitoto yose igikubiyemo kuko ari ingirakamaro cyane. Iyo wiga hari byinshi wigira kuri bagenzi bawe mu ishuri. Ni yo mpamvu imyinshi mu myitoto ikubiyemo igusaba kujya impaka wungurana ibitekerezo na bagenzi bawe, ukorera mu matsinda. Indi myitoto irimo izagusaba gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, kuri interineti cyangwa wifashisha ibitangazamakuru binyuranye.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitoto izagufasha kwimakaza umuco w'amahoro, gusobanukirwa n'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse n'uburezi budaha, kumva neza ubuzima bw'imyorokere, kurangwa n'umuco wo kuzigama, kwita ku bidukikije no kugira umuco w'ubuziranenge.

Imyitoto ikubiye muri iki gitabo iteguye mu buryo igusaba kugira ubushishozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo, igusaba kandi guhanga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana n'abandi mu Kinyarwanda, kugira ubufatanye, imibanire ikwiye mu bandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni. Harimo kandi imyitoto n'imikoro igufasha guhora wiyungura ubumenyi.

Twizeye ko iki gitabo kizagufasha kwiga neza Ikinyarwanda, kigukundisha ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga wigana ubuvanganzo wize, kugira ngo ukurane inyota yo kugira ubushobozi bwo gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.





UMUTWE 1A

UMUCO NYARWANDA

UMUTWE WA 1A: UMUCO NYARWANDA

UMWANDIKO: UGIRA INEZA UKAYISANGA IMBERE



Hariho umugabo witwaga Majyambere akagira umugore witwa Mukandanga. Babyarana abana babiri umuhungu n’umukobwa. Umuhungu bamwita Rugwiro, umukobwa bamwita Ineza. Abo bana barakura, barangije amashuri abanza bajya mu yisumbuye. Byari akamenyero muri uyu muryango ko mbere yo kujya kuryama babanza gutarama ndetse bakibukiranya uko umunsi wagenze.

Umunsi umwe nimugoroba, Majyambere ahamagara umuryango we ngo baganire nk’uko byari bisanzwe, dore ko yari amaze iminsi mu bitaro kubera imvune. Bicara mu ruganiriro, babanza gusakuzanya ibisakuzo binyuranye, bakurikizaho kubwirana uko umunsi wagenze. Majyambere araterura ati: “Bana bange rero dore mumaze guca akenge, umwe avuye mu bugimbi undi mu bwangavu. Mu bihe bya vuba Rugwiro araba abaye umusore uhamye naho Ineza abaye inkumi. Muramenye rero mutazamera nk’abana bo kwa Mihayo birirwa baryana nk’abataronse ibere rimwe; ahubwo mwe muzatere ikirenge mu cy’ababyeyi banyu babibarutse. N’itegeko

ry’Imana ririgisha ngo: ‘Urage wubaha so na nyoko.’ Muzitware nkange na nyoko ubabyara, muzakome inkanda z’ababibarutse; muzi ko Igihugu cyose kidutangaho urugero rwo kuba turi imbonera mu maso ya rubanda rwose. Mukwiye kujya mwubahana, mugafashanya kandi buri wese agaharanira kurwanya icyagirira nabi mugenzi we. Si byo?”

Rugwiro, wari umaze guhinduka, ngo arite mu gutwi, ahita aca se mu ijambo. Atera hejuru ati: “Umva ‘mani’, ngewe sinkeneye ibi biganiri bya ‘dadi’, age abiganiriza abo mu gihe ke rwose! Nge n’abatipe’ n’abatipete’ twigana twiyemeje ko nta muntu ukwiye kwivanga mu buzima bwacu cyangwa ngo natwe twivange mu bwe. Ubwo ‘amaniga’ yange n’abandi ‘bataramu’ babyumva! Ashwi da! Twe tuzirwariza, nimutureke mwarangije kutubyara! Asyi we! Nitwinanirwa, wenda tuzipfire. Si byo ‘mani’?”

Ineza ahita ahaguruka n’agahinda kenshi, niko gutonganya musaza we Rugwiro agira ati: “Ariko Rugwi, n’iyo utiyubashye ntiwubaha umubyeyi wacu watubyaye koko? Uratinyuka ugaca data mu ijambo ukoreshaje n’ayo magambo yawe y’inzaduka! Ubu se umuntu yabona ko wiga mu mwaka wa kane aho batumenyereza kuganira no gutanga ibitekerezo byubaka? Iyaba wari uzi icyo izina ryawe risobanura, wakagombye kumenya agaciro k’ibiganiri nk’ibi.”

Mukandanga we yari yumiwe kubera iyo mvugo igoretse y’umuhungu we. Majyambere yongera gufata ijambo agira ati: “Bana ba, mucishe make dukomeze tunganire. Ibi ndabibabwira kugira ngo mutegure ejo hanyu heza kuko burya ngo: ‘Akabando k’iminsi gacibwa kare kakabikwa kure’. Ngaho nimureke twikomereze ikiganiri mbacire umugani wa Bagabobarabona akizwa n’imbeba.” Ineza n’akanyamuneza mu maso ati: “Tuguteze yombi mubyeyi, ubwo ejo ni mama utahiwe, urumva mama?” Rugwiro arisekera asa n’utumvise ijambo rya mushiki we.

Majyambere aranzika ati: “Kera habayeho umugabo witwaga Bagabobarabona amara igihe kinini ashakanye n’umugore we nta rubyaro. Nyuma umugore arasama. Umugore amaze gusama abwira umugabo we ati: ‘Ndashaka inyama y’ikibirima.’ Umugabo ashumukura imbwa ye ajya guhiga. Ageze mu ishyamba aratega, acaho arataha. Bukeye agiye kureba icyo umutego wafashe asanga ari imbeba.

Nuko imbeba iramubwira iti: ‘Yewe wa mugabo we, iyo unkijije iri zuba, ko nange nazagukiza imvura.’ Bagabobarabona arayisubiza ati: ‘Ubwo unyise umugabo, ndagukiza.’ Arayitegura irigendera. Bagabobarabona ajya gutega ahandi. Mu gitondo agarutse asanga noneho hafashwe ikibirima, arakikorera arakijyana. Imvura iza kugwa ajya kugama munsu y’urutare, imbwa ye iramukurikira. Urwo rutare rukaba rutuwemo n’impyisi. Impyisi iraza iti: ‘Nari niriwe n’ubusa none mbonye icyo ndya!’ Impyisi irongera iti: ‘Yewe wa mugabo we, bwira iyo mbwa yawe irye icyo kibirima, nirangiza uyirye, maze nange nkurye.’ Igihe ikibivuga ibona ingwe irinjije.

Ingwe ibwira Bagabobarabona iti: 'Yewe wa mugabo we, bwira iyo mbwa yawe irye ikibirima, nawe uyirye, impyisi ikurye, nange nyirye!' Ako kanya intare iba irahageze, ibwira Bagabobarabona iti: 'Yewe wa mugabo we, bwira iyo mbwa yawe irye icyo kibirima, nawe uyirye, impyisi ikurye, ingwe iyirye, maze nange nyirye!' Intare ikibivuga ibona imbeba irinjiye, iti: 'Induru numvise aha itewe n'iki?' Biyibwira ibyo byajyagamo impaka, birangije imbeba iraterura iti: 'Yewe wa mugabo we, bwira iyo mbwa yawe irye ikibirima, nawe uyirye, impyisi ikurye, ingwe iyirye, intare na yo irye ingwe, maze nange mbone uko mbarya mwese.'

Intare yitegereza ingano y'imbeba itambuka ijya kuyikandagira. Nuko imbeba ivuza induru izindi mbeba zirahurura. Imbeba zigeze aho, intare irazireba iti: 'Singiye kwerezwa n'imbeba.' Intare irigendera. Ingwe ibibonye iti: 'None intare yagaruka ikansanga aha ikanyica naba nzize iki?' Iragenda. Impyisi na yo iti: 'None ingwe yaza ikanyica, naba nzize iki?' Iragenda.

Byose bimaze kugenda, imbeba ibwira Bagabobarabona iti: 'Sinakubwiye ko nunkiza izuba nzagukiza imvura! Cyo ngaho igendere.' Nuko Bagabobarabona arataha n'imbwa ye n'ikibirima akikoreye. Ageze mu rugo, aha umugore we ikibirima yari yamutumye. Umugore arateka ararya. Si nge wahera hahera umugani."

Majyambere yarangije guca umugani, umuhungu we Rugwiro yamaze gukubita ibipfukamiro hasi asaba imbabazi. Araterura ati: "Uwo mugani w'imbeba uranyigishije rwose. Mbasabye imbabazi kubera imyitwarire yange idahwitse. Menye ko iyo ukoze neza witurwa ineza. Ni byo koko dukwiye kwemera kugirwa inama, tugafashanya kandi tukubaha umuntu wese. Niyemeje kandi kujya nitwara neza imbere y'abanduta kandi nkajya nkoresha imvugo ikwiye umwana wageze mu ishuri." Umuryango usezeranaho wishimye bahita bajya kuryama.

I. Inyunguramagambo

1. Uzuzura mu ruhushya A amagambo yakoreshejwe mu mwandiko afite ibisobanuro mu ruhushya B

A	B
.....	Muzigane ababyeyi banyu.
.....	Umuntu w'inyangamugayo, abantu batangaho urugero
.....	Akimara kumva ijambo avuze.
.....	Atangira kuvuga.
.....	Gukura uva mu bwana ugana mu busore cyangwa mu bukumi.
.....	Mu kigero k'imyaka iri hagati y'ikenda na cumi n'ine ku mwana w'umukobwa.
.....	Mu kigero k'imyaka hagati ya cumi n'itatu na cumi n'itandatu ku mwana w'umuhungu.
.....	Ubwoko bw'imbeba iba mu rubingo.

2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.
- Umugore wa Bagabobarabona yari afite inda akeneye kurya imbonekarimwe.
 - Mbere yo kubwira Muka Bagabobarabona yari yarabuzwe ibiribwa byose..
 - Umuhigi arekura imbwa ze ajya mu ishyamba guhiga.
 - Bagabobarabona ayikura mu mutego irigendera.

II. Kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

- Ese inama umubyeyi agira abana be mu mwandiko zifite ishingiro? Sobanura.
- Umwana ugaragaraho ikinyabupfura gike ni nde? Bigaragazwa n'iki?
- Uretse kuzamura intugu, hari ibindi bimenyetso byerekana agasuzuguro waba uzi? Bivuge.
- Erekana zimwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda zigaragara mu mwandiko.

III. Gusesengura umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko wasomye.
2. Garagaza ingingo zijyanye n'umuco usanga mu mwandiko.
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko ku bijyanye n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse no kubungabunga ibidukikije?

UMUGANI MUREMURE

Ongera usome umugani wa "Bagabobarabona akizwa n'imbeba" uri mu mwandiko wasomye, witegereze imiterere yawo, uko utangira, uko usoza, ibivugwamo, maze utahure inshoza n'uturango byawo.

1. Inshoza y'umugani muremure

Umugani muremure ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda, yujemo ibintu usanga bidashoboka mu buzima busanzwe n'amakabyankuru. Igaragaramo inkuru rubanda bahimba kugira ngo bashimishe abayumva cyangwa se ngo bigire icyo bibigisha.

Imigani miremire igusha ku nsanganyamatsiko zinyuranye kandi abanyarubuga bayo ugasanga bari mu nzego zitandukanye : abantu, inyamaswa, ibiguruka, ibintu n'ibindi. Umugani ugira uko utangira n'uko usozwa. Mu migani kandi hakunda kubamo ibice biririmba. Umugani utwara abantu mu isi itandukanye n'isanzwe.

2. Uturango tw'umugani muremure

- Utangizwa na "Kera habayeho... cyangwa umunsi umwe...";
- Usozwa na "Si nge wahera hahera umugani cyangwa hahera runaka cyangwa ikindi kintu";
- Ugaragaramo amakabyankuru n'ibitangaza;
- Uvuga ibintu bitabayeho ndetse bitanashoboka;
- Hari imwe mu migani miremire igira ibice bavuga baririmba;
- Hari imiziro imwe n'imwe ijyana no guca umugani muremure, cyanecyane nko guca umugani ku manywa.

3. Ingero z'imigani miremire

- Umugani wa Nyashya na Baba.
- Umugani wa Sebwigugu n'umugore we.

Umwitozo

Shaka undi mugani muremure hanyuma uwucire bagenzi bawe.

UBUVANGANZO BWO MURI RUBANDA

Soma iki gika maze usubize ibibazo bigikurikira.

Abanyarwanda bakoraga imirimo itandukanye bakizihirwa. Abahinga ubudehe bakidogera isuka bakaririmba imparamba, abahigi mu kibira bakaririmba amahigi, baba bamashije umuhigo bakaroha ibyirahiro. Buri mwuga wari ufite umwihariko, abasare mu mazi bakaririmba amasare, abavumvu bavugaga amavumvu bahamagara inzuki cyangwa baziyama ngo zitabadwinda. Mu gitaramo abagabo bashoboraga kwivuga, mu gihe cy’umuhuro umukobwa agiye kubaka urwe bakamuhoza baririmba ibihozo, abana bakarushanwa kuvuga vuba amagorane, utezwe mu mvugo bakamuseka n’ibindi. Abanyarwanda bari bazi kwirwanaho bimara ubute, bataramye cyangwa bakora akazi runaka.

Ikibazo

Uhereye kuri aka kandiko urasanga amasare, amavumvu, ibihozo n’amagorane ari ubuvanganzo bwari bugenewe ba nde? Kora ubushakashatsi utahure inshoza n’uturango by’izo ngeri z’ubuvanganzo, unarondore izindi ngeri zo muri ubwo buvanganzo.

1. Inshoza y’ubuvanganzo bwo muri rubanda

Ubuuvanganzo bwo muri rubanda ni ibihangano byahimbwe n’abantu ba kera, bakaba barahimbaga batandika, bakabifata mu mutwe. Ibyo bahimbaga babishyikirizaga ab’igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo, bakagenda babiraga abo basize, bityobityo bakagenda babiherekeranya mu mvugo. Ubu buvanganzo bwo muri rubanda bukubiyemo ibintu byinshi byari byarasakaye muri rubanda. Nta muntu bwitirirwaga ko yabuhimbye.

2. Ingeri z’ubuvanganzo bwo muri rubanda

Muri ubu buvanganzo hakubiyemo ingeri nyinshi, muri zo twavugaga imigani miremire, ibitekerezo byo muri rubanda, imigani migufi(imigenurano), insigamigani, inanga zo muri rubanda, uturingushyo tw’abasizi, ibisingizo by’inyamaswa, ubuvanganzo bujyanye n’imyuga n’imihango, ubuvanganzo bw’urwenya bwo muri rubanda n’ubuvanganzo bw’abana. icyakora hari ibyo Abanyarwanda benshi bari bahuriyeho kandi n’ubu bigifite agaciro.

a) Ibitekerezo byo muri rubanda

Ibitekerezo ni ingeri y'ubuvanganzo bwo muri rubanda. Ibitekerezo bihimbwa akenshi bifatiye ku muntu runaka wabayeho cyangwa utarabayeho. Ibitekerezo bigira amakabyankuru ariko ibikorwa biba bibera muri iyi si isanzwe. Hari abanyarubuga bamamaye bavugwa mu bitekerezo byo muri rubanda. Abo ni nka Semuhanuka, Nyirarunyonga, Ngunda, Serugarukiramfizi n'abandi.

Imigani miremire n'ibitekerezo bihuriye ku kubara inkuru. Nyamara aho bitandukaniye ni uko imigani ivuga ibintu by'ibitangaza bidashoboka, by'indengakamere naho ibitekerezo byo ugasanga bifite aho bihuriye n'imico n'imyifatire y'abantu mu buzima bwabo bwa buri muni.

b) Imigani migufi (imigenurano)

Imigani migufi (imigenurano) ni imvugo ziba zarahimbiwe kwigisha cyangwa gutanga impanuro.

c) Insigamigani

Insigamigani ni ingeri y'ubuvanganzo bwo muri rubanda ikubiyemo ibitekerezo bifatiye ku muntu wakoze ikintu iki n'iki cyangwa se ikintu cyabaye mu gihe runaka bigahinduka iciro ry'umugani n'ubu ugikoreshwa. Ishobora kuba kandi iyo mvugo ubwayo, umuntu cyangwa ikintu yakomotseho.

d) Ibisakuzo

Ibisakuzo ni ingeri yagenewe kwigisha no kwidagadura. Binyura mu mukino ugizwe n'ibibazo by'ubufindo n'ibisubizo byabyo. Ubaza agira ati: «Sakwesakwe». Mugenzi we agasubiza ati: «Soma». Ubwo undi akavuga igisakuzo, mugenzi we atashobora kugisubiza undi ati: «Kimpe». Mugenzi we ati: «Ngicyo», umukino ugakomeza gutyo. Usanga mu bisakuzo harimo ibya kera cyane, ariko hakabamo n'ibya vuba bigusha ku mateka ya hafi. Ndetse no muri iki gihe abantu bashobora guhimba ibisakuzo byunganira iriya nganzo yo hambere.

e) Inanga zo muri rubanda

Inanga zo muri rubanda zivuga ibintu bireba imibereho yacu ya buri muni. Kimwe n'inanga nyabami, inanga zo muri rubanda na zo zishyirwa mu rwego rw'ubuvanganzo kubera amagambo abacuranzi bavugaga babwira inanga. Mu Rwanda rwo hambere inanga zari mu bihangano bikesha ibirori n'ibitaramo. Bityo inanga abana bayigiraga ku babyeyi babo cyangwa ku baturanyi. Muri iki gihe inanga ahanini zumvikana kuri radiyo no kuri tereviziyo kubera ko abazi kuzicuranga ari mbarwa. Abakiri bato bo usanga nta cyo zibabwiye; ahubwo bayoboka ibijyane na muzika bavugaga ko ari byo bigezweho.

Ku nanga zo muri rubanda umuntu ashobora kongeraho n'ibindi bikoresho bya muzika gakondo, nk'umuduri, iningiri, ikondera n'ibindi bikoresho bacuranga.

f) Uturingushyo tw'abasizi

Ni utubango tugufi duhimbye ku buryo bw'ibisigo. Utwo tubango twagenewe kuganira cyangwa gucibwamo imigani ifite icyo yigisha.

g) Ibisingizo by'inyamaswa

Byitwa ibisingizo ariko uko bivugitse ntibiba bishimagiza byanze bikunze iyo nyamaswa. Hari ibivuga inzoka, impyisi (Bihehe), akenshi bikaba ari bigufi. Aha umuntu yashyiramo n'indirimo baririmbira inka.

h) Ubuvanganzo bujyanye n'imyuga n'imihango

Mu mirimo Abanyarwanda bo hambere bakoraga cyangwa ibirori n'imihango bateguraga, bahaga uruhare rukomeye ubuvanganzo.

Aborozi bafite ingeri y'ubuvanganzo ijyana n'uwo murimo: hari ibihamagaro ari byo bivuga udusingizo duhamagara inka igiye gukamwa cyangwa kumurikwa; hari n'indirimo z'inka zigizwe n'amahamba, amabanga (amahindura), indama, imyama (imyoma)n'ibisigo.

- Abahinzi bagira ubuvanganzo bwo kwitanga (kwidoga, kwisiga no kuvuga isuka).
- Abavumvu bagira amavumvu ni ukuvuga amagambo babwira inzuki, bazihamagara, bazisingiza...
- Abahigi na bo bahimbaga amahigi (abayahimbaga bitwaga abasirizi) y'abanyagishanga, abanyamuheto n'abongora, akagira kandi amoko menshi: imiyango, amarekezi, amagoyi n'ibindi.
- Mu mihango y'ubukwe na ho habagamo kandi n'ubu haracyabamo imisango ari byo bivuga amagambo avugwa mu bukwe akavugwa n'abakwe bakuru. Muri iki gihe abatanga amagambo (abasangizajambo) na bo usanga bagira uruhare mu kunoza amagambo.
- Mu mihango kandi habamo n'ibihozo biba ahanini bigenewe abagore n'abana. Ibihozo by'abakobwa bikunda kuvugwa mu muhuro.
- Mu mihango n'ibirori ntitwakwibagirwa imbyino n'indirimo akenshi zikunda guherekezwa n'ingoma. Muri izo mbyino zo muri rubanda dusangamo ikinimba, imparamba, ibyishongoro, imishayayo, izicyura intore, imbyino z'imandwa (umuhara), iz'ubukwe n'izindi.

i) Ubuvanganzo bw'urwenya bwo muri rubanda

Abanyarwanda ni abantu bakunda gutera urwenya. Hari uburyo bwo gutera urwenya bwakendereye ariko hari n'ubukiriho. Kera wasangaga hari ibisetso, ubuse, ibinegu n'ubukeshya bukubiyemo urwenya rusanze, gutebya, uturingushyo, amahungu, byendagushya, bagiramenyo n'ibindi.

j) Ubuvanganzo bw'abana

Abanyarwanda bo hambere ntabwo bibagiwe ubuvanganzo bw'abana. Ibinezaneza by'abana, haba mu guhanga cyangwa kwidagadura mu byo abandi bahanze, ibyinshi babikura ku bakuru. Abana bagira udukino babwirana, bagira utwivugo tw'amahomvu, bagira imvugo z'urufefeko ndetse n'uturirimbo. Abana cyanecyane muri ibyo bihe byo hambere bagiraga ibitutsi, bagakoronga cyanecyane abashumba, bagakina ibisakuzo ndetse n'amagorane.

Umwitoto

Vuga mu magambo yawe bwite ibiranga ubuvanganzo bwo muri rubanda.

UMWANDIKO: KAMI KA MUNTU NI UMUTIMA WE



Uyu mugani, bawuca icyo babonye umuntu yiyemeje kwihitiramo icyo bamwe bamubuza; nibwo bagira, bati: «Kami ka muntu ni umutima we nimumwihorere». Wakomotse kuri Muhangu wo mu Mvejuru (Huye) ku ngoma ya Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I ahasaga umwaka wa 1400.

Kuri icyo ngoma, hariho umugabo wo mu bwoko bw'Abakobwa akitwa Muhangu, akaba umupfumu wa Mibambwe Sekarongoro. Muri ubwo bupfumu bwe, yari akubitiyeho n'ubutoni bunini kuri shebuja. Bukeye, umwe muri baka Mibambwe asama inda, imaze gukura Mibambwe ategeka abapfumu be kugisha, kugira ngo barebe aho umugore we akwiye kuzabyarira. Abapfumu bajyana imbuto y'uwo mugore bararagura. Abenshi bemeza ko akwiye kubyarira mu Cyambwe (ahahoze ari muri Gitarama); Muhangu wenyine yemeza ko akwiye kubyarira mu Bitagata bya Muganza (na ho hahoze ari muri Gitarama). Bavuye mu rugishiro (aho abapfumu bateranira baragura), baza kuvuga uburyo imana zagenze. Bageze kuri Mibambwe, bati: «Twese twemeje ko umugore wawe akwiye kuzabyarira mu Cyambwe; bati: «Keretse Muhangu wenyine ni we wereje ko akwiriye kubyarira mu Bitagata bya Muganza!» Kubera ubutoni bwa Muhangu, bituma Mibambwe yemera mu Bitagata bya Muganza.

Nuko muka Mibambwe bamwohereza mu Bitagata kwaramirayo. Hacyeyeho iminsi, agiye ku nda arananirwa arapfa. Abapfumu bereje ko yabyarira mu Cyambwe baba baboneyeho urwaho rwo kurega Muhangu wabarushaga ubutoni; dore ko nta muhakwa ukunda undi. Babwira Mibambwe, bati: «Nta kindi kishe umugore wawe; yishwe na Muhangu watumye aya kwaramira aho atereje!» Mibambwe bimujyamo arabyemera, biramubabaza cyane.

Inkuru igera kuri Muhangu, iwe mu Mvejuru. Abyumvise arahambira n’abe n’ibye, afumyamo aracika aya i Burundi. Agezeyo akeza umwami waho, aramwakira, amushyira mu bapfumu be. Muhangu aratona cyane, ndetse ngo kurusha uko yari ameze mu Rwanda. Ubwo yari afite abana b’abadabagizi kuko bakuriye mu bukire, ariko bagakunda guhakwa n’ibwami, ndetse ngo ntibiyibutse no gusezera ngo batahe.

Bukeye Muhangu arabyitegereza, asanga abana be nta cyo bazimarira, ni bwo abasezereye ubwe barataha. Bamaze gutaha, na we arabakurikira abasanga iwe. Akigerayo, arabatumiza ngo baze kumwitaba. Bamaze kuhagera, atumiza abatoni be n’abagaragu b’irimenanda; bose baraterana baba uruvange. Ahamagara abana be, arababwira, ati: «Bana bange kwikota ibwami si bibi; ibibi byanyu ni ukutagira icyo mubwira umwami mukimusaba! », ati: «Mubuze akandi kami kadahwanye n’umwami, ariko kakaba ari ko gatuma umuntu abana n’umwami neza!»

Abahungu be n’abagaragu be birabayobera, bararebana gusa. Muhangu abonye ko bajumariwe, ati: «Dore ako kami gato gashyikiriza umuntu ku mwami, ni umutima we». Bose batangarira iryo jambo Muhangu abatunguje, birahorwa.

Nuko hacyeyeho iminsi Muhangu arapfa, abana be basigara muri bwa butoni yabacumbiye. Bukeye, mukuru wabo akubaganya umugore w’umwami w’i Burundi baramufata; bimushyira mu makuba arabohwa aranyagwa, byototera na barumuna be; bose baranyagwa. Abagaragu ba Muhangu bamaze kubibona, bibuka rya jambo yasize avuze, bati: «Muhangu yabivuze ukuri koko ‘Kami ka muntu ni umutima we!’» Yavuze ko umutima w’umuntu ari akami gato, umwami akabangikana na ko; ariko kakaba ari ko gatuma akunda nyirako!

Nuko rubanda babisamira hejuru ubwo, babona uwiyemeje icyo abandi bamuhinyuriraga, bati: «Nimumureke burya kami ka muntu ni umutima we!» Aho ni na ho kandi haturutse «**kwigira kami gato**» bivuga **kwigira ikigenge**. **Kami ka muntu** bivuga **umutima nama**.

I. Inyunguramagambo

4. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.

- | | |
|-------------------------|---------------------------|
| a) Umukobwa (umukôobwâ) | h) Kwikota |
| b) Umupfumu | i) Kujumarirwa |
| c) Kugisha | j) Gutona |
| d) Kwarama | k) Abagaragu b'irimenanda |
| e) Urwaho | l) Gucumbira |
| f) Gufumyamo | m) Kunyagwa |
| g) Gukeza | |

5. Uzuzura kandi ukosore aho bishoboka izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira dusanga mu mwandiko: kunyaga, gufumyamo, kwarama, gukeza, urwaho, kubyara.

- Baravugaga ngo: "Nta..... abami babiri."
- Umujura aguciye..... yakwiba.
- Kera uwitwaraga nabi ibwami bashoboraga.....
- Ubu ababyeyi bajya kwa muganga.
- Kariza yikanze abajura bamukurikiye maze ariruka.

6. Tanga izindi nyito z'aya magambo zitakoreshejwe mu mwandiko

- Kwera
- Kugisha

II. Kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

- Iyi nkuru yabaye mu kihe kinyejana? Aho yabereye ubu ni mu kahe Karere k'u Rwanda? Mu yihe Ntara?
- Ni irihe zina ry'ubwami rya Mibambwe Sekarongoro?
- Muhangu yari muntu ki? Byamugendekeye bite kugira ngo ave mu Rwanda?
- Abana ba Muhangu bazize ubusa. Ni byo cyangwa si byo? Sobanura.
- Murumva Muhangu yarashakaga kuvuga iki abwira abana be ko "kami ka muntu ari umutima we?"
- Ni iki cyabaye ku bana ba Muhangu amaze gupfa? Ese bubahirije inama za se?

III. Gusesengura umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Garagaza ingingo z'amateka n'ingingo z'indangamuco ziri muri uyu mwandiko.
2. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.
3. Subira mu mwandiko mu magambo yawe bwite, ugereranye ibyo wasomye n'ubuzima bwa buri muni.

INSIGAMIGANI

Ongera usubire mu mwandiko wasomye, witegereza imiterere yawo, uko utangira, uko usoza, ibivugwamo maze utahure inshoza n'uturango byawo.

1. Inshoza y'insigamigani

Insigamigani ni ingeri y'ubuvanganzo bwo muri rubanda zikubiyemo ibitekerezo bifatiye ku muntu wakoze ikintu iki n'iki cyangwa se ikintu cyabaye mu gihe runaka bigahinduka iciro ry'umugani n'ubu ugikoreshwa. Ishobora kuba kandi iyo mvugo ubwayo cyangwa icyo yakomotseho.

Hari insigamigani ziteye nk'imigenurano hakaba n'iziteye nk'inshoberamahanga cyangwa inshoberane. Iziteye nk'imigenurano kimwe n'iziteye nk'inshoberane zitwa insigamigani kubera ko aho zakomotse haba hazwi. Umuntu amagambo y'insigamigani yakomotseho na we yitwa insigamigani cyangwa imvano y'umugani. Naho inkuru zisobanura amavu n'amavuko y'insigamigani zitwa ibirari by'insigamigani, ni ukuvuga ibisobanuro birambuye by'izo nsigamigani.

2. Uturango tw'insigamigani

Insigamigani itangira bavuga inkomoko y'uwo mugani, ikavuga ibyabayeho ku bantu bazwi kandi mu gihe kizwi. Insigamigani ivuga igitekerezo gifatika ku kintu cyakozwe cyangwa cyavuzwe n'umuntu bigahinduka iciro ry'umugani. Insigamigani kandi isozwa basobanura uwo mugani. Insigamigani zirimo ingeri ebyiri: insigamigani nyirizina n'insigamigani nyitiriro.

a) Insigamigani nyiri izina

Insigamigani nyiri izina ni iz'abantu bazwi neza amavu n'amajyo ku buryo abantu bemeye kwigana imigirire yabo mu mvugo ya buri gihe; bigahinduka inyigisho y'ihame.

b) Insigamigani nyitiriro

Insigamigani nyitiriro ni ibindi rubanda baba baragenuriyeho bakabigira iciro ry'imigani ariko atari byo byabivuze cyangwa se byabikoze. Aha dusangamo nk'inyamaswa, inyoni...

Ingero: Impyisi iti: "Kuvuga ni ugutaruka."

Inyombya iti: "Mbateye akari aha."

Mu nsigamigani nyirizina habamo imvano y'umugani mugufi n'umugenzi wawo.

a) Imvano y'umugani mugufi

Imvano y'umugani mugufi ni umuntu uba yaravuze ijambo cyangwa yarakoze igikorwa kikamwitirirwa kigasigara cyarahindutse umugani. Akenshi muri uwo mugani haba hanagaragaramo izina ry'uwo muntu.

Ingero

- Yarezwe bajeyi
- Yariye karungu
- Yagiye kwangara
- yigize syori...

b) Umugenzi w'umugani

Umugenzi w'umugani ni umuntu uba waravuze amagambo agahinduka umugani n'ubu ugikoreshwa.

Ingero:

- Muhangu ati: "Kami ka muntu ni umutima we."
- Rugaju ati: "Nguye mu matsa."

Umwitoto

Tandukanya insigamigani n'umugani muremure.

Umukoro

Buri wese azage mu isomero ryaba iryo ku ishuri cyangwa irindi rimwegereye, asome insigamigani yindi iboneka mu bitabo binyuranye azaze ayisobanurire abandi.

IMIGANI MIGUFI CYANGWA IMIGENURANO

Itegereze izi mvugo zitsindagiye mu mwandiko ukurikira hanyuma utahure inshoza yazo, imiterere yazo, ukore ubushakashatsi ku nkomoko ya bene izo mvugo, unerekane isomo rizikubiyemo.

Uwitonze akama ishashi

Karabo ni umukobwa wo mu muryango wa Karera, yatsinze ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye bamwohereza kwiga mu mugu. Mbega ibyishimo yagize wee! Dore ko bwari n'ubwa mbere agiye gukundagiyo! Yumvaga azahungukira byinshi kuko ngo: **"Akanyoni katagurutse katamenya iyo bweze."** Buri buke ngo umunsi wo gutangira ugere rero, Karabo yataramanye n'ababyeyi be bamuha impano ari yo yari yuzuyemo impanuro azakurikiza. Mwana wange **umwambari w'umwana agenda nka se** kandi ngo: **"Inyana ni iya mweru."** Ugiye kudukuhagararira, ubukesha twagutoje ntuzabutaire. Uzige utsinde maze use natwe ndetse udusumbye.

Ndabizi babyeyi ko ntatatira inzira yanyu indinde iba kabiri: **"ndinda dawe na ndinda mwana wange"**. Iyange rero, sinzayitera umugongo. Yego mwana wacu, ku ishuri rero uzahahirira n'ingeri nyinshi ukomeze inzira nziza kuko **ingendo y'undi iravuna** kandi ngo: **"Umugezi w'isuri urisiba."** Ntuzishinge bamwe baca mu nzira mbi ugasanga icyabajyanye batagicyuye. Ntuzacike intege kuko imbuto y'umugisha yera ku giti cy'umuruho.

Karabo yabasezeranyije ko atazatatira icyo gihango. Ageze ku ishuri ahura n'ibigeragezo byinshi ariko arabitsinda yiga neza dore ko yari afite ubushake. Yakoranye umwete akurikiza inama yahawe arangiza ari uwa mbere mu ishuri akomeza na kaminuza. Koko ngo: **"Imbyeyi isuzumirwa ku cyansi"**, ubu Karabo ari mu bashimirwa umusaruro mwiza batanga mu mirimo ashinzwe mu Gihugu.

1. Inshoza y'umugani mugufi (Umugenurano)

Imigani migufi ni imvugo ziba zarahimbiwe kwigisha cyangwa gutanga impanuro ku bantu. Umugani mugufi ni umwanzuro w'amarenga y'intekerezo ukoresha nk'inshamake y'umugani muremure maze uwubwiwe akawumva mu mvugo ishushanya kandi igenura, ari na yo mpamvu imigani migufi banayita imigani y'imigenurano.

Iyo urebye mu migani iri mu Kinyarwanda cyangwa mu zindi ndimi, usanga nta nsanganyamatsiko itaravugwaho. Ni na yo mpamvu buri gihe mu biganiriro bya buri munsi abantu bakunda kwitabaza imigenurano bagira bati: «Hari umugani uvuga ngo..., Umunyarwanda yagize ati..., baravuga ngo...»

Iyo migenurano rero ishobora kuvuga ku mico n’imyifatire, ku burere, ku mibanire y’abantu, ku karengane, ku butabera, ku mahoro, ku bwitange, ku kuri, ku kwihangana n’ibindi. Ushatse gutanga inyigisho cyangwa impanuro mu magambo make abinyuza mu mugenurano.

2. Imiterere y’imigani migufi

Umugani migufi wumvikana ku buryo bubiri ari na ho hakuwe imvugo ko ugenura. Uburyo bwa mbere ni **uburyo bwa kamere yawo**. Iyo umuntu awuciye, uwumvise awumva mu mvugo iboneye, mbese itamugora kuyumva.

Urugero: “Umugezi w’isuri urisiba”. Wumvise uyu mugani ko iyo umugezi usakuma ibintu byinshi: ibiti, ibyatsi, ibitaka... ugera aho biwufunga ugasibama, wumva ko ari byo kandi byumvikana. Uburyo bwa kabiri ni **uburyo bw’amarenga**. Uciriwe uwo mugani cyangwa undi wese uwumvise agomba gutekereza, agashishoza akumva neza icyo bamubwirira muri uwo mugani. Mbese ibyo uwo mugani umushushanyiriza, umubwira mu marenga. Akumva ko agereranywa n’uwo mugezi, ko imico mibi yakora yibwira ko akorera abandi bigera aho akaba ari we bigiraho ingaruka.

Imigani migufi rero ni ubuvanganzo bwigisha, bukosora kandi bukanenga imigirire idahwitse.

3. Inkomoko y’imigani migufi

Imigani y’imigenurano igira inkomoko zitandukanye. Hari ikomoka ku migani miremire hakaba n’ikomoka ku mateka; cyokora hari n’imigani ikomoka ku bantu batazwi.

a) Imigenurano ikomoka ku mateka

Imigenurano ikomoka ku mateka ni yo yitwa «insigamigani»

Urugero

Nzashira i Ngurugunzu nkiri Ngagi.

Ngurugunzu ni umusozi wo mu Kingogo, hafi ya Kibirira, Gatumba na Muhororo. Umugabo witwaga Ngagi wavuze ayo magambo ni ho yari atuye. Ngagi yari yaranzwe no kuba inyangamugayo cyane. Ntawigeze amwumvaho ijambo ribi na rimwe. Igihe kimwe umuntu ashaka kumucumuza maze amushinga umuhunda w’icumu ku kirenge nkana kugira ngo avuge nabi maze ubunyangamugayo bwe bute isaro. Ngagi arashinyiriza aramubwira ati: “Shingura nzashira i Ngurugunzu nkiri Ngagi.” Gushira i Ngurugunzu ni ugupfa, kuko upfuye ntiyongera kugaruka aho yari atuye. Nk’aho yakavuze ngo: “Nzatsimbarara ku butungane bwange noye kubuvirira kugeza mfuye”.

b) Imigenurano ikomoka ku migani miremire

Iba ikomoka ku bintu by'amayobera, ibitangaza n'amakabyankuru.

Urugero

Ubugiraneza bw'inkware bwayigonze ijosi

Igihe kimwe umusozi warahiye, inkware yari kuri uwo musozi irigurukira ngo ihunge umuriro. Inzoka irayihamagara iti: "Nyabuneka Nkware ntunsige muri aka kaga reba ukuntu nange wangurukana." Inkware iremera iyizingira ku ijosi irayihungisha. Bigeze ku wundi musozi inkware isaba inzoka kujya hasi ngo yigendere inzoka iti: "Sinkurekura nakugeze ku ngusho!" Inzoka iniga inkware irayica izize ubugiraneza bwayo. Aho ni ho hakomotse uwo mugani w'umugenurano. Birumvikana ko wakomotse ku nkuru itarabayeho kandi irimo amakabyankuru; ari na yo mugani muremure.

4. Ingero z'imigani migufi isobanuye

Uwitonze akama ishashi: ushoboye kwihangana agategereza agera ku kiza yashakaga.

Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze: utahagurutse ngo arebe icyo ahandi bamurusha, ntamenya aho umukiro uherereye. Uwo mugani bawuca igihe wababariye iwanyu, watirimukira ahandi ukahakirira, nibwo bavuga bati: "Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze".

Umwambari w'umwana agenda nka se: abato bakunda kwigana abakuru, iyo rero bafite imico myiza ni yo bigana na bo ikabaranga.

Inyana ni iya mweru: imico myiza cyangwa mibi bayikomora (bayica) ku babyeyi.

Ingendo y'undi iravuna: kwigana imico y'undi si byiza kuko ishobora kugushyira mu bibi cyangwa ibyago.

Imbutu y'umugisha yera ku giti cy'umuruho: ni ngombwa kwemera kuvunika ukihanganira ingorane uhura na zo kugira ngo ugere ku cyo ugamije.

Gushaka ni ugushobora: iyo ufite ubushake icyo wifuza ukigeraho.

Imbyeyi isuzumirwa ku cyansi: inka isuzumwa n'umukamo. Iyo yatubije amata cyangwa ikayabura nibwo bamenya ko irwaye. N'umuntu asuzumirwa ku murimo. Iyo yananiwe nibwo bamenya ko nta cyo ashoboye.

Umugezi w'isuri urisiba: iyo ugenda ukomeza kongera imico mibi amaherezo ni wowe bigiraho ingaruka.

Imyitozo

1. Ni uwuhe mugani w'umugenurano uhuye n'imyitwarire y'abantu bavugwa mu nteruro zikurikira?
 - a) Kagabo na Nyiraneza barashakanye kandi bahora mu makimbirane adashira bitewe n'uko iyo umwe atereye hejuru n'undi ahita amusubiza bityo bikarangira barwanye.
 - b) Gatara akunda gusuzugura iby'abandi basubije mu ishuri akumva ko ibye ari byo bizima ko nta wundi wagira icyo asubiza. Bikarangira nyuma yo gukosorwa ari we ubonye amanota make.
 - c) Nzerura ni umugabo utagira akazi ariko iyo abandi bavuye ku kazi bagahitira mu kabari barimo banywa abicaramo agasengera none ibintu bimushizeho.
2. Soma inkuru ikurikira hanyuma usubize ibibazo byayibajijweho.

Karekezi akora akazi k'ubuganga kandi abarwayi bamukundira uko abitaho. Ku bitaro aho akorera haje umugabo uje kuhivuriza amubwira ko areka akazi akaza bakajyana akamuha akazi ko kumuyoborera ivuriro. Yamubwiye ko kugira ngo amujyane abanza kumuha amafaranga ibihumbi ijana yo kumushakiramo ibyangombwa. Yahise asezera akazi ajya gushaka uwo mugabo. Ajya mu mugi kumureba. Agize ngo aramuhamagara kuri terefone asanga nimero ye ntiboneka. Aramanjirirwa, agarutse ku kazi asanga bamaze kumusimbuza undi.

- a) Ni uwuhe mugani wacira umuntu umeze nka Karekezi wirukankira ibihita byose akitesha amahirwe yari afite?
 - b) Ni uwuhe mugani wacira umuntu umeze nka Karekezi umwerekako iyo wihutiye gukora ibintu utatekereje bikubyarira ingaruka mbi?
 - c) Gira inama Karekezi mu mugani mugufi umubwira ko akwiye kujya agisha inama abandi ko ibitekerezo bye wenyine byamuroha.
3. Shaka umugani w'umugenurano uhura n'ibi bisobanuro bikurikira.
 - a) Iminsi uyiteganyiriza hakiri kare, ukibishoboye, ibintu wazigamye bikazagutunga utakishoboye n'inshuti washatse zikazagufasha umaze gusaza cyangwa wamugaye.
 - b) Ntawukwiye kwishimira ibyago by'undi naho yaba ari umwanzi we kuko na we bishobora kumugeraho.
 - c) Ubwuzu n'ubuntu bw'ugukunda bumugaragaraho akikubona, ntatindiganya kukwakira neza, aguhorana ku mutima n'iyoyufite ibyago abigufashamo utabimusabye.

- d) Umurimo udakora wibwira ko woroshye, ukagaya abawukora ngo nta cyo bamaze kandi ubakomereye koko. Umuntu ananirwa kugira icyo akurusha, ariko ntananirwa kujora icyo abandi bakoze.
- e) Kwiharira ibyo utunze ntusangire n'inshuti utazi icyo iminsi iguteze.

Umukoro

Hanga umwandiko ufite intangiriro, igihimba n'umusozo ku nsanganyamatsiko ushaka. Muri uwo mwandiko hagaragaremo nibura imigani migufi (y'imigenurano) itanu.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA MBERE A

Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.

N’imirumbire yaba iya Ntenyo

Uyu mugani umuntu awuca iyo agobotswe n’amaburaburizo abandi bahinyura, agashobora kugoragoza icyari kimubangamiye; nibwo agira ati: «N’imirumbire yaba iya Ntenyo!» Wakomotse ku bashonji bo mu Buganza (Kibungo) ahagana mu mwaka wa 1800.

Mu rwimo rwa Yuhi Gahindiro, mu Rwanda hateye inzara kirimbura; bayita Rukungu. Amapfa aracana, ibintu biradogera impande zose z’u Rwanda: amapfa aracana mu Buganza, aracana mu Mutara, aracana mu Rukiga rwa Byumba, arasesura mu Rukaryi n’u Bwanacyambwe; mbese utwo turere turarimbuka. Ibintu bimaze kuyoberana, abagabo babiri bo mu Buganza bacitse ku icumu, bumva bavuga ko i Bumbogo bwa Mbirima na Matovu hagikanyakanya. Barikora n’abana n’abagore babo baboneza basuhukiyeyo; bagezeyo basanga Abambogo na bo bahonda inguri. Babikubise amaso barumirwa baribaza bati: «Tubikitse dute ko tutabona icumbi kandi ntidufunguze tubaye aba nde?»

Bigeze aho baragenda biroha mu rugo rw’umukecuru w’umupfakazi wari aho mu Bumbogo. Bagezeyo bamwaka icumbi, umukecuru arababwira ati: «Nimurare, ariko nta funguro mubona; dore na twe turicira isazi mu jisho». Baracumbika, ariko barara bagera ijoro. Babaza wa mukecuru bati: «Mbese ntiwatumenyera u Rwanda rwaruta urundi?» Umukecuru ati: «Numvise ko hakurya aha ku Ndiza hapfuye gukanyakanya, ariko geweho nabuze intege zangezayo». Abagabo barita mu gutwi. Bukeye baradogagira bambuka Nyabarongo bafata ku Ndiza. Bagezeyo basanga hari hanyuma y’ibibi byose. Nibwo bigiriye inama bati: «Aho gupfa uru nimuze dusindagire dusubire inyuma twirohe muri Nyabarongo!» Abagore babo babyumvise, barababwira bati: «Nimugende mwenyine ntitwatinyuka kwirohera abana mu ruzi.» Mu gihe bakibivuga, bumva abandi badari bavuga bati: «Tugiye ku Ntenyo ngo bejeje uburo!» Ba bandi, bati: «Natwe nimuze tugeyo, tuhace inshuro none twazarokoka!»

Nuko bikoma abo badari bandi, baradogagirana bataha mu Marangara, bukeye barasindagira bagera ku Ntenyo; batungukira ku murima w’uburo w’umugabo Mirenge ya Kigogo, uyu wari ukize cyane mujya mwumva, ku buryo na n’ubu umuntu ukize bigaragara bavuga ngo: «Akize ibya Mirenge». Bakibukubita amaso, ntibirirwa babaza, biroha mu murima n’abagore n’abana. Ubwo bawugezemo abarinzi babwo bagannye imuhira, ariko kandi n’ubwo buro bukaba bwararumbye bweze ibitarutaru. Bamaze kubugeramo, baratangira barakenya. Igihe binikije bashishibuza, abarinzi babatungukiraho barabafata. Bagiye kubakubita, baratinya bati: «Na hatoya

batatugwaho, ahubwo nimuze tubashyire Mirenge abitegekere! » Barabashorera no kwa Mirenge, babagezayo ibyanga byabarenze. Mirenge abakubise amaso abaza abarinzi ati: «Aba bantu ibyanga byarenze none ntibamariyeho twa turumbaguzwa tw’uburo!» Abandi bati: «Ese wowe amaso ntaguha?» »

Ba badari bumvise Mirenge yise bwa buro uturumbaguzwa, batera hejuru bati: «N’imirumbire yaba iya Ntenyo!» » Ubwo bashakaga kumwumvisha ko nta handi mu Rwanda wabona uburo nk’ubwo bwo ku Ntenyo. Abantu bari aho babyumvise babagirira impuhwe, na Mirenge arazibagirira, ndetse abashyira iwe bacayo inshuro barakira.

Nguko rero uko Mirenge yakijije abashonji, inzara ica ibintu mu Gihugu. Nubwo ubukire bwe icyo gihe bwari buke bwose, yari abusumbije abandi bose mu Gihugu, kuko iwe ari ho honyine hari heze uburo. Ngubwo rero ubukire bwa Mirenge ku Ntenyo mujya mwumva!

Nuko umugani utangira ubwo, umuntu yaba amaze gushoberwa akagobokwa n’akantu k’amaburaburizo abandi bahinyura, agashobora gukika icyari kimwugarije, noneho we akagira ati: «Nimurekere iyo, n’imirumbire yaba iya Ntenyo kwa Mirenge!» »

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura impamvu.
2. Mu mwaka wa 1800, u Rwanda rwayoborwaga na nde?
3. Uretse Rukungugu, vuga andi mazina y’inzara uzi zayogoje u Rwanda. Uvugemo ebyiri n’icyaziteye.
4. Mu Gihugu hose bari bashonje pe! Byerekane.
5. Garagaza ingingo z’ingenzi n’iz’ingereka zikubiye mu mwandiko.
6. Garagaza ingingo z’umuco ziboneka mu mwandiko.
7. Wakemura ute ikibazo k’inzara mu buryo burambye? Tanga ingingo nibura eshanu.

II. Inyunguramagambo

1. Huza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ari mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo biri mu ruhushya B.

A	B
1. Bahonda inguri	a) Ibintu by'amazi byeruruka biva mu tubuto tumwe na tumwe tutarakomera, nk'amasaka, ibigori n'ibindi.
2. Amapfa aratera	b) Kugenda ubyuka mu ijoro ucunga ko bucya.
3. Ibyanga	c) Izuba riracana
4. Guca inshuro	d) Barishwe n'inzara
5. Kugera ijoro	e) Gukora ugahembwa ibiribwa.

2. Uzuza interuro zikurikira wifashishije umwandiko n'ubushobozi bwawe bwite.
 - a) Umuntu wakize cyane bavuga ko.....
 - b) Umuntu warushye cyane bavuga ko.....
 - c) Inzara itewe n'amapfa y'izuba bayita.....

III. Ubuvanganzo

1. Tanga ingeri nibura eshanu z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.
2. Tandukanya insigamigani nyiri izina n'umugani muremure.
3. Andika imigenurano ifatiye ku magambo: inzara, inshuro, amapfa, ijoro, dusanga mumwandiko unayisobanure muri make.





UMUTWE 1B

**UMUCO
NYARWANDA**

UMUTWE WA 1B: UMUCO NYARWANDA

UMWANDIKO: KAMANA YITWA IZINA



Hari ku munsu wa munani Nyiramana amaze gusohoka. Yari amaze iminsi ku kiriri yarabyaye. Kagabo, umugabo we, atumira abaturanyi be ndetse bararika n’abana b’abahungu n’ab’abakobwa babaha inkonzo bajya mu murima guhinga. Umurima wari wabanje gutabirwa n’abakuru kugira ngo worohe. Abana bamaze guhinga, abakobwa batera intabire imbuto y’uburo n’inzuzi. Barangije gutera, nyirabukwe wa Nyiramana azana amazi mu gacuma, ayasuka ku rushyi rwe agira ati: “Nimuhingure imvura iraguye”. Abana bose baherako barataha.

Bageze mu rugo basanga kwa Kagabo bateguye umuhango wo kurya ubunnyano. Bari babateguriye intara, bagasasaho urukoma maze bashyiraho ibishyimbo bicucumiyemo imboga, babibumbamo utubumbe twinshi maze buri mwana bamugenera akabumbe ke. Buri kabumbe kose bahereje buri mwana kari kageretseho agasate k’umutsima. Abana babazanira amazi barakaraba barangije bararya. Bamaze kurya bazana amata y’inshyushyu n’ay’ikivuguto barabahereza baranywa. Umwe mu bana bari aho aranyegera ambaza anyongerera:

- Ko baduhamagaye ngo twite izina ibi bindi badukoresheje ni ibiki?
- Mu muco nyarwanda mbere yo kwita izina habanza umuhango wo guhinga,

hagakurikiraho kurya ubunnyano bakabona kwita izina. Ubu turangije umuhango wo kurya ubunnyano.

- None se ko iwacu iyo turangije kurya dukaraba bakaba bataduhaye amazi ngo dukarabe?
- Itonde ibikurikira uraza kubibona.

Abana bose barangije kurya, bahamagara umwumwe bamusaba kugenda ahanaguriza intoki ze ku mabere ya Nyiramana avuga ati: "Urabyare abana benshi, abahungu n'abakobwa". Bamaze guhanaguriza intoki zabo ku mabere babasaba kwita umwana amazina.

Nuko abana batangira kwita amazina. Umwe ati: "Mwise Bwerere." Barakomeza bose barihetura. Barangije kwita amazina bababuza gutaha iwabo imuhira ndetse na Nyiramana bamubuza guhaguruka aho yari yicaye bategereza ko umwana yituma cyangwa anyara. Umwana ntiyatinda ahita yituma. Nyina yari yamwonkeje bihagije agira ngo abikore vuba. Ntibyabaye ngombwa ko bamwina cyangwa ngo bamutamike itabi kugira ngo yitume vuba.

Abana bababuza kugenda atarituma ngo batamusurira inabi agapfa. Amaze kwituma bahamagara abana umunani bane b'abahungu na bane b'abakobwa b'amasugi, bafite ba se na ba nyina. Baraza bakikiza urutaro ari rwo ntara bayoreyeho ibyo ku kiriri basaba ba bana kuyiterurira icyarimwe bagenda urunana baririmba bati: "Bwerere yavutse, Bwerere yakura, Bwerere yavoma, Bwerere yasenya, Bwerere yatashya, Bwerere yahinga..." Bwerere ryari rimwe mu mazina abo bana bamwise. Babasaba kujya kubisuka ku nsina bavuga bati: "Dore aho nyoko yakubyariye." Bajya ku yindi nsina babyina kwa kundi." Babikora ku nsina zirenga ebyiri.

Wa mwana arongerera aranyegera maze arambaza:

- Ibi ni ibiki dusutse kuri izi nsina?
- Ibi musutse ku nsina ni ibyo ku kiriri, mu muco nyarwanda kirazira kubisohora mbere y'ubunnyano. Insina mwabisutseho ni iz'umwana wavutse, ababyeyi bazira kuzimunyaga. Iyo umwana wavutse ari umukobwa, ashyingiwe kure bamugemurira igitoki cyazo cyangwa inzoga yazo.

Barangije bazana ingobyi ebyiri iyo mu ruhu rw'intama n'iyi mu ruhu rw'inka bazimukozaho. Wa mwana arongerera ambaza anyongorera:

- Ibi byo bakoze bisobanura iki?
- Ni ukugira ngo ingobyi imwe nibura bazamuheke mu yindi. Iyo batabigenjeje batya, bukeye bakamuheka mu yo batamukojejeho bimusurira inabi agapfa.
- Ubu se hagiye gukurikiraho iki?

- Ubu bagiye gufata mukuru we bamumuhekeshe kugira ngo bazahore barutana, umukuru ntazarutwe n’umukurikira bitewe n’uko yazingamyeye. Ikindi, ririya cumu, ingabo n’umuheto n’iriya shinge Nyiramana yari yasohokanye bagiye kubimanika mu ruhamo rw’umuryango babone kubijugunya nyuma. Kirazira kubijugunya hatabayeho uyu muhango wo kwita izina.

Bumaze kwira ba bana bataha iwabo. Igihe cyo mu museke, Kagabo abwira Nyiramana ati: “Cyono duterure umwana.” Barabanza bubaka urugo. Barangije Kagabo arasohoka ajya hanze, avuyeyo asanga Nyiramana yamutereye intebe mu irebe ry’umuryango. Mu muco nyarwanda ngo iyo umugabo yateruraga umwana atavuye hanze byabaga ari ukumuvutsa amahirwe, akazaba imbwa, akazapfa atagize icyo yimarira. Nuko Kagabo araza yicara ku ntebe ati: “Mpa uwo mwana.” Aramusimbiza agira ati: “Nkwise Kamana”. Amuhereza nyina na we aramusimbiza agira ati: “Itume aha, nyara aha, kura uge ejuru nge nkwise Irakiza.”

I. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko, nyuma ukoreshe buri jambo mu nteruro iboneye.
 - a) Inkonzo
 - b) Kuzingama
 - c) Uruhamo rw’umuryango
 - d) Irebe ry’umuryango
 - e) Abakobwa b’amasugi
2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n’ayo mu ruhushya B ukurikije ibisobanuro byayo.

A	B
1. Kugenda urunana	a. Kuyimwaka
2. Kuyimunyaga	b. Kumwifuriza ikibi
3. Gusurira umuntu inabi	c. Buri wese abona umwana we
4. Barihetura	d. Kugendera hamwe

II. Kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Sobanura uko umuhango wo kwita izina wakorwaga.
2. Umuhango wo kwita izina wahuzaga ba nde?

3. Abana bari bafite uruhe ruhare mu muhango wo kwita izina?
4. Mu muco nyarwanda ni izihe ngaruka zashoboraga kuba ku mugabo uteruye umwana atavuye hanze?

III. Gusesengura umwandiko

Subiza ibibazo byabajjwe ku mwandiko.

1. Wifashishije umwandiko gereranya uko umuhango wo kwita izina wakorwaga kera n'uko ukorwa muri iki gihe.
2. Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye mu mwandiko.
3. Wavuga iki ku buziranenge bw'ibyakorwaga mu muhango wo kwita izina?
4. Hina umwandiko ukoreshije amagambo yawe kandi wubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

IV. Kuja impaka

1. Tanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ikurikira. "Akamaro k'umuhango wo kwita izina muri iki gihe".
2. Erekana uko umuhango wo kwita izina ugaragaza kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

IZINA MBONERA GAKONDO

Itegereze amagambo yanditse atsindagiye ari mu nteruro zikurikira zavuye mu mwandiko maze ugire icyo uvuga ku miterere, ku nkomo no ku ntego byayo.

1. **Abana** bamaze guhinga, abakobwa batera **imbuto** y'**uburo** n'**inzuzi**.
2. Bazana **intara**, bayisasaho **urukoma** maze bashyiraho **ibishyimbo**.
3. Intebe ye iri mu **irebe** ry'**umuryango**.
4. Bagiyeye kubimanika mu **ruhamo** rw'**umuryango**.
5. Yari amaze iminsi ari ku **kiriri** yarabyaye.

1. Inshoza y'izina mbonera gakondo

Izina mbonera gakondo rishobora gusobanurwa ku buryo bubiri bukurikira:

a) Mu rwego rw'inyito n'inkomoko

Izina mbonera gakondo ni izina rusange rivuga abantu benshi, ibintu byinshi cyangwa inyamaswa, ry'umwimerere w'Ikinyarwanda ritari iritirano.

b) Mu rwego rw'iyigantego

Izina **mbonera gakondo** ni izina rigizwe n'uturemajambo tw'ibanze dutatu gusa, ritari izina ry'urusobe kandi ridakomoye ku nshinga. Utwo turemajambo ni: indomo (D), indanganteko (RT), igicumbi (C).

Dukubiye hamwe izo nshoza zombi, izina mbonera gakondo ni izina rusange ry'umwimerere mu Kinyarwanda ritari iritirano, rigizwe n'indomo, indanganteko n'igicumbi; rikaba atari izina ry'urusobe kandi ridakomoye ku nshinga.

2. Intego y'izina mbonera gakondo

Intego y'izina mbonera gakondo ni: D+RT+C

a) Indomo

Ni akaremajambo kagizwe n'inyajwi iterura (ibanziriza) izina. Ni ko karemajambo kabanziriza utundi turemajambo twose tugize izina. Mu Kinyarwanda inyajwi zishobora kuba indomo ni eshatu: i, u, a.

Ingero

- ikivuguto
- amasaka
- umuvure

b) Indanganteko: RT

Indanganteko ni akaremajambo kerekana inteko izina ririmo. Ako karemajambo ni ko kagenya isanisha n'andi magambo agize interuro. Urugero: **Amatara manini araka**.

Indanganteko zihinduka bitewe n'inteko izina ririmo.

Ingero

- **Amatara**(nt.6),
- **ibitara**(nt.8)

c) Igicumbi (C)

Ni igice k'izina kidahinduka kibumbatiye inyito y'ibanze y'izina. Izina mbonera gakondo rishobora kutagira indomo, rishobora kutagira indanganteko ariko ntirishobora kubura igicumbi. Bityo mu kurisesengura akaremajambo kabura gahagararirwa n'iki kimenyetso \emptyset .

Ingero

Izina	D	RT	C
Mushiki	∅	Mu	shiki
Ibere	I	∅	bere
Data	∅	∅	Data

3. Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina mbonera gakondo

Amategeko y'igenamajwi yandikwa mu mpine.

Ingero

Ijambo	Intego	Amategeko	Uko asomwa
Umwana	u-mu-ana	u→w/-J	u ihinduka w iyo ikurikiwe n'inyajwi
Abari	a-ba-ari	a→∅/-J	a yaburijwemo ikurikiwe n'inyajwi
Imbata	i-n-bata	n→m/-b	n ihinduka m iyo ikurikiwe na b

Amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyawi n'ingombajwi mu izina mbonera gakondo

	Izina	Uturemajambo	Itegeko
1	Umwiko	u-mu-iko	u→w/-J
2	Abana	a-ba-ana	a→∅/-J
3	Akebo	a-ka-ibo	a+i→e
4	Imyuko	i-mi-uko	i→y/-J
5	Imbaga	i-n-baga	n→m/-b
6	Imfwati	i-n-fwati	n→m/-f
7	Impinja	i-n-hinja	n→m/-h; mh→mp mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.
8	Impapuro	i-n-papuro	n→m/-p
10	Imvura	i-n-vura	n→m/-v
14	Induru	i-n-ruru	r→d/n-
15	Igihaza	i-ki-haza	k→g/-GR
16	Udushaza	u-tu-shaza	t→d/-GR
17	Inzoga	i-n-yoga	y→z/n-
18	Insibo	i-n-tsibo	t→∅/n-s
19	Inshuro	i-n-curo	c→sh/n-
20	Imfizi	i-n-pfizi	n→m/-p; p→∅/m-f
21	Inzuzi	i-n-uzi	Igicumbi gifata z mu nt 10.

Umwitozo

1. Tahura amazina mbonera gakondo muri aka gace k'umwandiko. Kagabo ararika abana, babaha inkonzo bajya mu murima guhinga. Hari imbuto y'uburo n'inzuzi. Bari babateguriye intara, bayisasaho urukoma maze bashyiraho ibishyimbo bicucumiyemo imboga babibumbamo utubumbe twinshi, maze buri mwana bamugenera akabumbe ke. Buri kabumbe kose bahereje buri mwana kari kageretseho agasate k'umutsima.
2. Wifashishije ingero gira icyo uvuga ku biranga izina mbonera gakondo.
3. Garagaza intego y'amazina mbonera gakondo akurikira n'amategeko y'igenamajwi Yakoreshejwe.
 - a) Amenyoy
 - b) Igiti
 - c) Imfuruka
 - d) Umweyo
 - e) Inzugi

IHANGAMWANDIKO

Soma umwandiko ukurikira witegereza imiterere yawo maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Akamaro k'umuhango wo kwita izina abana b'ingagi mu Rwanda

Mu Rwanda hari igikorwa ngarukamwaka cy'umuhango wo kwita izina abana b'ingagi. Ni igikorwa gihuza imbaga y'abantu benshi. Umuntu yakwibaza uko icyo gikorwa cyateza imbere ubukungu, umuco n'ibidukikije.

Igikorwa cyo kwita amazina abana b'ingagi gihuruza imbaga y'Abanyarwanda ndetse na ba mukerarugendo. Iyo akarere kahuriwemo n'abantu benshi kandi banyuranye, kinjiza amafaranga menshi. Amahoteri yaho ni yo ba mukerarugendo bararamo, akaba ari na yo bariramo. Abacuruzi barunguka ndetse n'abahinzi bakunguka kuko baba bagurishije bimwe mu bihingwa byabo nk'imbuto, imboga n'ibindi. Ibyo byinjiza amafaranga bakiteza imbere.

Byongeye kandi muri uwo muhango wo kwita izina hakorerwamo imwe mu mihango ya kinyarwanda ijyanye n'umuhango wo kwita izina. Ibyo bigatuma urubyiruko n'abandi batazi uko uwo muhango wo kwita izina wagendaga babimenya maze umuco nyarwanda ugatera imbere.

Hejuru y'ibyo, abitabiriye uwo muhango bashishikarizwa umuco wo kubungabunga ibidukikije, bagaragarizwa akamaro Pariki y'Ibirunga ifitiye Igihugu mu iterambere ry'u Rwanda. Bityo bagahora bayibungabunga kuko bazi neza akamaro kayo mu iterambere ry'Igihugu. Ntawakwiringagiza ko abawitabiriye kandi banasobanurirwa akamaro k'ingagi zo mu birunga, bityo bagahora bazibungabunga kuko bazi neza ko zibinjiriza amadovize. Nyuma y'uwo muhango wo kwita izina abana b'ingagi, bamwe mu bawitabiriye bahorana inyota yo kuzongera gusura Pariki y'Ibirunga kuko baba batabonye umwanya uhagije wo kuyisura. Iyo bagarutse binjiza amafaranga bityo Igihugu kikarushaho gutera imbere.

Muri make, umuhango wo kwita izina abana b'ingagi utuma Igihugu kinjiza amadovize kuko abaturiyeye aho uwo muhango ubera biteza imbere bakinjiza amafaranga. Umuhango wo kwita izina abana b'ingagi kandi uteza imbere umuco nyarwanda ukanashishikariza abantu kubungabunga ibidukikije. Ni ngombwa ko buri wese yitabira kubungabunga ibidukikije kuko bitwinjiriza amadovize aturuka kuri ba mukerarugendo, bityo Igihugu kikarushaho gutera imbere.

Ibibazo

- a) Garagaza imbata y'umwandiko (ibice biwugize) "Akamaro k'umuhango wo kwita izina abana b'ingagi mu Rwanda."
- b) Kora ubushakashatsi bwimbitse ku buryo bwo guhanga umwandiko.

1. Imbata y'umwandiko

Imbata y'umwandiko w'Ikinyarwanda iba ifite ibice bine: umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

a) Umutwe

Uhitamo umutwe w'ihangamwandiko ushingiyeye ku nsanganyamatsiko wahawe. Umutwe ugomba kuba mugufi kandi ujyanye n'insanganyamatsiko yatanzwe. Umutwe ugomba kuba witaruye ibindi bice by'umwandiko, uciyeho akarongo cyangwa wanditse mu nyuguti nkuru z'icyapa.

b) Intangiriro

Muri iki gice, werekana ko wumva insanganyamatsiko wahawe, maze ugatera amatsiko ku byo ugiye kwandika. Ni ukuvuga ko intangiriro igomba kuba iteye amatsiko ku buryo usoma umwandiko akomeza kwifuzaga gusoma ibikurikiyeho. Urondora muri make ingingo ziri buvugwe utazisobanuye. Kirazira guhita ugaragaza ibitekerezo byawe ukiri mu ntangiriro. Iki gice kigomba kuba kigufi.

c) Igihimba

Igihimba ni igice utangamo ibitekerezo bisobanuye cyangwa biherekejwe n'ingero. Mu gihimba utanga ibitekerezo gusa ukirinda kugaragaza umwanzuro. Mu gutanga ibitekerezo, muri rusange, ibyiza ni uguhera ku gitekerezo wowe ubwawe uha agaciro gato ugasoreza ku gitekerezo kiremereye kurusha ibindi. Buri ngingo kandi biba byiza igize igika kihariye.

Iyo urangije gutanga ingingo imwe uyongeraho indi, hari amagambo yabugenewe ugomba gukoresha. Amwe muri ayo magambo ni aya: **byongeye kandi..., nakongeraho ko..., nta n'uwakwirengagiza ko..., nta n'uwakwibagirwa ko..., ikindi kandi...** n'andi menshi.

d) Umusozo

Muri iki gice ni ho utanga igisubizo k'ikibazo umusomyi aba yibajije akiri mu ntangiriro. Usa n'uvuga muri make ibyavuzwe mu gihimba ugutanga inama igihe ari ngombwa.

2. Ibindi byitabwaho mu ihangamwandiko

Ni ngombwa kubahiriza uburebure bwabwawe, kutavanga indimi, kutavanga imibare mu mwandiko ndetse no kudakoresha amagambo y'impine mu mwandiko kandi ukandika wubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda n'ibindi.

Umwitoto

Himba umwandiko kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira unagaragaze imbata yawo.

- a) Pariki ya Nyungwe
- b) Ibyiza byo kuboneza urubyaro

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA MBERE B

Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.

Umuco nyarwanda

Mu mibereho y’abantu bo mu bihugu byose, habaho imigenzo, imihango n’imyifatire myinshi abantu bahuriraho kandi bemeranywaho. Bagira uburyo bwo gutekereza no gukora biha umuyoboro cyangwa umurongo imyitwarire y’abantu bagize urubumbambaga runaka. Uretse n’ibyo kandi no mu gihugu, buri gace, abaturage bahatuye bashobora kugira imigenzo n’imyifatire bitandukanye. Abanyarwanda bati: “Agahugu umuco akandi umuco”.

Umuco ntuvukanwa, utandukanye na kamere; ni imyitwarire, imitekerereze, ubumenyi, imyemerere, umuntu agenda ahererekanya n’abandi bitewe n’ahantu batuye, amateka yabo n’ibidukikije. Umuco rero na wo uranga abantu bagize urubumbambaga runaka kuko bawusangiye bikabatandukanya n’abandi batari bo. Uko ibihe biha ibindi, imibereho ya muntu igenda ihinduka mu byari bisanzwe biyiranga ikakira ibindi bishobora guturuka mu bitirano n’ibihangano. Ni ukuvuga rero ko mu miterere yawo umuco ugizwe n’ibisanzwe bya karande, ibihangano n’ibitirano. Ibi biratwereka neza ko umuco ugenda uhinduka bitewe n’ibihe.

Iwacu i Rwanda, imihango, imigenzo n’imirimo myinshi tubihuriraho. Twavuga nk’iy’ubukwe, umuganura, ubudehe, gutabarana n’ibindi. Ikindi gikomeye mu muco wacu ni ururimi rwacu rw’Ikinyarwanda twahangiye n’abakurambere bacu. Ururimi ni rwo ruduhaza rugatuma dushyikirana, tugahererekanya ibyiza dukeshya umuco wacu, rukadufasha gushimangira ubumwe n’ubuvandimwe, byo soko y’ubufatanye.

Kuva kera Abanyarwanda barafatanyaga bagafashanya. Iyo umuntu yagiraga ibyago akarwara cyangwa akarwaza umuntu, ntiyararaga ihinga. Inshuti n’abavandimwe barakoranaga bakamuha umubyizi. Uwahishaga urugo abaturanyi baramutabaraga bakamucira ikiganda k’icyuzuriraho akabona aho yikinga mu gihe bakegeranya imiganda, imbariro, imigozi n’ubwatsi byo kumwubakira inyumba imukwiye. Uwarumbyaga na we ababaga bararumbaguje baramusakiraga yamara kubunduka agahinga akeza inzara ikagenda nka nyomberi.

Hambere, mu gihe k’ihinga umubyeyi yajyaga guturutsa, abana be bagakoranira mu kwe, bakamuhingira ndetse bwacya bagasubirayo gusubya imbuto. Haba n’ubwo umuntu yararikaga bagenzi be, n’iyo yabaga atabengeye bakaza bakamuhingira ubudehe, akazaba abibuka hanyuma apfundikiye imbuto.

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Mu magambo yawe iyo bavuze umuco nyarwanda wumva iki?
2. Ni ibihe bintu bitatu by’ingenzi bigize umuco?

3. Uwabaga yarumbije ntiyasonzaga. Yakorerwaga iki?
4. Ni izihe ngingo z'umuco nyarwanda dusanga muri uyu mwandiko?
5. Iyo bavuze ngo: "Agahugu umuco akandi umuco" wumva iki?
6. Ururimi rwacu rw'Ikinyarwanda rufite akahe kamaro mu kubungabunga umuco wacu?

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko, nyuma ukoreshe buri jambo mu nteruro iboneye.
 - a) Urubumbambaga
 - b) Kurumbaguza
 - c) Ubudehe
 - d) Kubunduka
 - e) Guturutsa
 - f) Gupfundikira imbuto
2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro dusanga mu ruhushya B

A	B
1. Gusubya imbuto	a) Akazu gato k'icyuzuriraho ko kubamo by'agateganyo.
2. Gusakira umuntu	b) Kubiba bwa kabiri ahararanye
3. Kugenda nka nyomberi	c) Gutumira umuntu, guha umuntu gahundango azitabire ubutumire
4. Ikiganda	d) Guha umuntu ku byo wejeje we yararumbije
5. Kurarika umuntu	e) Kugenda ubutagaruka

III. Ikibonezamvugo

1. Tahura mu mwandiko wasomye amazina mbonera gakondo.
2. Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi ku mazina akurikira.
 - a) Imbariro
 - b) Agahugu
 - c) Inzara
 - d) Ubwatsi

IV. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko ugizwe nibura n'amagambo 200 ku nsanganyamatsiko ikurikira. Ubufatanye ni inkingi y'iterambere.



UMUTWE 2

UMUCO W'AMAHORO

UMUTWE WA 2: UMUCO W'AMAHORO

UMWANDIKO: YABAYE INTWARI



Mahoro ni umwana w'umukobwa uri mu kigero k'imyaka cumi n'ine. Uyu mukobwa afite ubwiza bw'umubiri n'ubwiza bw'umutima, yubaha abasaza, abakecuru, ataretse abo aruta n'abamuri imbere mu kigero ke. Mahoro ahora atuje, aho anyuze hose bakavuga ngo: "Dore wa mukobwa wa naka." Umubyeyi wese ushaka gutanga urugero rw'umukobwa ubereye u Rwanda avuga Mahoro. Uyu mukobwa yiga mu mwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye, ni umuhanga kandi ubuhanga bwe abusangiza bagenzi be abafasha kumva amasomo bamwe batasobanukiwe.

Umunsi umwe atashye avuye ku ishuri, Mahoro ahura n'umuhungu utuye hakurya y'iwabo wigize ikiraramisagara unywa urumogi n'ibiyoga by'ibikorano kandi w'umunyarugomo bahimbye Goriyati kuko yabyirukanye ikivumba n'imbaraga. Bagihura, Goriyati atangira kumuganiriza.

Goriyati (asuhuza Mahoro): Komera Maho!

Mahoro (yikirize): Komera nawe! Amakuru y'iminsi?

Goriyati: Ni meza, ariko kwiga byo byanteye ku butaka, ababyeyi barananiye.

Mahoro: Muvandimwe, nge mbona icyabiguteye ari ukuryoherwa no gukorera amafaranga no gukunda akayoga. Goriya, guta ishuri ni umuziro mu kinyejana tugezemo. Utiga ubu azabaho ate? Kera abapfobyaga uburezi baravugaga ngo: “Umurimo ni uguhinga ibindi ni amahirwe!” Ubu nta masambu, nta zahabu zindi dufite zitari ukugana ishuri, tukiga dushishikaye.

Goriyati: Wowe urivugira ntuzi ibibazo nahuye na byo! Iwacu baranywa bagasinda bakarara barwana bwacya bakambuzi kujya kwiga bakanyima n’ibikoresho by’ishuri. None nahisemo kurireka. Nge nzashakisha ubundi buzima ibyo kwiga ashwi! Ahubwo reka twigire mu bindi.

Mahoro: Ibindi bihe se ko iki kiganiro cyari ingenzi, waretse ngakomeza kuguhanura.

Goriyati: Reka mwana! Sinakomeza kuganira nawe ntabanje kukubwira uko nakubonye. Uri ihoho, uri ihogoza... Burya iyo ugenda abo unyuzeho bose bagira amerwe bifuzaga kukumira bunguri! Abenshi bakuziho kuribora kugera aho ubugondo bugera ingwe. Ikindi, dore watangiyegusesa uruheri mu maso kandi nta muganga wundi waguha urukingo cyangwa umuti uretse nge!

Mahoro: Mwana wa mama, niba ugenzwa n’ayo magambo yuzuyemo uburyarya n’ubutamenya, nta cyo bizakugezaho. Iby’ibihari mfite mu maso ikibitera ndakizi ni imihindagurikire y’umubiri w’umuntu; twabyize mu isomo ry’ibinyabuzima. Naho ubwiza uvuga ntibunaribwa, kandi wanahiriwe ukagira ubwo bwiza ntiwakwigira indakoreka cyangwa ngo wishinge abadafite ibitekerezo byubaka n’umurongo w’ikerekezo kiza k’ejo hazaza.

Goriyati (yegere gato Mahoro): Nge ibyo by’ibyerekezo sinzi iyo bigana, ahubwo reka nkubwire. (*ase numwegera, amwongorera*) Nakwifuje kuva kera none nagira ngo ungerere ku ngingo disi hogoza ryange!

Mahoro (asa n’ukutse umutima, yirasa ajya imbere nk’umwambi atabaza): Murantabare! Mwokagira Imana mwe, murankize iki kirara! (*Mahoro afumyamo, umuhungu amwoma inyuma, uwo mwana w’umukobwa yigiye imbere ahura n’abaporisi bari mu kazi ko gucunga umutekano, baramutangira, bamusobanuzi impamvu yirukaga amasigamana.*)

Abaporisi (base n’abikanze gato): Eee! Mukobwa, genda buhoro, hagarara, shyitsa umutima hamwe, tuza nkubwire.

Mahoro (akijya gutangira kuvuga abona cya kirara ngicyo, avugana ijwi rirenga): Dore unyirukankana, muramenye atabacika!

Abaporisi: Eee! Hagarara sha!

Mahoro: Ahuuu! Nari mfuye, murakoze rwose. Uyu muhungu yashakaga kumfata ku ngufu.

Abaporisi: None se sha, iyi ngeso wayize ryari? Wa muhungu we ntuzi ko ibintu birebana n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose bihanirwa?

Goriyati: Ndabinginze bantu b'Imana kandi ndasaba imbabazi mbikuye ku mutima, sinzongera kuyoborwa na Shitani yanyoheje uyu muni. *(Ba baporisi bahite bashaka umukuru w'umudugudu bakoranya abaturage bakorana na bo inama y'igitaraganya.)*

Umuporisi: Baturage b'Umudugudu wa Butangampundu, tuzi ko muri inyangamugayo ndetse n'igihe cyose tumaranye twashimaga ikinyabupfura mwatoje abana banyu, none nimutubwire, ibirura nka Goriyati uyu ni mwe bivukamo?

Umuturage: *(ahaguruke asubize):* Uwo ni mwene Nyarudindiri hakurya hano, turamuzi. N'ababyeyi b'uyu muhungu si shyashya. Imyitwarire n'imibanire mibi byabo ni byo bimutera kwishora mu bikorwa by'urugomo.

Umuporisi: Baturage, mumenye ko ihohoterwa ari ibikorwa cyangwa imyitwarire bigamije kugirira umuntu nabi byaba ibishingiye ku gitsina, ku bitekerezo (guhoza ku nkeke) no ku mutungo. Ikiremwa muntu kigomba kubahwa, buri muntu agahabwa agaciro. Muri iki kinyejana cy'umuvuduko w'ikoranabuhanga n'iterambere, abari bakimitse ya mvugo ngo: "Igitsina gore ni insina ngufi", bayicikeho.

Goriyati: *(avuga atakamba, asaba imbabazi):* Imbere y'iyi mbaga, ndatakamba nsaba imbabazi Mahoro namwe babyeyi, ingeso nk'iyi nari ngiye gukinisha mpohotera Mahoro, niyemeje kutazongera guhirahira nyisubira.

Umuporisi: Baturage, gusaba imbabazi birakwiye, reka tubyemere, ariko se uzisabwa we ntitwamutega amatwi? *(Umuporisi abaze Mahoro)* Maho, ushobora kubabarira Goriyati?

Mahoro: *(atwenga)* Ndamubabariye, ntazongere gushaka gukoza isoni uwitwa igitsina gore ndetse n'undi wese kandi bibe ubwa mbere n'ubwa nyuma.

Umuturage: *(ahaguruke, avuge aranguruye)* Ugaruye ubumuntu sha! Kuba usabye imbabazi ni ubutwari. Uramenye ntuzongere, ibintu byarahindutse! Mahoro nawe igihe cyose ubonye uwashaka kuguhohotera ntugomba kubiceceka. Mu gihe hari uguhohoteye cyangwa uhohotewe, jya wihutira kubibwira inzego z'ubuyobozi zibishinzwe.

Abaporisi: *(basoza inama):* Baturage, turabibutsa ko Abanyarwanda twese aho tuva tukagera tugomba kurangwa n'umuco mwiza w'amahoro. Uwo mubonye ahirahira kugira uwo ahohotera mugatangira amakuru ku gihe. Mugomba kwatura

mukabimenyesha inzego zibishinzwe amazi atararenga inkombe. Ni ngombwa kandi kwirinda ibiyobyabwenge no gukura abana mu ishuri, mukirinda amakimbirane kuko ari bimwe mu bitera ihohoterwa. Nimugire amahoro kandi muyasohoze n'imuhira, murakoze. (*Bose bishimye basezeranaho barataha.*)

I. Inyunguramagambo

1. Shaka mu mwandiko amagambo ahuje igisobanuro n'aya magambo atsindagiye.

- Ubwangavu bwateye Mahoro gusesa **ibishishi** mu maso.
- Mahoro yashakaga gukomeza **kugira inama** Goriyati.
- Yewe! Kwiga **bisa n'aho byananiye burundu**.
- Uyu muvandimwe **umira adakanjakanje** afite ikibazo cy'amenyo.

2. Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko.

- Uwariboye cyane bavuga ko yariboye kugera.....
- Iyo bashaka kuvuga umuntu w'ihoho, mwiza cyane bavuga ko ari.....
- Iyo umuntu agiye gusagarirwa afatwa ku ngufu bavuga ko agiye gukorerwa ihohoterwa.....

II. Kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

- Tanga impamvu yatumye Goriyati ata ishuri.
- Amagambo Goriyati abwira Mahoro ko ari wo muti w'ibishishi afite ishingiro? Sobanura.
- Ni iki kerekana ko Mahoro ari umukobwa wihagazeho mu ishuri no mu muryango nyarwanda?
- Sobanura ihohoterwa icyo ari cyo, unagaragaze ibiritera bivugwa mu mwandiko.
- Abaporisi bafite nshingano ki muri rusange?
- Erekana igikorwa kibi Goriyati yakoze uvuge n'ikindi kiza yaje gukora nyuma.

III. Gusesengura umwandiko.

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

- a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
- b) Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka usanga mu mwandiko.
- c) Erekana ukuntu ishuri warigereranya na zahabu.
- d) Sobanura uburyo Goriyati atari asobanukiwe neza n'ubuzima bw'imyororokere.
- e) Uhereye ku mateka, sobanura ibindi bikorwa ndengakamere by'ihohoterwa byabaye mu Rwanda.
- f) Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?

IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku bindi bishobora gutera ihohoterwa bitavuzwe mu mwandiko.

NTERA

Soma witegereza imiterere y'amagambo atsindegiye ari mu mwandiko ukurikira, utahure inshoza n'uturango twayo kandi ukore ubushakashatsi ugaragaze intego yayo.

Ihogoza

Yewe hoho hogoza ryange
Wabaye **mwiza** uratangaza
Uruhu **rutoto** runyura bose
Uruhanga rugari ruba isimbi
Ibyano byawe biba **bihire**
Imigambi yawe **mitagatifu**
Ingeri **nyinshi** zirayishima.

Amashyi **make** ntunze
Ntiyashobora kuguhaza
Reka mbe nshukijeho gatoya
Mbaye **muzima** n'ubutaha Nagaruka
kuguhimba wese.
Ndi **mukuru** simbeshya
Yewe, nta wundi wakubasha!

Umuntu **mubi** gica naza
Uzamwime amatwi umuheze
Nta kintu **gishya** ajya atunga
Azaguhohotera numwihata
Azagucuza ubuzima bwawe
Mwiyame kare ritararenga.

1. Inshoza ya ntera

Ntera ni ijambo rigaragira izina rigasobanura imiterere, imimerere n'ingano by'iryo zina. Ntera yegeerana n'izina ifutura cyangwa bigahuzwa n'inshinga **kuba, ni** cyangwa **si**.

2. Uturango twa ntera

- a) Ntera yisanisha n'izina biri kumwe igafata indanganteko yaryo ho **indangasano** kandi yinjira mu nteko zose z'amazina. **Ingero**
 - Uyu **murima** ni **mugari**.
 - Kanyana ni **umukobwa muremure** kandi **munini** bigaragara.
 - Umunyeshuri utiga agira **amanota mabi**.
- b) Ntera igaragaza indanganteko y'izina igaragiye iyo indanganteko yaryo itigaragaza kandi ikagira umumaro w'imfutuzi.

Ingero

- Ibuye **rinini**
- Ishuri **rikuru**
- Inka **nshya**

3. Intego ya ntera

Ntera igira uturemajambo tubiri: **Indangasano n'igicumbi (RS+C)**.

- a) **Indangasano (RS)** ni igice cya ntera gihinduka bitewe n'izina biri kumwe. Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye.

Ingero

- **Umukinnyi mushya** yatsinze **ibitego byinshi**.
- **Umurima mwiza** wera **imyaka myinshi**.

- b) **Igicumbi (C)** cya ntera ni igice cyayo kidahinduka igihe hakoze igoragoza kandi ni cyo gice kigaragaza inyito (igisobanuro) yayo.

Ingero

- Umuntu **muto**
- Abantu **bato**
- Umurima **muto**
- Imirima **mito**

Urutonde rw'ibicumbi bya ntera

-nini	-zima	-re/-re-re
-inshi	-to/toto/to-to, toya	-tagatifu
-bi	-ke/keya/ke-ke	-hire
-tindi	-kuru	-taraga
-gari	-bisi	-nzinya, -nzunyu, -niya, -niniya,
-iza	-shya/shyashya	-nzuzunya, -nunuya, -niriya,
-sa/sa-sa	-gufi/gufiya	-nziginya, -nzuguronyu

Ikitonderwa

Igicumbi **-re** na **-to** byisubiramo ku buryo bifata indangasano ebyiri.

Ingero

- igihe kirekire (ki-re-ki-re)
- Igihugu gitogito (ki-to-ki-to)

Ibicumbi **-gufi, -ke, -to** bishobora kwiyongeraho-ya

Ingero

- Umuntu mugufiya
- Amagambo makeya

Igicumbi **-niya** gishobora kugira impindurantego nyinshi.

Ingero:

- | | | |
|----------|------------|-----------------|
| - nuya | - nzinya | - niniriya |
| - niniya | - nzuzunya | - nziginya |
| - nzunyu | - nunuya | - nzuguronyu... |

Ibicumbi **-shya, -to** bishobora kwisubiramo

Ingero

- Umwenda mushyashya.
- Igiti gitoto.

4. Amategeko y'igenamajwi akoreshwa muri ntera

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa muri ntera ni nk'akoreshwa mu izina.

Ingero

- Ubutunzi bwiza: bu-iza :u→w/-J
- Intera ndende: n-re-n-re: r→d/n-
- Imyaka myinshi: mi-inshi: i→y/-J

Imbonerahamwe igaragaza imikoreshereze ya ntera, intego, amategeko y'igenamajwi mu nteko zitandukanye.

Inteko	Indanga-sano	ingero z'imikoreshere	Intego (uturemajambo)	Amategeko y'igenamajwi
nt.1	mu	Umuntu munini Umuntu mukuru	mu-nini mu-kuru	- -
nt.2	ba	Abantu benshi Abakobwa barebare	ba -inshi ba-re-ba-re	a+i→e -
nt.3	mu	Umutego mutindi Umusozi mutagatifu	mu-tindi mu-tagatifu	- -
nt.4	mi	Imirima migari Imigozi migufi	mi-gari mi-gufi	- -
nt.5	ri	Ishuri ryiza Ibuye ritaraga	ri-iza ri-taraga	i→y/-J -
nt.6	ma	Amagi mazima Amazi masa/ masamasa	ma-zima ma-sa/ ma-sa-ma-sa	- -
nt.7	ki	Ikigori gito/ gitoto/gitogito	ki-to/ki-toto/ ki-to-ki-to	k→g/-GR
nt.8	bi	Ibigori bike/ bikeya/bikebike	bi-ke/bi-keya/ bi-ke-bi-ke	-
nt.9	n	Inka nto/ ntoya Inka nzima	n-toya n-zima	- -
nt.10	N	Inka nkuru Inkwi mbisi	n-kuru n-bisi	- n→m/-b
nt.11	ru	Urugo rushya/ Rushyashya Urugo ruhire	ru-shya/ ru-shya-shya ru-hire	- -
nt.12	ka	Akadodo kagufi/ Kagufiya Akunyu kanzunyu/ kaniya	ka-gufi/ka-gufiya ka-nzunyu/ka-niya	-
nt.13	tu	Utubingo tureture Utunyoni twinshi	tu-re-tu-re tu-inshi	- U→w/-J

nt.14	bu	Ubutaka butagatifu Ubukwe buhire	bu-tagatifu bu-hire	- -
nt.15	ku	Ukuboko kugufi Ukuguru kurekure	ku-gufi ku-re-ku-re	- -
nt.16	ha	Ahantu hataraga Ahantu hanzinya/ hanzunyu	ha-taraga ha- nzinya	- -
nt.17	ku	Ukuntu kubi	ku- bi	-
nt.18	ha	Mu nzu hato	ha-to	-
nt.19	ha	I Kigali heza	ha-iza	-

Umwitozo

Subiza ibibazo bikurikira.

- Ntera ni iki?
- Garagaza uturango twa ntera utange n'urugero kuri buri karango.
- Garagaza impine y'intego mbonera ya ntera.
- Tanga ingero eshanu z'interuro zirimo ntera wihitiyemo.
- Tahura ntera ziri mu nteruro zikurikira, ugaragaze intego yazo n'amategeko
- y'igenamajwi yubahirijwe.
- Amazi menshi cyane yangiza imyaka.
- Amatama masa ntasabira inka igisigati.
- Tubifurije urugendo ruhire.
- Abana bato bakenera kwitabwaho.
- Inkuru ndende irashimisha.

UMWANDIKO : MPORE NYAMPINGA



1. Mpore mwana w'Umunyarwanda
Ugane ishuri kandi wige
Ukore neza shenge ushimwe
Uhahe uronke ugire umutungo
Utire utuze ugire umutuzo.

6. Ugire ayera avuzwa umutozo
Utunge ugwize ugire amatungo
Utire aheza uzire amatungo
Uganze uturwe ubone amaturo
Ukunde ukundwe ugire agaciro.

11. Nyampinga yari umwana
Agahora yifuza kugana ishuri
Ngo azamure urwamubyaye.
Izo nzozi nziza ubwo akizirotu
Ngo yige cyane akore nk'abandi,

16. Nyina umubyara abaramutwamye
Ngo: "Ayo marere yafashe hasi
Kugana ishuri ibyo si ibyawu.
Ese ko ureba Rugero uriya
Ubona adakeneye no guhekwa?"

21. Ese ko ureba musheru yange
Ubwatsi bwayo bwava hehe?
Umuharuro uraha mwana wange
Intege zange zawukeshu?
Uru ruhongore ko ruhinda,

26. Ni nde wundi wo kuruhimba?
Uru ruhimbi ruhimbaje
Ubu ntirukeneye Karuhimbi?"
Yunze mu rye Ruhinankiko
Ati: "Ndabitegetse Migambi !

31. Icara hasi ufashe umubyeyi
Na kera na kare ni ko nasanze
Si wowe uhindura umuco wacu.
Kuki mutatira urwababyaye ?
Nyoko uyu ureba yari umukobwa,

36. Ubu ko atize ko yababyaye
Ntaganje mu rugo rwange ?
Gukorera cyane basaza bawe
Gufata ibere uriha ikibondo
Ni ko gaciro kawe i Rwanda.”

41. Yarihanganye ubwo Nyampinga
Ariko kandi afata umugambi
Wo kutazarera uko yabaye
Nuko amarere mabi ararenga
Maze amacakubiri aracika.

46. Ubu mu bana b’Abanyarwanda
Dore amahirwe turayahuje
Dore amahoro ubu araruganje
Dutange umusanzu mu barutuye
Ntitugahezwe mu ruduhetse.

51. Nyampinga afite agaciro
Ni na we uhekera urutubyara
Ni umusingi w’ubumwe bwacu
Ni inkomoko y’indero nziza
Ni isoko y’u Rwanda rw’ejo.

56. Mu nzego zose ubu arahaganje
Mu gisirikare ni ku isonga
Mu giporisi ni ku ruhembe
Mu nteko ubu arahatetse
No mu buvuzi nta muvundo.

61. Imirimo yose ayikora neza
Ni mu gihe kandi aranabishoboye
Tumube hafi duhuze imbaraga
Twesetwese intoki mu zindi
Twubake urwacu ruzira ihohoterwa.

Inyunguramagambo

1. Shaka inyito z'amagambo akurikira ushingiyeye ku gisobanura afite mu mwandiko
 - a) Uruhongore
 - b) Uruhimbi
 - c) Karuhimbi
 - d) Guhimba
 - e) Gutwama
 - f) Amarere
 - g) Gutatira
 - h) Ayera
 - i) Umutozo
2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumvise igisobanuro cyayo.
 - a) Uruhimbi
 - b) Umutozo
 - c) Gutwama
 - d) Gutatira
 - e) Ayera

UMUVUGO

Ongera usome uyu mwandiko witegereza imiterere yawo, maze utahure ubwoko, inshoza n'uturango byawo.

1. Inshoza y'umuvugo

Umuvugo ni igihangano kiri mu mvugo cyangwa mu nyandiko cyuje uturango nyabusizi. Uhangana umuvugo atanaga imvugo ye akayihira ubwiza bunogeye amatwi n'umutima kubera iminozanganzo inyuranye yuzuzanya n'injyana. Umuvugo uba ugabanyijemo amabango ari yo wagereranya n'ibika mu myandiko isanzwe.

2. Uturango tw'umuvugo

Umuvugo urangwa n'interuro ngufi bita imikarago cyangwa intondeke. Iyo mikarago iba ifite injyana nk'iyi mu ndirimbo. Umuvugo kandi urangwa n'injyana, isubirajwi, isubirajambo n'ubundi bwoko butandukanye bw'ikeshamvugo nk'imibangikanyo, ihwanisha, iyitirira, igereranya...

3. Ikeshamvugo ryakoreshejwe mu mvugo "Mpore nyampinga"

a) Injyana

Iyo bavuze injyana y'umuvugo, twumva imitondekere y'imikarago. Imikarago rero igomba kuba itondetse ku buryo wumva binogeye amatwi.

b) Isubirajwi

Ni ikeshamvugo rishingira ku kugenda basubira mu ijwi runaka ku buryo bunogeye amatwi.

Urugero

Uhahe uronke ugire umut**u**ngo
Uture utuze ugire umut**u**zo
Ugire ayera avuzwa umuto**z**o
Utunge ugwize ugire amat**u**ngo
Uture aheza uzire amat**o**ngo
Uganze uturwe ubone amat**u**ro.

c) Isubirajambo

Ni igihe isubirajwi rigaruka mu ijambo bihuriye ku gicumbi kimwe n'iryaribanjirije cyangwa se ijambo rikagaruka uko ryakabaye.

Ingero

Dore amahirwe turayahuje
Dore amahoro ubu araruganje

d) Imibangikanyo

Ni umunozanganzo ushingiyeye ku gukurikiranya imikarago iteye kimwe, ukurikiranya mu mikarago ingingo zuzuzanya cyangwa zivuguruzanya.

– Imikarago iteye kimwe

Urugero

Uganze uturwe ubone amaturo
Ukunde ukundwe ugire agaciro.

– Ingingo zuzuzanya

Urugero

Utunge ugwize ugire amatungo

– Ingingo zivuguruzanya

Urugero

Uture aheza uzire amatungo

e) Igereranya

Ni ukugereranya ibintu bifite icyo bihuriyeho ku buryo kimwe cyagufasha gusobanura ikindi ukoresheje uko bisangiye imisusire, imigenzereze, umumaro n'ibindi. Igereranya rigira uturango: nka, na, kimwe, asa ...

Urugero

Izo nzozi nziza ubwo akizirota
Ngo yige cyane akore **nk'**abandi

f) Ihwanisha

Ihwanisha ni ikeshamvugo risa no kugereranya ku rwego rwa kabiri, aho urenga ibyo kureba icyo ikigereranywa n'ikigereranyo bihuje, ugasa n'ubinganyisha, kimwe kikaba cyafata umwanya w'ikindi cyangwa cyagihagararira.

Ingero

Ni **umusingi** w'ubumwe bwacu
Ni **inkomoko** y'indero nziza
Ni **isoko** y'u Rwanda rw'ejo

g) Iyitirira

Iyitirira rishingiye ku gufata ikintu ukakitirira ikindi bitewe n'uko ubona isano biftanye. Icyo gihe ijambo rifata umwanya w'irindi rikagira inyito nshya kandi n'iyoyari risanganywe ritayitakaje.

Urugero

Nyampinga afite agaciro
Ni na we uhekera urutubyara
Nyampinga aritirirwa ababyeyi bose.

4. Gutora umuvugo

Gutora umuvugo ni ukuwufata mu mutwe ukawuvugira imbere y'abantu baguteze amatwi. Utoro umuvugo aba agomba kwita kuri ibi bikurikira:

a) Kubahiriza injyana

Utoro umuvugo agomba kuwuvuga yitsa ijwi cyangwa akaritsindagira aho biri ngombwa, mbese ameze nk'ukurikiza ibimenyetso by'umuziki.

b) Kuvuga adategwa

Kuvuga udategwa ni ukuvuga nta mususu, utajijinganya, uvuga usesekaza, ugaragaza imbamutima zawe kandi wubahiriza ibimenyetso. Mu gutora umuvugo, isesekaza ni ngombwa cyane kuko ari byo biryoshya umuvugo; kuvuga uhuza n'ibimenyetso kandi wubahiriza utwatuzo bigaherekezwa n'imbamutima z'urimo kuvuga umuvugo.

c) Kureba abo ubwira

Utoro umuvugo ahanga amaso abo abwira akavuga atareba ku ruhande cyangwa se adafite isoni. Ibi bituma yumvwa neza n'abamuteze amatwi kuko ijwi ribageraho bitagoranye.

Umwitozo

Hanga umuvugo kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira wubahiriza uturango twawo nyuma uwuvugire imbere ya bagenzi bawe.

- Turwanye ihohoterwa
- Umuco w'amahoro
- Kubaho ni ukubana

Umukoro

Fata mu mutwe umuvugo «Mpore nyampinga» uzawuvugire imbere ya bagenzi bawe.

IZINA NTERA

Soma witegereza imiterere y'amagambo atsindeye muri izi nteruro, utahure inshoza n'uturango twayo kandi ukore ubushakashatsi ugaragaze intego yayo.

- Ntekereje inka z'**inzungu** zikamwa amata mesnhi.
- Karigirwa ni we mwana w'**umukobwa** wenyine mu muryango wa Migambi na Kabanyana.
- Umuhungu wa Migambi yari yambaye ishata y'**umutuku**.
- Umwiza** arahenda.
- Abakuru** bagira inama **abato**.

1. Inshoza y'izina ntera

Izina ntera ni izina ryitwara nka ntera risobanura irindi zina rikarivugaho imiterere cyangwa imimerere. Izina ntera kandi ni izina ribyawe na ntera yafashe indomo igasimbura izina yari igaragiye.

Mu Kinyarwanda, amazina ntera arimo ibice bibiri.

Igice cya mbere kigizwe n'amazina akomoka kuri ntera zifata indomo zikagira intego nk'iy'amazina mbonera gakondo.

Ingero

Ntera	Izina ntera
-iza	Umwiza
-kuru	Abakuru
-to	abato
-inshi	Abenshi

Igice cya kabiri kigizwe n'amazina asobanura imiterere y'andi mazina agaragiye bigahuzwa n'ikinyazina ngenera, inshinga ni cyangwa si.

Ingero

- Abagabo b'**Abayenzi** bakunda guhinga amasaka.
- Amasuka y'**amaberuka** ntakiboneka.
- Yaguze inkweto z'**umutuku**.
- Wa mukobwa wange yashatswe n'umusore w'**Umugande**.
- Iyi nka naguze ni **inzungu**.
- Uyu mupira si **ubururu** ra?

2.Uturango tw'izina ntera

a) **Izina ntera ryisanisha n'izina rigaragiye.**

Ingero

nt.1 Umwana w'**Umuyenzi**

nt.2 Abagabo b'**Abayenzi**

nt.3 Imirima y'**imiyenzi**

(...)

nt.16 Ahantu h'**ahayenzi**

b) **Buri gihe hagati y'izina ntera n'irisobanurwa haba harimo ikinyazina ngenera, inshinga ni cyangwa si.**

Ingero

- Umuceri w'**umutanzaniya**.
- Indagara z'**indundi**.
- Aya masuka si **amaberuka**.

c) **Izina ntera rivuga ubwoko, akarere, ibara cyangwa igihugu ikivugwa gikomokamo.**

Ingero

- Inzu z'**indundi**
- Umupira w'**umuhondo**

d) **Izina ntera rishobora gusimbura izina ryasobanuraga.**

Urugero

Inka z'inzungu zirakamwa

Inzungu zirakamwa.

Ikitonderwa

Izina ntera rivuga ibara ntiryanisha n'izina rigaragiye.

Ingero

- Inkweto z'**umukara**
- Inka y'**ikibamba**
- Isahani y'**umweru**
- Uyu mwenda ni **ubururu**

3. Intego y'izina ntera

Intego y'izina ntera ni nk'iy'izina risanze.

Ingero

- Inka y'**ikimasa** ikura vuba i-ki-masa
- Nkunda inkweto z'**ubururu** u-bu-ruru

Umwitoto

1. Izina ntera ni iki?
2. Tanga ingero ebyiri z'interuro zirimo amazina ntera.
3. Shaka uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'amazina ntera atsindeye mu nteruro zikurikira.
 - a) Amagi y'**amazungu** agura make.
 - b) Umwenda w'**umukara** urashyaha.
 - c) **Umwiza** arahenda.
 - d) **Abenshi** basobanukiwe akamaro k'ishuri.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KABIRI

Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.

Yararenganuwe

Kagoyire yari umukobwa mwiza w’umuyumbu ufite igikuriro kiza. Se yitwaga Kanyamahane nyina akitwa Kankindi. Kagoyire yigaga mu mwaka wa kane w’amashuri yisumbuye. Yavukanaga n’abandi bakobwa batatu. Kanyamahane yari umugabo ugira amahane cyane kandi wumva atinze. Ibyavugirwaga mu nama abayobozi ndetse n’inzego z’umutekano bakoreshaga birebana no kurwanya ihohoterwa, Kanyamahane ntiyabikozwaga. Yahoraga avuga ko nta cyo ategereje ku bana b’abakobwa yabyaye uretse kumubyarira abana adakeneye.

Yari afite inshuti y’umucuruzi yitwaga Rukwaya basangiraga inzoga buri mugoroba. Akenshi Kanyamahane agataha avuye gusozera inzoga, ijisho ryabaye indubaruba akagenda yandika umunani. icyo gihe abana na nyina ntibaryamaga yabarazaga ku nkeke. Kanyamahane yari yarabajubijije ahora ababuza epfo na ruguru. Bari baramuboneyeho rubi. Agahora avuga ngo nguwo umugore wabyaye abakobwa gusa akaba aciye umuryango; nguwo uwabyaye abakobwa b’ibigoryi nka we; nguwo umunebwe utagize icyo amaze nk’abakobwa be. Kubera ko Kankindi atari asobanukiwe no guharanira uburenganzira bwe yatinyaga kuvuga iryo hohoterwa rishingiye ku itoteza rya hatu na hatu umuganji we amukorera, bityo akamuhishira.

Rukwaya yakomezaga kugaragariza Kanyamahane ko bari inshuti ariko bya nyirarureshwa. Muby’ukuri ntiyamukundaga; ahubwo yashakagako yazamushyingira umukobwa we Kagoyire. Yahoraga ashimagiza uwo mukobwa avuga ko ari ihoho, yitonda kandi yubaha. Abinyujije kuri se, yatangiye kujya amugenera impano zinyuranye zirimo terefone, inkweto, imikufi ndetse n’amafaranga. Kagoyire amaze kubona ukuntu izo mpano zazaga zisimburana ubutaretsa kandi azishyikirizwa na se atangira kugira amakenga. Abiganiriza nyina maze babikurikiranye basanga izo mpano zaraturukaga kwa Rukwaya. Barabyegeranya byose maze babisubiza Kanyamahane. Ibyo bitera Rukwaya na Kanyamahane kurakara cyane.

Nubwo Kagoyire yari umuhanga mu ishuri, yageze mu mwaka wa gatanu asubira inyuma. Kanyamahane yamutegekaga imirimo ivunanye akora. Mu gitondo mbere yo kujya ku ishuri iyo atabanzaga kujya guhinga, yabanzaga kujya kurinda inyoni mu murima w’umuceri mu gishanga kandi hari kure. Iyi mirimo yatumaga buri gihe agera ku ishuri yakerewe. Nimugoroba nabwo ntiyabonaga umwanya wo gusubira mu masomo ye. Kanyamahane ndetse yashatse kumushyingira Rukwaya ku ngufu ariko Kankindi noneho amubera ibamba. Uretse n’ibyo, Kanyamahane ntiyatinyaga no kumukubita, nyina yavugaga na we bikaba uko. Ibi byose Kankindi yarabibonaga bikamubabaza ariko akabura uko agira kubera gutinya kurega umugabo we ngo atisenyera. Umunsi umwe, Kankindi abaza Kanyamahane impamvu avutsa Kagoyire uburenganzira bwo kwiga neza. Aramushushubikana ndetse amuraza rwantambi.

Umuyobozi w'ishuri amaze kumenya aho gutsindwa kwa Kagoyire bituruka, atumiza inama y'ababyeyi n'abanyeshuri ndetse anatangiza ihuriro ryo kurwanya ihohoterwa. Mu nama abanza kubasobanurira ko ihohoterwa ari igikorwa icyo ari cyo cyose kibangamiye umuntu gishobora kumwononera umubiri cyangwa imitekerereze. Abaha ingero zitandukanye z'ihohoterwa: irishingiye ku gitsina, gutoteza no guhoza ku nkeke, gukoresha umwana imirimo irenze ubushobozi bwe, kumuvutsa amahirwe yo kwiga n'ibindi. Abasaba ko bagomba gutinyuka bakamagana ihohoterwa rikorerwa mu ngo cyangwa mu nzira ntibahishire n'abarikora kabone n'iyi baba bafite icyo bapfana.

Nyuma aburira abanyeshuri ko bagomba kwirinda kwakira impano kuko inyinshi ziba zifite impamvu zizihishe inyuma. Akomeza ababwira ko bagomba kumenya kwihagararaho. Mu gusoza, Umuyobozi yemerera ihuriro ryo kurwanya ihohoterwa ko agiye kubashakira itegeko rihana icyaha k'ihohoterwa kugira ngo rimenyekane. Avuga kandi ko iryo huriro rizatangiza akanyamakuru kazajya kanyuzwamo amakuru ku kurwanya ihohoterwa. Abibutsa ko baba abanyeshuri, abarezi, abayobozi, abashinzwe umutekano n'abandi bose bafite uruhare mu gukumira no kurwanya ihohoterwa.

Bukeye, Kagoyire atashye avuye ku ishuri, asanga Rukwaya yamutegeye mu gashyamba ashaka kumufata ngo amukorere ibya mfura mbi. Nyamara uwo mugambi mubisha ntiyawugeraho kuko Kagoyire yavugije induru agatabarwa n'abanyeshuri bagenzi be bari basigaye inyuma. Bahita baherekeza Kagoyire ajya kurega mu buyobozi kugira ngo Rukwaya akurikiranwe. Hadashize igihe Rukwaya aburanishirizwa mu kigo Kagoyire yigamo maze akanirwa urumukwiye. Kanyamahane amaze kumenya amakuru ya mucuti we Rukwaya afata ikemezo cyo guhindura imyitwarire, maze kuva ubwo umuryango ubona amahoro.

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Uyu mwandiko uravuga ku yihe nsanganyamatsiko?
2. Ni ubuhe buryo bugaragara mu mwandiko bwo kurwanya ihohoterwa?
3. Garagaza ihohoterwa Kanyamahane yakoreraga umugore we Kankindi.
4. Mu mwandiko Kanyamahane yahohoteyeye ate Kagoyire?
5. Ni ba nde bafite uruhare mu kurwanya ihohoterwa?
6. Umaze gusoma umwandiko sobanura uruhare wumva wagira mu kurwanya ihohoterwa.
7. Ni izihe nzitizi zishobora gutuma ihohoterwa ryo mu rugo ridacika?

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko.
 - a) Umukobwa w'umuyumbu
 - b) Umuganji
 - c) Kujujubya
 - d) Gusozera
 - e) Kubonera rubi ku muntu
 - f) Kurara rwantambi
2. Uzuzura interuro zikurikira ukoresheje amagambo dusanga mu mwandiko.
 - a) Kagoyire yari umukobwa ufite uburanga buhebuje! Muri make yari.....
 - b) Rukwaya yashatse kumukorera ibya mfura mbi ariko undi
 - c) Si byiza abakora ihohoterwa iryo ari ryo ryose.
 - d) Rukwaya yohererezaga Kagoyire impano
 - e) Kanyamahane yahoraga abuza abana n'umugore we.
 - f) Iyo yabaga yanyoye ijisho rye ryahindukaga.....
2. Koresha buri jambo muri aya akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro iboneye.
 - a) Kuvutsa uburenganzira
 - b) Kugira amakenga
 - c) Umugambi mubisha
 - d) Kugenda wandika umunani

III. Ikibonezamvugo

1. Andika ubwoko bw'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira.
 - a) Abantu banyura inzira **nyinshi** bahohotera abandi kandi bitemewe.
 - b) Abanyeshuri **bagufiya** bicare imbere.
 - c) Inka y'**inzungu** ikamwa amata menshi.
 - d) Ingwa y'**umweru** ikoreshwa cyane kurusha izindi.

2. Shaka intego n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe ku magambo atsindegiye ari mu nteruro zikurikira
- a) Abakunzi b'amahoro baracyafite inzira **ndende**.
 - b) Umuntu **mutomuto** narabutswe ni nde wari ugiye kumuhohotera?
 - c) **Abashyashya** baririmbe indirimbo yabo twumve.
 - d) Ijoro ry'**umwijima** dukwiye kuritinya kugira ngo tudahuriramo n'abaduhohotera.
 - e) Erekana icyo ntera n'izina ntera bihuriyeho.
 - f) Hanga igice cy'umwandiko k'imirongo nk'icumi kiganjemo ntera n'amazina ntera kandi unabigaragaze.

IV. Ihangamwandiko

Hanga umuvugo ku nsanganyamatsiko wihitanyemo utari muni y'imikarago 10 wubahiriza uturango tw'umuvugo. Muri uwo muvugo ugaragaze aho wakoresheje tumwe mu turango tw'ikeshamvugo dukurikira: isubirajwi, isubirajambo, igereranya n'ihwanisha.




UMUTWE 3

UBURINGANIRE
N'UBWUZUZANYE

UMUTWE WA 3: UBURINGANIRE N’UBWUZUZANYE

UMWANDIKO: IHINDUKA RYA MIGAMBI



Umugabo Migambi yari atuye mu kagari ka Rutare. Yakundaga kunywa inzoga nyinshi, agataha akubita umugore we Mukarwego. Migambi yari afite amatungo menshi, imirima, amashyamba n’ibindi. Ariko byose byari bitangiye gushira kubera kubura ubwitaho, dore ko iyo ngeso yo kunywa cyane yari yarayitewe n’umurengwe. Yakundaga kunywa inzoga z’amoko menshi, agataha yabaye ibyatsi. Iyo yageraga mu rugo yatangiraga kwiyeza ku mugore we amubaza raporo y’ibyo yagombaga kuba yakoze. Yamubazaga niba yakukiye amatungo, yayagaburiye, yanayashakiye icyarire. Yamubaza kandi niba yajyanye abana ku ishuri, yagiye guhinga, gutera intabire, gusarura imyaka n’ibindi byinshi.

Umunsi umwe Migambi yavuye mu kabari hakiri kare asanga Mukarwego arimo koza amasahani. icyo gihe umwana muto yari arimo kurira, intama irimo kona amasaka yari arunze mu rugo. Abonye ibintu byinshi byandagaye ku mbuga abaza umugore we impamvu y’ako kagari. Ubwo umugore atangira kumusobanurira ko byatewe n’imirimo myinshi. Migambi na we aho kumwumva uburakari buba

bwinshi. Nuko akuramo ishata atangira gufunga amakofe ngo amukubite nk'uko yari asanzwe abigenza. Muri ako kanya abona umukobwa we Kankindi ahingutse mu bikingi by'amarembo avuye kwiga. Kankindi yari kumwe n'umuhungu biganaga mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye. Ubwo isoni ziramukora ni ko kwambara ishata ye yinjira mu nzu. Mukarwego we ariruhutsa ati: "Bana ba, ni Imana y'i Rwanda ibangoboreye Migambi yari agiye kunyica!"

Umukobwa we yinjira mu nzu, asanga se yicaye mu ruganiriro aramusuhuzwa. Amwereka Karangwa umunyeshuri bigana bagiye gufatanya umukoro. Se aramubwira ati: "Nta kibazo". Migambi akomerezaho abwira Kankindi ati: "Ko mbona utishimye mwana wange?" Kankindi ati: "Ikimbabaje ni uko nsanze mwongeye kurwana nanone. Dawe, ibi bizakomeza gutya kugeza ryari? Birambabaza kuba muhora murwana kandi mupfa ubusa, bintera ikimwaro mu maso y'abo twigana".

Migambi asubiza umukobwa we ko badapfa ubusa ko byose bituruka ku mafuti ya nyina Mukarwego w'umugore gito. Mukarwego we yakurikiranaga ikiganiro yinumiye. Kankindi asubiza se ko ayo mahane aterwa no gusaba nyina ibidashoboka. Yagize ati: "Umva dawe, ibyo ushaka ko mama akora ntiyabishobora ari umwe!" Yongeraho ati: "Icyakemura ibibazo biri muri uru rugo ni uko mwamenya ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango". Se amusamira hejuru ati: "Ibyo se kandi uzanye wabikuye he? Bishatse kuvuga iki?" Karangwa wari wateze amatwi yumiye asaba ijamba ngo agire icyo abivugaho. Aravugaga ati: "Iyo bavuze kuringanira, ntabwo baba bashaka kuvuga kureshya, cyangwa kugira imbaraga z'umubiri zingana. Nta nubwo baba bashaka kuvuga kunganya amafaranga cyangwa imitungo, ndetse si n'umubare w'amashuri abantu bize. Iyo bavuze uburinganire baba bavuze gufashanya, kunganirana no kugira uburenganzira bungana imbere y'amategeko. Abagore n'abagabo bakagira uburenganzira bumwe, bagafatwa kimwe ntihabeho kubuzwa ibintu ibi n'ibi kubera ko umwe ari umugore cyangwa umugabo."

Migambi aramusubiza ati: "Ese ibyo bihuriye he n'ibiri iwange aha, aho umugore wange nishakiye atanyumvira. Iyo adakoze ibyo mba namutegetse bigatuma duhora mu nduru." Kankindi na we amubwira ko igisubizo k'icyo kibazo kiri mu bwuzuzanye. Niko gutangira agira ati: "Mu by'ukuri, umugabo n'umugore baremewe kuzuzanya, ari na cyo gituma batandukanye. Ni ngombwa ko umugabo ashakana n'umugore. Mu rugo barunganirana mu gutekereza icyateza imbere umuryango, umwe akarwana ku wundi, akamurengeza kandi akanamurinda. Ni inshingano baba bariyemeje igihe basezeranaga. Ubufatanye bwabo n'ubwumvikane ni byo bituma batera imbere. Umugabo n'umugore bagafatanya imirimo bakaba magirirane. Iyo bitabaye ibyo, urugo rusubira inyuma, rugahora mu nduru, rugakena. Ikindi kandi, ibi by'uburinganire n'ubwuzuzanye si mu Rwanda biri gusa. Ni imyumvire mpuzamahanga, biri ku isi hose! None se dawe, ntuzi ukuntu kera mugifatanya twari tumaze gutera imbere, none nkaba ntangiye no kubura amafaranga y'ishuri! Rya shyamba ryo kwa Kalimunda mwashakaga kugura ntiryabaciye mu myanya y'intoki. Karamuka n'umugore we babitsaga muri banki, ntibatseyo inguzanyo

bakaryegukana? Naho wowe ayo ubonye uyatsinda mu kabari, aho utahiye ukaza urwana, nta no kudufasha akarimo na kamwe! Ubwo urabona ari uko bikwiye gukomeza koko dawewe?”

Amagambo ya Kankindi yibukije Migambi ibintu byinshi: kutumvikana n’umugore we, kumarira amafaranga mu kabari, kutizigamira muri banki byatumye atigurira ishyamba, guhora akubita umugore we, kugwira umwana we kubera ubusinzi akamuvuna ukuguru none akaba ajya ku ishuri bimugoye. Nuko yifata mu gahanga azunguza umutwe. Niko kugira ati: “Bana ba, ibyo muvuze byose ndabyumvise kandi ni ukuri. Kuva ubu ngiye guhinduka, nongere mere nka kera, niteze imbere mfatanye na Mukarwego wange.” Akimara kuvuga ibyo, akanyamuneza kaza mu maso ya Mukarwego wari uje mu nzu. Niko kureba umugabo we ati: “Ibyo uvuze ni ukuri cyangwa uragira ngo unezeze aba bana bawe gusa, ejo uzabe wasubiye ku kawe?” Migambi arahaguruka ati: “Reka wenda mbivuge mpagaze ndetse ngusabe imbabazi. Mbivugiye aha sinzongera kugukubita no kugutererana mu mirimo yose. Ikindi kandi nzabwira na bagenzi bange bahinduke bamere nkange”. Nuko Mukarwego, n’ibyishimo byinshi ahobera umugabo we. Kankindi na Karangwa na bo babibonye bakoma mu mashyi. Kankindi ibyishimo bimurenze amarira ashoka mu maso.

I. Inyunguramagambo

1. Huza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ari mu ruhushya A n’ibisobanuro byayo biri mu ruhushya B.

A	B
1. Uburinganire	a. Intonganya z’urudaca, zihoraho
2. Ubwuzuzanye	b. Kudafasha uwo wagombaga gufasha
3. Kutizigamira	c. Kuba ku murongo umwe, kudasumbana, kuba ku rugero ruciririkanyije, ruhagije
4. Gusubira ku kawe	d. Kugushyira hamwe, ugushyigikirana ukunganirana
5. Guhora mu nduru	e. kutagira amafaranga ushyira muri banki cyangwa ikigo k’imari iciriritse.
6. Gutererana	f. kugaruka ku byo wari usanzwe ukora

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro wihimbiye.
 - a) Kuba ibyatsi
 - b) Akanyamuneza
 - c) Ingeso

II. Kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajjwe ku mwandiko.

1. Vuga impamvu y'ingenzi yatumaga Migambi atera amahane, akarwana ageze mu rugo rwe.
2. Ni bande bagize uruhare mu ihosha ry'amakimbirane kwa Migambi?
3. Ni iki cyateraga Mukarwego kutubahiriza ibyo Migambi yifuzaga byose?
4. Ni iki cyatumye Migambi yisubiraho?
5. Shaka ibikorwa byavuzwe mu mwandiko bibangamiye uburinganire n'ubwuzuzanye mumuryango.
6. Sobanura akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango kagaragara mu mwandiko.
7. Sobanura akamaro k'umuco wo kuzigama n'ingaruka zo kutazigama zivugwa mu mwandiko.

III. Gusesengura umwandiko

Subiza ibibazo byabajjwe ku mwandiko.

1. Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko.
2. Hina uyu mwandiko mu magambo yawe.
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko.
4. Birashoboka ko aho utuye haba hari imiryango ifite amakimbirane aterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye : umaze gusoma no kumva uyu mwandiko, wakemura ute ibyo bibazo ?

IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku bindi biranga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bitavuzwe mu mwandiko.

Umwitoto

Hanga umwandiko utarengeje amapaji abiri ku nsanganyamatsiko ikurikira.

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni inkingi y'iterambere .

IBISANTERA

Itegereze interuro zikurikira maze uvuge ubwoko bw'amagambo atsindagiye.

- a) Migambi yasubije umukobwa we ko badapfa ubusa ko ari amafuti ya nyina Mukarwego w'umugore **gito**.
- b) Uburinganire bw'umugore n'umugabo ni imyumvire **mpuzamahanga** si mu Rwanda twayisanga gusa.
- c) Abanyarwanda bavuze ko umugabo **mbwa** aseka imbohe.

1. Inshoza y'ibisantera

Ibisantera ni amagambo afite imyitwaririre nk'iya ntera kuko afutura amazina biri kumwe, ariko nanone si ntera kuko atisanisha buri gihe nka ntera.

2. Uturango tw'ibisantera

Mu nteruro ibisantera bifata umwanya nk'uwa ntera. Hari ibifata indangasano isa nk'iy'amazina bigaragiye, ariko hari n'ibitazifata.

Urugero

a) Ibifata indangasano isa nk'iy'izina bigaragiye

- Ururimi rutwaye inkuru **mbarirano** ntiruyitindana.
- Inzu **ndangamurage** irasurwa cyane

b) Ibifata indangasano idasa n'iy'izina bigaragiye.

- Ikarita **ndangamuntu** ikenerwa henshi
- Imyitozo **nzamurabushobozi** ni ingenzi ku banyeshuri.
- Ibiro **mpuzamahanga** byaratwegerejwe
- Imico **mvaburayi** ikomeje gusakara ku isi hose.

3. Intego y'ibisantera

Muri rusange ibisantera bigira uturemajambo dutandukanye bitewe n'aho bikomoka.

- Umugore **gito: ki- to k→g/-GR**
- Ibihingwa **ngengabukungu: n-geng-a-ø-bu- kung-u**
- Inzira **nyabagendwa : nya -ba-gend-w-a**

4. Amwe mu mategeko y'igenamajwi akoreshwa mu bisantera

Itegeko	Igisantero	Intego
u → ø/-J	Imyenda mvamahanga	n-vu-a- ø -ma-hanga
n → m/-h; mh → mp mu myandikire	Inkuru mpimbano	n-himb-an-o
r+y → z; a → ø/-J	Imvugo nyandagazi	nya-and-ag-ar-yi
d+y → y	Marayika murinzi	mu-rind-yi
k → g/-GR; a → ø/-J; i → ø/-J	Ibikorwa nyongeragaciro	nya-onger-a- ø-ka- ci-ir-o

Kugereranya, igisantera, ntera n'izina ntera

Ntera	Izina ntera	Igisantero
Yisanisha mu nteko zose	Risimbura izina ryagombaga kugaragira	Si buri gihe ko kisanisha n'izina kigaragiye
Ntifata indomo	Rigira indomo	Ntigifata indomo
Igira uturemajambo tubiri	Izina ntera rigira intego nk'iy'izina nyakimwe cyangwa ry'urusobe bigatandukanywa n'uko rishobora gukoreshwa mu nteko zose kimwe na ntera	Kigira uturemajambo twinshi
Ntera yisanisha n'izina igaragiye ikagaragaza imico cyangwa imimerere yaryo		Kigira umumaro nk'uwa ntera wo kugaragaza imico n'imimerere y'izina kigaragiye

Imyitozo

- a) Tahura ibisantera muri izi nteruro zikurikira
 - Ishuri nderabarezi rimaze igihe kirekire.
 - Ubutegetsu nyubahirizategeko bufite akamaro kanini.
 - Ikawa n'icyayi ni ibihingwa ngengabukungu.
 - Ibyiza nyaburanga biri mu Rwanda nta handi wabisanga.
 - Kalisa akunda imbyino nyarwanda cyane.
- b) Sesengura ibisantera biri muri izi nteruro ugaragaze n'amategeko y'igenemajwi yubahirijwe
 - Imyitozo ngororangingo
 - Ikigo mpuzamahanga
 - Amazina gakondo
 - Uburere mboneragihugu
- c) Himba interuro ebyirebyiri ukoreshemo ntera, igisantera n'izina ntera.

UMWANDIKO: GASHARU ISURWA N'UMUNYAMAKURU



(Umunyamakuru Kamahoro aganira n'abaturage ba Gasharu)

Umunyamakuru: Baturage ba Gasharu muraho? Nejejwe no kuba ndi kumwe namwe uyu muni ngo tunganire. Nitwa Kamahoro Ngarukiye mwene Rumanzi nkaba ndi umunyamakuru kuri Radiyo Ijwi Ryacu.

Umuturage wa mbere : Urakaza neza mu Murenge wacu. Natwe rwose radiyo yadusuye!

Umunyamakuru: Hanyuma rero mu kiganiro cyacu buri wese afite ijambo. Ikindi kandi naje nk'intumwa mugomba gutuma ikabatumikira aho mutigerera.

Umuturage wa kabiri : Yego rwose, tugomba kugutuma kuri Perezida wacu n'Abadepite ukabadushimirira ko baduteje imbere.

Umunyamakuru: Reka dutangire ikiganiro cyacu rero. Niko Mukecu, iyo bavuze uburinganire wumva iki? Banza ariko utwibwire.

- Umukecuru:** Nitwa Nyiramanzi Verediyana. Iyo bavuze uburinganire, numva ko nange ndi umugabo iwange kuko ndi umupfakazi nta mugabo ngira. Ubwo ibyo yakoraganange ndabikora kandi bikagenda neza.
- Umunyamakuru:** Muze, ndabona nawe usaba ijambo.
- Umusaza:** Ibyo by'uburinganire bavuga se ni ibiki, uretse akateye muri ino minsi, ni he wabonye umuntu w'umugabo yoza isahani cyangwa ahena mu ziko ngo aratetse? Cyakora mwa bana mwe isi muzayirangiriza.
- Abaturage:** (*basakuze*) Uvuze ngo iki muze? Mbega umusaza!w
- Umunyamakuru:** Muceceke twubahane. icyo ni igitekerezo ke. Ndabona hari n'umukobwa uzamuye ukuboko. Igira hino sha, ufate indangururamajwi utubwire. Ko mbona wambaye imyenda y'ishuri uvuye kwiga he? Ubwo uratubwira n'umwaka wigamo.
- Umunyeshuri:** Nitwa Ana Mariya niga ku Rwunge rw'Amashuri rwa Gasharu, mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye. Ngewe rwose sinemeranya n'uwo musaza.
- Umunyamakuru:** Kubera iki?
- Umunyeshuri:** Hari abumva uburinganire nko kubuzwa uburenganzira nyamara atari byo. Uburinganire bushingiye ku kureshya imbere y'amategako, kuba umugabo n'umugore bashobora gukora imirimo imwe, kandi buri wese akagira ijambo aho ari hose.
- Umunyamakuru:** Muze, ko mbona ushyize ukuboko hejuru ntiwemera ibyo avuze?
- Umusaza:** Simbyemera! Niko mwa, ubwo umugore na we yatinyuka akurira inzu agakora nk'ibyo umugabo we yakora?
- Umunyamakuru:** Ngaho musubize di. Harya wavuze ngo witwa Ana?
- Umunyeshuri:** Muze, byose turabishoboye ubu nge ureba niga ubukanishi, nta bwoba binteye kandi ndabishoboye.
- Umunyamakuru:** None se Ana, abo mwigana n'abaturanyi babibona bate kuba wiga ubukanishi uri umukobwa?
- Umunyeshuri:** Bamwe mu babyeyi b'abaturanyi babanje kunyita igishegabo, abandi ngo sinzabona umugabo, ariko uko tugenda tunganira mbona imyumvire itangiye guhinduka.

- Umunyamakuru:** Nsigaranye ibindi bibazo bibiri. Kimwe ndakibaza urubyiruko, ikindi ndakibaza abakuze, hanyuma ikindi kirabareba mwese. Urubyiruko nimunsubize, ngo ubu aho gutinya SIDA bamwe batinya inda abandi bagatinya ko bababwira ko bateye inda imburagihe?
- Umusore:** Nge rwose nasinye ko nta kurira ibombo mu ishashi!
- Umunyamakuru:** Abandi mubyumva mute? Undi natubwire!
- Umkobwa:** Nyamara ntidukwiye gukina n’ubuzima. Ubundi nkatwe tukiri bato dukwiye kwifata, wenda byakwanga tugakoresha n’ako gakingirizo aho kwiroha mu ruzi turwita ikiziba.
- Umunyamakuru:** Abakuze namwe nimunsubize, ni gute mwunganirana n’abo mwashakanye mu kazi? Ndabona umubyeyi uzamuye akaboko hariya inyuma, mumuhe akayira yigire imbere atubwire.
- Umuturage:** Nge nasanze kunganirana mu kazi ari iby’agaciro. Ubu nge n’umugabo wange twiteje imbere kubera ko akazi kose tugafatanya. Nubwo gasaba ingufu, buri wese akora uko ashoboye ntihabeho kuvunishanya. Ibyo kandi byongera urukundo hagati yacu.
- Umunyamakuru:** Bivugwa ko ngo hano mugira umwanda ku mubiri kandi ngo isoko ryanyu rizamo ibicuruzwa byarangije igihe ngo mukabigura kuko bigura make?
- Umuturage:** Abo bavuga ibyo baratubeshyera. Nawe ihere ijisho. Ntubona ko dukeye. Turasobanutse! Naho iby’ibicuruzwa byo mu isoko, ntabwo dupfa kugura ibyo tubonye byose tubanza kubigenzura. Ibyarengeje igihe tukabireka cyangwa tukabwira ababishinzwe ko hari umuntu ucuruza ibitujuje ubuziranenge bakamuhana.
- Umunyamakuru:** Ndabashimiye, murakoze ku bitekerezo byiza mungejejeho. Ibyo tutaganiriyeho tuzabikomeza ubutaha tubijyaho impaka. Noneho muzabonereho no kuntuma ku bayobozi banyu. Ngaho mwese nimwihe amashyi kandi ababyeyi na bo bavuze impundu.

I. Inyunguramagambo

a) huza amagambo ari mu ruhushya A n'imbusane zayo ziri mu ruhushya B

A	B
1. Kwiteza imbere	a) ubusumbane
2. Uburinganire	b) gufatanya
3. Kuvunishanya	c) gutererana
4. Kunganirana	d) kwisubiza inyuma

b) Shaka amagambo atandatu y'imirimo ari muri iki kinyatuzu

Urugero: **kubaka**

G	U	T	W	A	R	A	I	N	D	E	G	E
I	B	I	S	U	F	H	T	G	W	R	U	K
S	U	T	O	T	E	K	W	I	C	T	S	U
V	K	Q	B	O	R	U	O	O	Z	Y	E	E
O	A	I	U	T	D	V	R	A	T	U	T	R
I	N	U	I	U	B	U	D	O	Z	I	P	G
T	I	W	X	F	G	R	E	J	U	D	G	H
W	S	Q	K	U	B	A	K	A	K	K	U	K
P	H	K	G	D	Q	E	R	T	H	U	T	H
L	I	E	R	T	Y	U	I	O	U	T	R	E
I	K	W	I	G	I	S	H	A	S	D	G	H

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Umunyamakuru yasuye Umudugudu wa Gasharu, ajyanyweyo n'iki?
2. Abaturage bamwakiriye bari mu bihe byiciro?
3. Umunyamakuru yaganiriye n'abaturage ku ngingo ijyanye n'ubuzima. Ni iki yayibabajijeho?
4. Abaturage baganiriye n'umunyamakuru bafite imyumvire itandukanye ku buringanire n'ubwuzuzanye. Ni iyihe?
5. Sobanura akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye kavugwa mu mwandiko.
6. Ni gute abaturage bo mu Mudugudu wa Gasharu barwanya ibicuruzwa bitujuje ubuziranenge?

III Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko "Gasharu isurwa n'umunyamakuru".
2. Hari abantu bacyumva ko hari imirimo igenewe igitsina gore cyangwa igitsina gabo. Wowe ubyumva ute?
3. Hari abantu bamwe bitwaza ko habonetse imiti igabanya ubukana bwa SIDA, udukingirizo, bakishora mu busambanyi ngo SIDA ni indwara nk'izindi. Ibyo ubitekerezaho iki?

IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira: *"Uburunganire n'ubwuzuzanye hagati y'ibitsina byombi, butuma akazi gakorwa neza."*

IKIGANIRO MPAKA

Soma iki gitekerezo cy'umunyamakuru cyavuye mu mwandiko "Gasharu isurwa n'umunyamakuru" maze usubize ikibazo kijyanye n'icyo gitekerezo.

Umunyamakuru: Ndabashimiye, murakoze ku bitekerezo byiza mungejejeho. Ibyo tutaganiriyeho tuzabikomeza ubutaha tubijyaho impaka. Noneho muzabonereho no kuntuma ku bayobozi banyu. Ngaho mwese nimwihe amashyi kandi ababyeyi na bo bavuze impundu.

Ikibazo: Umunyamakuru arararika abaturage kuzajya impaka ubutaha ku bindi bataganiriyeho. Impaka ni iki? Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ikiganiro mpaka, imbata yacyo n'uko bagitegura.

1. Inshoza y'ikiganiro mpaka

Ikiganiro mpaka ni ikiganiro gihuza impande ebyiri zihanganye ku nsanganyamatsiko runaka. Bene icyo kiganiro kiba kiyobowe kandi buri ruhande ruba ruhatanira guhiga urundi mu gutanga ibitekerezo neza. Ibyo bigatuma buri ruhande rutsimbarara ku murongo w'ibitekerezo rwahisemo.

2. Uturango tw'ikiganiro mpaka

- Ikiganiro mpaka kirangwa no kuba hari insanganyamatsiko igibwaho impaka.
- Kibamo impande ebyiri zidahuje ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe.
- Abitabiriye icyo kiganiro bagira uburyo bicara cyangwa bahagarara buri tsinda ukwaryo.

- Ikiganiro mpaka kigira: umuyobozi, umwanditsi, abashyigikiye n’abadashyigikiye insanganyamatsiko, abakemurampaka, umuhwituzi n’indorezezi.
- Ikiganiro mpaka kiba kiyobowe.

3. Uko bategura ikiganiro mpaka

Ikiganiro mpaka ni urubuga rwo gukusanyamo ibitekerezo ku nsanganyamatsiko runaka. Ni yo mpamvu atari ikiganiro abajya impaka bapfa kujyamo uko babonye. Ikiganiro mpaka kigira abantu bafite inshingano zinyuranye zituma kigenda neza kandi cyubahiriza igihe cyagenwe.

a) Abagize ikiganiro mpaka

- **Umuyobozi w’ikiganiro** avuga insanganyamatiko iza kugibwaho impaka, agateganya igihe ikiganiro kiri bumare. Agena umubare w’abagomba kugira uruhare mu kiganiro kugira ngo bataba benshi, bityo ibitekerezo bikagora iyobora. Agenera kandi impande zijya impaka umwanya wo gukusanya ingingo bari butange zijyanye n’uruhande bahagazemo. Umuyobozi w’ikiganiro ashobora kuba umwe cyangwa bakaba babiri bitewe n’abajya impaka uko bangana n’imiterere y’insanganyamatsiko.
- **Abajya impaka:** abajya impaka baba bari mu byiciro bibiri: **abashyigikiye** insanganyamatsiko yatanzwe n’**abadashyigikiye** insanganyamatsiko yatanzwe. Mbere yo kwinjira mu kiganiro mpaka izi mpande zombi zibanza gukora ubushakashatsi buhagije ku nsanganyamatsiko.
- **Umwanditsi** yandika ibitekerezo bitangwa na buri ruhande.
- **Umuhwituzi** agenera igihe abavuga.
- **Abakemurampaka** bahamya uruhande rwahize urundi.
- **Indorezezi** zikurikira ikiganiro.

b) Gukusanya ingingo

Mbere yo kwinjira mu kiganiro mpaka, abashyigikiye insanganyamatsiko n’abatayishyigikiye bamenyeshwa insanganyamatsiko, bagahabwa umwanya wo gukora ubushakashatsi buhagije begeranya ingingo bari bushingireho kugira ngo bahige abo bari buge impaka.

c) Uko bicara



Abayoboye ibiganiro bicara bateganye n'indorezezi. Abajya impaka bicara barebana, bamwe bari mu ruhande rw'iburyo abandi bari mu ruhande rw'ibumoso. Ibyo bituma ntawubangamirwa cyangwa ngo aterwe icyugazi na mugenzi we. Abantu baba bicaye nk'uko bigaragara kuri iki gishushanyo kiri hejuru. Biba byiza iyo buri muntu mu baja impaka ashya urupapuro rwanditseho izina rye imbere ye kugira ngo bifashe abajya impaka kumenyana iyo bataziranye.

4. Imyitwarire y'abagize ikiganiro mpaka

Mu cyumba gikorerwamo ibiganiro mpaka hagomba kubamo umutuzo. Ni inshingano z'umuyobozi w'ikiganiro gutanga amabwiriza areba abajya impaka ndetse n'indorezezi. Umuyobozi w'ikiganiro mpaka nta ruhande abogamiraho, we atanga umurongo w'ikiganiro gusa.

Mu kiganiro mpaka, ntawihira ijamba; arihabwa n'umuyobozi w'ikiganiro. Mu gihe uhawe ijamba atubahirije igihe, umuhwituzi amenyekanisha ko igihe kirangiye, hanyuma umuyobozi w'ikiganiro akaka ijamba uvuga.

Abari mu kiganiro ntibababagomba gutandukira insanganyamatsiko. Umuyobozi w'ikiganiro agarura mu murongo abashatse gutandukira baja mu bindi. Mu gihe batanga ibitekerezo, uvuga aba agomba gushira amanga akagaragaza ko ingingo atanga azihagazeho ku buryo abamwumva babona ko yifitiye ikizere mu byo avuga. Uri mu kiganiro mpaka ntagira umususu, nta n'ubwo atungurwa igihe abajijwe n'uwo ku rundi ruhande. Ahora yiteguye kandi ntiyerekane ko ikibazo abajijwe kimunaniye. Bityo igihe avuga, agomba guhanga amaso abo abwira n'abandi bose bari aho, akarangurura ijwi kugira ngo yumvikanishe igitekerezo ke.

Nubwo abajya impaka baba bagomba gusenya mu bitekerezo, ufashe ijambo ashaka gusenya igitekerezo cy'undi agomba kubikora mu kinyabupfura no mu bwubahane batajya impaka za ngo turwane.

Umwanditsi agomba kwandika ingingo zose zitangwa n'impande zombi akirinda gushyiramo ibitekerezo bye.

Indorerazi zigomba kugaragaza umutuzo, zikirinda urusaku, gukomera no gukomera amashyi abatanze ibitekerezo byabo.

5. Imbata y'ikiganiro mpaka

Ikiganiro mpaka kigira umutwe, intangiriro, igihimba n'umwanzuro (umusozo).

a) Umutwe

Umutwe uba ugizwe n'insanganyamatsiko iri bugibweho impaka.

b) Intangiriro

Mu ntangiriro, umuyobozi w'ikiganiro mpaka atangiza ibiganiro atanga amabwiriza ku bitabiriye ikiganiro mpaka. Nyuma y'ayo mabwiriza, umuyobozi avuga insanganyamatsiko iri bugibweho impaka, maze agaha umwanya abagiye kujya impaka bagatangira gutanga ibitekerezo byabo.

c) Igihimba

Mu gihimba, abajya impaka barisanzura, itsinda rikajya risimburana n'irindi mu gutanga ibitekerezo. Mu gihimba ni ho hagaragara ikiganiro mpaka nyiri izina, uko impande ebyiri zijya impaka. Abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye.

Uko bajya impaka

Ufashe ijambo bwa mbere asobanura uko yumva insanganyamatsiko akabona gutanga ibitekerezo bye. Iyo arangije kuvuga, umuyobozi w'ikiganiro aha ijambo uwo mu rundi ruhande udashyigikiye insanganyamatsiko. Uyu na we abanza gusobanura insanganyamatsiko, agasenywa ibitekerezo by'uwamubanjirije, akabona gutanga ibitekerezo bijyanye n'umurongo itsinda rye riyahaye.

Nyuma y'aba babiri babanza kuri buri tsinda, umuyobozi w'ikiganiro agenda aha ijambo umuntu umwe uvugira buri tsinda bakagenda basimburana kugeza igihe umwanya bagenewe urangiye. Aba na bo ugiye kuvuga abanza gusenya igitekerezo cya mugenzi we. Mu gusenya ingingo z'uwakubanjirije, mu gihe mutari ku ruhande rumwe, uzisenyesha ibitekerezo bifite ingufu kurusha ibyatanzwe. Iyo umaze kubisenya uvuga uko wowe ubyumva. Uko umwe mu bajya impaka atanze ibitekerezo ni ko umwanditsi agenda abyandika. Mu gihe batanga ibitekerezo, umuhwituzi agenda agenzura ko igihe cyo kuvuga cyubahirizwa, ugiye ku kirenza akamuhagarika.

Iyo umwanya w'abajyaga impaka urangiye indorerezi na zo zihabwa ijambo zikavuga uko zumva insanganyamatsiko.

d) Umwanzuro w'impaka

Mu gusoza ikiganiro mpaka, umwanditsi asoma ingingo zatanzwe na buri ruhande ku nsanganyamatsiko. Abakemurampaka na bo, bamaze kubona itsinda ryatanze ingingo zifatika kurusha irindi, bagaragaza abatsinze abandi. Nyuma y'ibyo, umuyobozi ashimira abagize uruhare bose mu kiganiro mpaka akaboneraho kuvuga igitekerezo cyari kigamijwe hatangwa iyo nsanganyamatsiko akaba yakongeraho ibitekerezo bitavuzwe.

Umwitoto

Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira muyikoreho ikiganiro mpaka buri wese avuge uko abyumva.

- a) Ni byiza ko mu muryango habaho uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo kugira ngo umuryango utere imbere.
- b) Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ryagezweho mu Rwanda.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATATU

Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.

Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze

Mu mpera z'icyumweru gishize iwacu haje abantu batari basanzwe bahagenda maze ngira amatsiko yo kumenya ikibagenza mu rugo rwacu. Nari ndangije gukora umukoro wo mu rugo, maze ntangira gukora isuku hafi yabo. Iwacu bamaze kubereka aho bicara mu ruganiriro, bababaza abo ari bo. Ni bwo umugabo agize ati: "Turi abashyitsi duturutse mu Bisi bya Huye mu Ntara y'Amajyepfo. Nge nitwa Mutake naho uyu turi kumwe ni umugore wange yitwa Mugeni. Tumaze igihe twumva abantu benshi bavuga ko urugo rwanyu rwiteje imbere. Ngo mwaba mwarahinduye imibereho yanyu n'iy'imiryango muturanye kandi mukagira n'uruhare rukomeye mu iterambere ry'akarere kanyu kose. Ni byo kandi koko n'ugeze aha amaso aramwihera." Umugore we na we yungamo ati: "Ni byo pe! Ntubeshya mugabo wange! Aka gace twagezemo biragaragara ko kateye imbere rwose!" Abo bashyitsi na bo babaza iwacu uko bitwa. Data ababwira ko yitwa Majyambere, mama na we ababwira ko yitwa Munezero. Barakomeza bavuga ikibagenza. Bavuga ko bazanywe no kwihera ijisho ibikorwa byacu by'indashyikirwa bumvise no kutugisha inama ngo tubavungurire ku ibanga dukoresha ngo na bo babigereho.

Data amaze kumva ikibagenza mu rugo rwacu, arahaguruka ajya kubereka ibikorwa bye. Ubwo nange ndabakurikira, maze arababwira ati: "Dore aha ni iwange n'umugore wange. Murebe uru ni urutoki rwacu rwa kijyambere, hakurya hariya ni ikawa yacu. Biriya mubona hepfo ni ibiraro by'inka zacu. Akomeza kubereka n'ibindi bikorwa bye birimo ikimoteri kinini kijyamo imyanda yose yo mu rugo. Mama ahita ababwira ko abaye asubiye mu rugo gutegura ifunguro ryo ku manywa. Data arangije kubamurikira ibikorwa bye byamugize rugambwa, ababwira ko nta banga rindi ryo kugera kuri ibi byose uretse gukora cyane. Yagize ati: "Ibi mbikesha ubwumvikane mfitanye n'umugore wange kuko dutahiriza umugozi umwe, tukajya inama, tukungurana ibitekerezo, tugafatanyaga imirimo yose, tukiha intego n'imihigo tugenderaho ndetse tugakurikiza inama abayobozi batugira kandi umwe akabera undi imboni."

Mama arangije gutegura ifunguro agaruka kubareba nuko bajya mu rugo gufungura. Mu gihe bafataga ifunguro, bakomeza kuganira. Data agira ati: "Nkomeje rero, muzi ko Leta yacu idahwema kudushishikariza gukora cyane, gukorera mu mashyirahamwe no gukorana n'amabanki. Tugenda dukora imishinga tukayimurikira amabanki cyangwa ibigo by'imari iciriritse, tukaka inguzanyo, bityo tugakora ibikorwa byacu. Ikindi, amafaranga tubonye yose, yaba make cyangwa menshi, tukayakoresha ibidufitiye inyungu, andi tukayabitsa muri banki, kugira ngo twirinde kwaya. Iyo tugize icyo dukeneye cya ngombwa, tubikuza makemake tukagikemura. Umugore wa Mutake akimara kumva ibyo, arahindukira areba umugabo we aramubwira ati:

“Ntiwumva abandi icyo baturusha? Na ho wowe utwo ubonye twose utujyana mu kabari ukagaruka ubyina nyamara bugacya wicira isazi mu jisho!” Data yumvise amagambo y’uwo mugore yuje agahinda, abwira Mutake ko akabari gasenya katubaka, cyanecyane iyo ukagiyemo utakemuye ibibazo byose byo mu rugo.

Mutake yumvaga ibyo ateze amatwi asa n’uwibaza cyane. Nibwo asabye ijamba bararimuha araterura ati: “Nimundeke numvise. Ni byo koko ubwenge buza ubujiji buhise. Kuva ubu sinzasubira mu kabari, ngiye gukora ntikoresheje, nirinde inshuti z’akabari zisenya. Uwagira inshuti z’ibyiza yagira nkamwe. Munyunguye inama yo gukorana na banki. Ndava aha njya gufungura konti nzage mbitisa n’udufaranga duke mbonye aho kutujyana mu kabari.” Data na we aramusubiza ati: “Ni byo; nuzajya ubitsa ukanabikuza, uzakora umushinga maze uge muri banki baguhe inguzanyo witeze imbere. Numara kubigeraho ukubaka ikiraro kiza uzagaruke; nge n’umugore wange tuzabyumvikanaho tubatere inkunga tubahe inka y’umuriro.”

Iryo jambo rya data ryakurikiwe n’amashyi menshi avanze n’impundu. Birangiye mama ahita ampamagara antuma ku muturanyi wacu ngo mushyire amata yo kondora umwana we wari warwaye. Ngenda niruka amasigamana ngo ndebe ko nagaruka gukurikirana icyo kiganiro. Gusa sinagira amahirwe yo kukigarukamo kuko nageze aho bantumye ngasanga bagiye kujyana uwo mwana kwa muganga. Bansaba kubasigarira ku rugo ndabyemera kuko nari nsanzwe ndusigaraho mu gihe babaga bagiye kure. Nta wundi mwana bagiraga. Natashye bitinze nsanga ba bashyitsi bacu na bo batashye.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Abashyitsi bari baje kwa Majyambere bagenzwaga n’iki?
2. Uru rugendo rwaba rwaragiriye akamaro aba bashyitsi? Sobanura.
3. Urugo rwa Majyambere rurangwa n’ubufatanye hagati y’umugabo n’umugore. Mbese aho wiga ubona hari ubufatanye hagati y’abakobwa n’abahungu mu ishuri? Sobanura.
4. Gukora imirimo yose ku bagore n’abagabo byakwihutisha bite iterambere ry’Igihugu?
5. Nyuma yo kwiga ibijyanye n’uburinganire n’ubwuzuzanye mu rugo no mu kazi; ni uwuhe musanzu watanga mu kwimakaza ihame ryabwo?
6. Ni akahe kamaro ko kuzigama muri banki kavugwa mu mwandiko?

II. Inyunguramagambo

1. Simbuza amagambo atsindagiye ari muri izi nteruro andi bihuje inyito yakoreshejwe mu mwandiko.
 - a) Urugo rutarimo ubwumvikane hagati y'umugabo n'umugore **rupfusha ubusa** umutungo warwo.
 - b) Buri rugo rukwiye kugira **aho rushyira imyanda** mu rwego rwo kurengera ibidukikije.
2. Wifashishije imbusane z'amagambo atsindagiye zakoreshejwe mu mwandiko tunganya interuro zikurikira.
 - a) Iyo abagize umuryango bumvikana babasha **kubungabunga umutungo** w'urugo.
 - b) Intonganya za buri munsu mu rugo zirukururira **igihombo** gikabije.
 - c) **Guhisha** abandi ibyo wagezeho si ubupfura kandi bidindiza iterambere rya benshi.

III. Ikibonezamvugo

1. Tandukanya ntera n'ibisantera mu nteruro zikurikira.
 - a) Umwarimu yatanze imyitozo mvumburamatsiko myinshi.
 - b) Inkuru mpimbano ikwirakwira mu gihe gito.
 - c) Inzu ndangamuco ibumbatiye umuco nyarwanda.
 - d) Kwita ku byo turya tureba ubuziranenge bwabyo ni umuco mwiza.
2. Sesengura ibisantera bikurikira ugaragaze n'amategeko y'igenemajwi aho ari ngombwa.
 - a) Ishuri **nderabarezi**
 - b) Inzira **njyabukene**
 - c) Igikorwa **ngarukamwaka**
 - d) Ikinamico **ngwizabitwenge**




UMUTWE WA: 4

IBIDUKIKIJE

UMUTWE WA 4: IBIDUKIKIJE

UMWANDIKO: NDEKWE NA GATESI BAVUYE KU ISHURI



(Ndekwe na Gatesi bavuye ku ishuri bagenda baganira)

Ndekwe: Ubonye ukuntu kiriya kizamini tuvuyemo cy'Ubumenyi bw'isi cyari gikakaye!

Gatesi: Have utongera kukinyibutsa! Ariko nagerageje da!

Ndekwe: Rahira ko uzongera ukaba uwa mbere?

Gatesi: Ibyo byo ni ihame.

Ndekwe: Harya wandushije angahe? Ubu ngubu noneho niyemeje ko utazongera kundusha.

Gatesi: Ibyo bireke, ubwo tuzakizwa n'ifrimbi ya nyuma.

Ndekwe: Dore nanDore tugeze kuri rya shyamba. Ese Gate, ujya witegereza ukareba ukuntu iri shyamba ari ryiza? Ejobundi bafashe umusaza atemamo ibiti bamumerera nabi ngo arangiza ibidukikije.

- Gatesi:** Gatesi: Yari akwiye guhanwa rwose. Ariko reka twigarukire kuri kiriya kizamini tumaze gukora.
- Ndekwe:** NdekweYego Gate. Nizere kandi ko uyu muni uranampa igisubizo k'ikifuzo cyange nakugejejeho. Si byo Gate?
- Gatesi:** Ariko nawe urishyuzza! Reka tubanze tunganire ku masomo ndagusubiza nyuma.
- Ndekwe:** Ndabyemeye, nizere ko kandi uyu muni ntahana akanyamuneza kavuye mu ijamba ryiza mpabwa n'uwo nihebeye. Reka ngarukire hafi da! Harya kiriya kibazo batubajije ngo: "Byatwara iki abantu batemye ibiti uko bishakiye mu mashyamba yabo", wagisubije ute?
- Gatesi:** Hari ikindi se wasubiza uretse kuvuga ko yaba ari amashyamba yabo bwite cyangwa aya leta, ari ngombwa ko abantu b'impuguke ubwabo bajya batanga inama zo kuyasarura. Ubwo se wowe wumva ko abantu bajya batema ibiti uko bishakiye nta gahunda hagakuriraho iki?
- Ndekwe:** Birumvikana, hari ahajya hasigara imisozi yambaye ubusa. Ariko uzi ko nange ari ko nasubije.
- Gatesi:** Ikindi ni uko byazaduteza ubutayu.
- Ndekwe:** Urashaka kuvuga ko hariya hari ubutayu tujya twumva nka Sahara haba harahoze amashyamba?
- Gatesi:** Igice kinini ni ko bimeze. Ngaho nawe iyumvire amahumbezi azanwa n'ibiti. Mba numva merewe neza cyane iyo ndi ahantu hari akayaga keza nk'aka.
- Ndekwe:** A Nange ni uko. Ahubwo uwakwigumira aha tukamenaho abiri. Tugasogongera tukanacurura kuri aya mahumbezi dukeshya amashyamba... Naho ubundi amashyamba adufatiye runini da! Aringaniza umwuka wa gazi ya karubone, hakiyongera umwuka mwiza wa ogusijene duhumeka, bigatuma kandi tugubwa neza.
- Gatesi:** Ngo tukamenaho abiri? Ariko wivanga amasaka n'amasakaramentu. Waretse tugakomeza kwiganirira ku mashyamba ko turi no kwigiramo (*aceceke gato*). Buriya nta mashyamba ibimera by'amoko atandukanye bishobora kuzima burundu. Tekereza noneho inyoni n'ibisiga byarikamo, inyamaswa zitandukanye zitahamye, tutibagiwe udusimba duto n'udukoko.

- Ndekwe:** Harya ibyo ni byo twita urusobe rw'ibinyabuzima?
- Gatesi:** Cyane rwose! Mu yandi magambo kubungabunga amashyamba ni ukubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.
- Ndekwe:** Amashyamba agira kandi uruhare mu kubungabunga amazi, kuko ibiti bitangira isuri ntisibe inzuzi n'imigezi.
- Gatesi:** Akamaro k'amashyamba karumvikana rwose. Ahubwo, twakora iki ngo tuyabungabunge?
- Ndekwe:** Birumvikana ko dukwiye kwirinda kwangiza ingemwe zatewe ahubwo tukazirinda. Twirinde kuyasarura mu kajagari, dukwiye kuyakonorerera tuvanamo ibihuru kuko bibuza ibiti gukura neza. Tukirinda kandi kuragiramo amatungo.
- Gatesi:** Twabungabunga dute amashyamba kandi dukenera buri muni inkwi zo gucana n'amakara? Ubwo se tuzareka kurya?
- Ndekwe:** Wowe ibintu byose ubiganisha ku biryo? Dukenera amakara koko sinabihakana, ndetse n'inkwi zo gucana ni ngombwa. Ariko dushobora kwifashisha ubundi buryo nka biyogaze ikomoka ku mase y'inka no ku yindi myanda. Iwacu ni yo dukoresha.
- Gatesi:** Twe ntitugira biyogazi ariko dukoresha amashyiga ya «Cana make» atamara inkwi n'amakara. Urumva ko natwe twagerageje. Iyo za Kigali ho numva ngo ahenshi basigaye bakoresha gazi.
- Ikibazo k'inkwi n'amakara ndumva kiri mu nzira zo gukemuka. Bite rero ibyerekeye ibiti byubakishwa n'imbaho? Twabungabunga amashyamba dute mu gihe duhora dukeneye kubaka ndetse n'ibikoresho bitandukanye biva mu mbaho?
- Ndekwe:** Ibyo biroroshye cyane, ni ngombwa gutera amashyamba mashya no kuvugurura asanzwe. Amashyamba aterwa agomba kuruta ubwinshi asarurwa twubahiriza ya mvugo ngo: «Nutema kimwe uge utera bibiri».
- Gatesi:** Igihugu cyose tukacyuzuzura amashyamba gusa?
- Ndekwe:** Oya ntiti Ntiwacyuzuzura amashyamba gusa, ariko nawe uzi neza ko kugeza ubu mu Rwanda hakiri imisozi y'ibihanamanga yambaye ubusa. Ubwo se ahantu h'agasi hatara indi myaka ho hangana iki? Aho ni ho twakwibanda.

- Gatesi:** Erega buriya haba hagomba kubaho n'ingamba zo gusobanurira abaturage bagahugukirwa neza. Usanzwe ubizi ko hashyizweho umunsi w'igiti. Uzi kandi ko mu mashuri hariho ishami ryigisha iby'amashyamba.
- Ndekwe:** Ongeraho no kwigisha cyanecyane urubwiruko uko babungabunga amashyamba.
- Gatesi:** Uriya mutwe duherutse kwiga uvuga ku bishanga na wo watumye nongera gutekereza ku kamaro kabyo. Buriya uzi ukuntu nikundira inyoni n'ibisiga bibamo!
- Ndekwe:** Tekereza ko iriya misambi ari yo inkangura sinkererwe ishuri! Ibishanga buriya bibika amazi agaburira imigezi, inzuzi n'ibiyaga ntibibure amazi. Ni ho iwabo w'ibinyabuzima bitandukanye kuko habamo n'amoko y'ibimera n'inyamaswa utasanga ahandi.
- Gatesi:** Ubwo se ibishanga byo twabibungabunga dute?
- Ndekwe:** Na byo biroroshye cyane. Nk'urugero, uzabuze sogokuru wawe gukomeza guhinga mu gishanga atubahiriza amabwiriza y'umugoronome. Ikindi ni uko bibujijwe kubaka mu gishanga. Zaba inzu zo guturamo, ibiraro by'amatungo n'ibindi ntibyemewe. Gate, uramenye utanyibagiza ko hari icyo twasezeranye dore tugiye gutandukana.
- Gatesi:** Harya ikifuzo cyawe ni ikihe?
- Ndekwe:** Ariko n Ntiwibuka ko nagusabye ko wambara inshuti y'umwihariko, ukambwira ko uzansubiza?
- Gatesi:** (Aseke) Ubundi bucuti ushaka burenze kuba twungurana ibitekerezo nk'ibi ku masomo yacu ni ubuhe? Ubundi se bwaba bugamije iki kindi ku bana nkatwe? Turacyari bato dukwiye kwirinda ikintu cyose cyaturangaza mu myigire yacu. Si byo se? Erega ibyiza bidutegereje biri imbere!
- Ndekwe:** Nyuzwe cyane n'iryo jambo rya nyuma usorejeho! Nange amaso nyahanze imbere.
- Gatesi:** Ikiganiro twagiranye cyo ku mashyamba n'ibishanga cyo nta cyo kigusigiye?

Ndekwe: Buriya nize byinshi pe! Kandi ijya kurisha ihera ku rugo. Ngomba guhera iwacu. Uzi ukuntu data aherutse gutemagura ishyamba twari dufite mu Gacyamo hagahingwa imyumbati, nta byo gutekereza kurisimbuza! Ngije kubigisha dufate ingamba, hato tudakomeza kuba muri abo batuma imisozi ihinduka ubutayu!

Gatesi: Uwo mugambi ni wo! Uramuke rero ubwo ni ahejo ku ishuri.

Ndekwe: Uramukeho nawe.

I. Inyunguramagambo

1. Huza ijambo ryavuye mu mwandiko riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B.

A	B
1. Gikakaye	a) Kuganiraho gato
2. Ihame	b) Adufitiye akamaro
3. Akanyamuneza	c) Umwuka
4. Gahunda	d) Yihariye
5. Bwite	e) Ukuri
6. Amahumbezi	f) Gikaze
7. Adufatiye runini	g) Umurongo ngenderwaho
8. Kumenaho abiri	h) Ibyishimo

2. Simbuza amagambo ari mu dukubo ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.

a) Imisozi (idateyeho amashyamba).

b) Ikizamini cyari gikomeye ariko (nakoze uko nshoboye kose)!

c) Nange (**ntegereje ikizakurikiraho**).

II. Kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Ndekwe yabwiye Gatesi ko mu gitondo akangurwa n'iki?
2. Iwabo wa Gatesi bazigama bate inkwi n'amakara?
3. icyo sekuru wa Gatesi yakoze kibangamira ibidukikije ni iki?
4. Umwuka mwiza uva mu mashyamba ufite akahe kamaro?
5. Abantu bagiye basarura amashyamba uko bishakiye bishobora guteza ikihe kibazo?
6. Sobanura uburyo bwo kubungabunga amashyamba n'ibishanga bivugwa mu mwandiko?

III. Gusesengura umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko.
2. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
3. Umaze gusoma uyu mwandiko, urumva hakorwa iki kugira ngo igihugu kirindwe ubutayu?
4. "Nutema kimwe uge utera bibiri". Uhereye ku bivugwa mu mwandiko, iyi mvugo itwigisha iki?
5. Gerageza kugereranya ibivugwa mu mwandiko ku bishanga, imigezi, inzuzi n'ibiyaga n'uko ubibona aho utuye.

IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe musubiza ikibazo gikurikira.

Ni ubuhe buryo bundi butavuzwe mu mwandiko bwo kubungabunga ibidukikije?

IYIGANTERURO

Itegereze interuro zikurikira maze ugaragaze ibice by'ingenzi byazo unakore ubushakashatsi bwimbitse kuri ibyo bice ugaragaza inshoza yabyo n'amoko yabyo.

Mukamana ararwanya isuri.

Mugabe n'abana be bateye ibiti neza.

Amashyamba atuzanira umwuka mwiza.

Interuro igira ibice bibiri by'ingenzi ari byo: **ruhamwa na ruhamya.**

Ibice by'interuro

1. Ruhamwa

a) Inshoza ya ruhamwa

Ruhamwa ni ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo rigenewe kugera ku ngingo iri mu nshinga.

b) Amoko ya ruhamwa

Ruhamwa mboneranteko

Ingero

- **Abaturage** bakora umuganda.
- **Mutesi** yasomye igitabo k'Igishwahili, akirangije asoma ik'Igifaransa.
- **We** azaza ejo.
- **I Kigali** harashyuha.

Ruhamwa mboneranteko ni ruhamwa igenga isanisha mu nteruro. Ni ukuvuga ko isanisha rikurikiza inteko na ngenga.

Ruhamwa mburabuzi

Ingero

- Karahanyuze!
- Karabaye, ba bagabo baragarutse.
- Twarabyinnye karahava.
- Hakizimana azaza ejo.
- Habayeho umugore n'umugabo babyarana umwana.
- Iki cyorezo ni simusiga, hazakira mbarwa.

Ikitonderwa

Hari ruhamwa mburabuzi zitisanisha neza mu nteruro.

Urugero

- Urabona **ari nge** udashyigikiye ibyo uvuga? Twagombye kuvuga duti: “Urabona **ndi nge** ndashyigikiye ibyo uvuga?”

Hari na ruhamwa mburabuzi zishingiye ku isanisha ryibutsa ijambo ritazwi ryo mu nteko ya 12 n’iya 16.

Ingero

- karahanyuze,
- habayeho

Ruhamwa nyurabwenge

Ingero

- Umuharuro wakubuye **Mukandori**.
- Iyi nzoga yenze **umuhanga**.
- Imboga zibona **abana**.
- Iyi nzu yakubaka **abafundi babiri**.

Iyo dusomye izo nteruro, dusanga ruhamwa nyazo zagombye kuba: **Mukandori, umuhanga, abana, abafundi babiri**.

Twagombye rero kuvuga duti:

- **Mukandori** yakubuye umuharuro.
- **Umuhanaga** yenze iyi nzoga.
- **Abana** babona imboga.
- **Abafundi babiri** bakubaka iyi nzu.

Ruhamwa nyurabwenge ni ruhamwa iba yumvikana mu nteruro umuntu abanje gushyira mu nyurabwenge kugira ngo abashe gutahura ukora igikorwa uwo ari we mu by’ukuri.

2. Ruhamywa

a) Inshoza ya ruhamywa

Ruhamywa ni igice k’interuro gikubiyemo ubutumwa bwerekeye kuri ruhamwa cyangwa itsinda ryayo.

b) Ibice bya ruhamywa

Ruhamywa igizwe n’ibice bibiri ari byo: **inshinga n’icyuzuzo**.

Inshinga

Inshinga ni ijambo ryerekana igikorwa cyangwa imimerere n'imico bya ruhamwa.

Ingero

- Ririya shyamba **riratoshye**.
- Karori **araca** imirwanyasuri.
- Uyu mugabo **ni** mwiza.
- Aya magambo atsindagiye ni inshinga: **araca, riratoshye, ni**.

Icyuzuzo

Icyuzuzo ni ubwoko bw'ijambo cyangwa urujyano rw'amagambo akoreshwa mu nteruro kugira ngo yuzuze igitekerezo kivugwa mu nshinga.

Ingero

- Kabayiza aratera **ibiti**.
- Mukarwego abyuka **kare**.
- Gakwaya agiye **ku ishuri**.
- Amagambo atsindagiye ni ibyuzuzo: **ibiti, kare, ku ishuri**.

Amoko y'ibyuzuzo

1. Icyuzuzo mbonera

Icyuzuzo mbonera gisubiza ikibazo **iki? nde?**

Ingero

- Kabayiza arubaka **inzu**.
- Inyamaswa zirya **ibyatsi**
- Urukwavu rurya **kimari**
- Kanyana avuza **umwana we**

2. Icyuzuzo gihagitse

Icyuzuzo k'impagike gisimbura ijambo ryahoze ari icyuzuzo mbonera cyangwa nziguro kiva inyuma y'inshinga kikihagika mu nshinga.

Ingero

- Musoni arayubaka. (inzu)
- Marita aragisoma. (igitabo)
- Mutoni ararisukura. (iriba)

3. icyuzuzo nziguro

a) icyuzuzo nziguro cy'ahantu

Icyuzuzo nziguro cy'ahantu gisubiza ikibazo **he?** cyangwa **hehe?**

Ingero

- Kaberuka agiye **ku ishuri**.
- Mutesi avuye **i Kigali**.
- Ameza ari **mu nzu**.
- Ibiti byatewe **mu gikombe**.
- Nyogokuru ari **ku irembo**.

b) icyuzuzo nziguro k'igihe

Icyuzuzo nziguro k'igihe gisubiza ikibazo **ryari** cyangwa **gihe ki?**

Ingero

- Dativa azazana ubuki **ejo**.
- Kwitonda yasuye pariki **umwaka ushize**.
- Ibiti byaguye mu muhanda **mu gitondo**.
- Ikamyo izahagera **bukeye**.
- Amasomo arangira **nimugoroba**.

c) icyuzuzo nziguro cy'uburyo

Icyuzuzo nziguro cy'uburyo gisubiza ikibazo **gute?**

Ingero

- Mugemana yandika **neza**.
- Rebero avuga **vubavuba**.
- Umujura agenda **yomboka**.
- Abakinnyi bagenda **biruka**.
- Umurwayi arya **gahorogahoro**.

d) icyuzuzo nziguro k'inshuro

Icyuzuzo nziguro k'inshuro gisubiza ikibazo **kangahe?** cyangwa **inshuro zingaha?**

Ingero

- Abaturage batera amashyamba **kenshi**.
- Ndekwe ajya ku ishuri **huri muni**.
- Abanyeshuri biga imibare **inshuro enye**.
- Kabanza adusura **rimwe na rimwe**.
- Mu Mpeshyi imvura igwa **gake**.

e) icyuzuzo nziguro cyunga

Icyuzuzo nziguro cyunga kifashisha icyungo mu kurema icyuzuzo.

Ingero

- Muge gutashya **no kuvoma**.
- Murebere amakayi kumeza **no mu kabati**.
- Mutange **n'izindi ngero**.
- Mwarimu yigisha Igifaransa **n'Ikinyarwanda**.

f) icyuzuzo nziguro kigereranya

Icyuzuzo nziguro kigereranya ni icyuzuzo wumva kibumbatiye ingingo yo kugereranya ibintu bibiri cyangwa byinshi, haba mu migirire, imico cyangwa imiterere.

Ingero

- Agenda **nk'umurwayi**.
- Bazabivuge **nk'uko babyumvise**.
- Yabijyanye **nka mwishywa we**.
- Azabifate **nk'uko biri**.

Imyitozo

1. Garagaza ruhamwa mu nteruro zikurikira uzicaho akarongo kandi uvuge ubwoko bwazo.

- a) Amazi mabi atera indwara.
- b) Ndekezi abungabunga ibidukikije.
- c) Inkoni zitwaza abakambwe.
- d) Karabaye
- e) Amata yanyoye umukobwa uvuye aha.

2. Ubaka interuro enye zirimo ibyuzuzo mbonera bikurikira: Ibishanga, ikirere, amazi, amashyamba.

3. Garagaza ibyuzuzo bihagitse mu nshinga zikurikira

- a) Barabiteye.
- b) Muzabimuzanire.
- c) Mukabaziga yarahagiye.
- d) Wa muti bazawunzanira ku wa Kane.

4. Tahura ibyuzuzo biri mu nteruro zikurikira kandi ugaragaze ubwoko bwabyo.
- a) Kanyana akaraba mu gitondo.
 - b) Baza kwiga buri gihe.
 - c) Abana bararya imbuto.
 - d) Aseka nka mubyara we.
 - e) Kabera ari ku igare.
5. Garagaza ibice by'interuro zikurikira
- a) Suzana arasarura ibigori.
 - b) Sebazungu akora kure.
 - c) Ubuzima bwiza bw'abaturage bushingira ku kubungabunga ibidukikije.
 - d) Uriya mukobwa abyibushywa no kurya kenshi.

UMWANDIKO: INZOVU Y'AMAKENGA N'IZINDI NYAMASWA



Kera habayeho inzovu ikitwa Kabombo. Yari ifite umugore n'abana bakibanira mu mahoro ariko Kabombo agahora ahangayikishijwe n'ubutayu bwagendaga bwototera icyanya k'inyamaswa. Aho mu ishyamba habagamo n'izindi nyamaswa, ariko Kabombo akazirusha ubwenge, kugira ubushishozi n'amakenga.

Umunsi umwe Kabombo arazinduka, ajya gushaka icyo arya n'umuryango we. Yitegereza ibidukikije by'aho hantu inyamaswa zahoraga zirisha, asanga hatangiye kugenda hahinduka ubutayu. aribwira ati: "Mfite ubwenge buruta ubw'izindi nyamaswa, nyamara ndabona hari ikibazo gikomeye. Ubu se ubwenge mfite bumaze iki? Ngomba kugira icyo nkora mu maguru mashya".

Ikoranya bwangu izindi nyamaswa, ngo bafatire hamwe ingamba kuri icyo kibazo. Inyamaswa zimaze gukorana, Kabombo akaraga umubyimba we yigira imbere. Abaza niba muri bese hari uwamara iminsi itatu cyangwa se nibura ibiri adakoresha amazi. Twiga aramingaminga asaba ijambo. Aravuga ati: "Ngira ngo mwese murandeba, n'ubu bwiza muraburuzi, n'iyi ndeshyo n'ubu bwema. Umunsi umwe gusa wonyine urahagije. Iyo ntabonye amazi mererwa nabi, umugore wange ni uko, abana bo sinakwirirwa ngira icyo mvuga".

Inyamaswa zose ziramanjirwa. Kabombo ati: "Ko mudasubiza ndabaza ibiti?" Haza Mbogo ati: "Ibidukikije birangirika, twese turabiruzi. Nyamara nge mbona inzovu

zigabanyije amafunguro ikibazo cyakemuka, ibidukikije bigasugira! Ibyo inzovu zirya mu cyumweru kimwe cyonyine byadutunga twese umwaka wose! Shyiraho rero n'amazi zinywa. Ikindi kandi, imigezi, inzuzi ndetse n'ibiyaga birahari, ibyo ntibiteze gukama ngo tubure amazi”.

Kabombo aba yaritaye mu gutwi ati: “Tuve mu byo kwitana bamwana, ahubwo twigire hamwe icyakorwa kugira ngo tubungabunge amazi dufite. Naho ibyo kuvuga ngo imigezi, inzuzi n'ibiyaga birahari byaba atari ukureba kure. Ubwo se iyo mwumva hirya no hino ku isi ngo haba ubutayu mwibaza iki?”

Impaka zirangiye inyamaswa zose zemeranywa ko zigiye gucukura icyuzi kinini cyo kujya zibikamo amazi yo gukoresha mu gihe k'Impeshyi. Ubwo ariko kwa Mbogo bakaba batagira ubwiherero, bakenera kwituma bakajya hafi ya ya mazi rusange. Ingurube n'imbata bikirirwa byigaraguramo, kwa Twiga na bo bahinga bakarohamo itaka.

Kabombo asuye cya cyuzi asanga amazi yarahindutse ibirohwa, igice kinini ari isayo gusa. Yiyemeza gukora iperereza ngo hamenyekane icyabiteye. Baza gusanga aho mu cyuzi arimo ingurube zogera uburimiro zivuye guhinga, zarangiza zikivurugutamo. Basanga kandi muri icyo cyuzi arimo imbata zirirwa zigaragura ngo ziri muri siporo.

Kabombo amaze kumenya ayo makuru by'imvaho, ararakara yiyemeza guhita atumiza inama. Abwira umugore we ati: “Ntibyumvikana ko twaba twararuhiye ubusa twita ku mazi dukoresha ari na yo adutunze, hanyuma ngo bayangize natwe duceceke”. Ako kanya ajya ahirengeye, ingoma ayiha umurishyo, atumiza inama y'igitaraganya. Inama yagombaga kubera ku cyuzi.

Inyamaswa zirakorana. Ngo zikubite amaso cya cyuzi zirumirwa. Zisanga amazi yahindutse ibirohwa, ku rundi ruhande ari isayo gusa. Kabombo afata ijambo ati: “Nimwihere ijisho ibya ya mazi yacu. Mwese muzi uburyo twiyushye akuya ducukura iki cyuzi. Murabona ko amazi yacu yamaze kwangirika. Ibi bizatuma tutazabona amazi yo gukoresha mu Mpeshyi”. Arakomeza ati: “Mu iperereza nakoresheje namaze kumenya ko aya makosa angana atya yakozwe na Ngurube n'umuryango we, Mbogo n'umuryango we, ndetse na Mbata n'umuryango we.” Ubwo Ngurube, Mbogo na Mbata barahamagazwa, bigira imbere ngo biregure ku byo baregwa. Abaregwaga bose ntibirirwa bazana amananiza. Bahise bemera amakosa yabo, basaba imbabazi kandi barahira kutazabisubira.

Kabombo arakomeza ati: “Si ibyo gusa, n'uhinga ntagasatire imigezi. Abasesagura amazi babireke, mucike ku ngeso mbi yo kumena imyanda mu mazi. Yaba imyanda iva mu nganda cyangwa iva mu ngo. Dutere kandi ibiti bitangira isuri ngo idasiba imigezi. Ikindi kandi gikomeye, ni uko dukwiye kubungabunga ibishanga. Ni byo bigega bibika amazi bigatuma isi itagwa umwuma. Nta mazi nta buzima”. Inyamaswa zose zitahana uwo mugambi wo kurinda no kubungabunga amazi”.

Kabombo ashoje ijambo, inyamaswa zose zimuha amashyi y'urufaya. Zitangira kubahiriza inama zagiriwe, icyanya cyazo kimera neza. Inyamaswa zikomeza kwiberaho mu mudendezo, ziratunga ziratunganirwa. Si nge wahera hahera umugani.

I. Inyunguramagambo

1. Vuga icyo amagambo atsindegiye asobanura mu mwandiko.

- a) Gukora **bwangu**
- b) Gufata **ingamba**
- c) **Ubutayu**
- d) Kumenya amakuru **by'imvaho**
- e) Amazi **y'ibirohwa**
- f) **kwitana bamwana**

2. Simbuza amagambo ari mu dukubo ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.

- a) Inyamaswa zose (ziraterana).
- b) Inama (y'ako kanya).
- c) Inyamaswa zose (zirashoberwa).
- d) Ngo bafatire hamwe (gahunda y'icyakorwa).
- f) Inzovu (igenda hakiri kare **cyane**).

II. Kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Inzovu Kabombo yahoraga ihangayikishijwe n'iki?
2. Inama ya mbere imaze guterana, inzovu Kabombo yabajije iki izindi nyamaswa?
3. Twiga yavuze ko yo n'umuryango wayo bibagendekera bite iyo babuze amazi?
4. Inyamaswa zimaze kujya impaka zemeranyijwe iki?
5. Ni ayahe makosa wanenga Ngurube, Mbogo na Mbata mu kwangiza ibidukikije?
6. Vuga uburyo bwo kubungabunga ibidukikije buvugwa mu mwandiko.

III. Gusesengura umwandiko

Subiza ibibazo byabajjwe ku mwandiko.

1. Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko wasomye.
2. Uretse guhinga basatira imigezi isuri igashorera itaka mu migezi, inzuzi n'ibiyaga, ni ibihe bintu bindi bibangamira amazi?
3. Huza ibyabaye ku nyamaswa muri uyu mwandiko n'ubuzima bw'abantu busanzwe. Bakwiye gukora iki ngo barinde kandi babungabunge amazi?

IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko ikurikira:
Amazi afite akamaro kanini ku batuye isi.

Umwitoto

Hanga umwandiko ku nsanganyamatsiko ikurikira: "Ingaruka zo kwangiza ibidukikije ku buzima bw'abantu". Mu mwandiko ugaragaze ingingo enye zumvikana zishyigikira ibitekerezo byawe.

IYIGANTERURO

Itegereze interuro zikurikira maze ugaragaze umumaro buri jambo rifite, unakore ubushakashatsi bwimbitse ku mimaro y'amagambo mu nteruro.

- Amashyamba atuzanira umwuka mwiza.
- Umugore n'umugabo bagiye ku isoko.
- Ngewe ndandika ibaruwa.
- Gushaka ni ugushobora.

Imimaro y'amagambo mu nteruro

Amagambo ashobora kugira imimaro itandukanye mu nteruro bitewe n'ayo ari yo, cyangwa umwanya yafashe. Ijambo rishobora kuba: ruhamwa, inshinga, icyuzuzo, imfutuzi cyangwa impuza. Ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo twavuze no mu bice bigize interuro bigira imimaro yihariye mu nteruro.

a) Ruhamwa ni ijambo (cyangwa itsinda ry'amagambo) rifite umumaro wo kugera ku ngingo iri mu nshinga.

Urugero:

- **Umuriro** wangiza ibidukikije.

Ijambo "**umuriro**" rifite umumaro wa ruhamwa kubera ko ari ryo rikora igikorwa.

b) Inshinga ni ijambo ririmo ingingo y'ikivugwa mu nteruro. Ingingo y'interuro ni ikiyivugwamo. Iyo ngingo ishobora kuba yerekeye igikorwa, imico cyangwa imimerere.

Urugero

- Umuriro **wangiza** ibidukikije.

Ijambo “**wangiza**” rifite umumaro w’ inshinga kuko ari ryo rigaragaza igikorwa.

c) icyuzuzo ni ijambo rimwe cyangwa itsinda ry’amagambo rifite umumaro wo kuzuzura ingingo y'ikivugwa mu nteruro.

Urugero

- Umuriro wangiza **ibidukikije**.

Ijambo “**ibidukikije**” rifite umumaro w’ icyuzuzo kuko ryuzuzura ibivugwa mu nshinga.

d) Imfutuzi ni ijambo risobanura izina, inshinga cyangwa irindi jambo. Imfutuzi ishobora kuba umugereka, ikinyazina, ntera, igisantera cyangwa izina ntera.

Ingero

- Gufata **nabi** amazi tuyanduza ni ukwikururira indwara **nyinshi**.
Nabi ni umugereka ufutura cyangwa usobanura igikorwa cyo gufata.
Nyinshi ni ntera ifutura cyangwa isobanura icyuzuzo “indwara”.
- **Uyu** mwana yuriye urwego **rurerure**.
Uyu ni ikinyazina gifutura umwana.
Rurerure ni ntera ifutura urwego.

e) Impuza ni amagambo afite umumaro wo guhuza amagambo abiri cyangwa ibice by’interuro (inyangingo) kugira ngo interuro ibe iboneye. Impuza zishobora kuba ibyungo, urujyano rw’amagambo cyangwa se indangahantu n’ingereranya.

Ingero

- Mariya **na** Matayo baratera ibiti.
- Tugire isuku **kugira ngo** twirinde indwara.
- Yahageze yakonje **kubera ko** imvura yari yaguye cyane.
- Batashye **kuko** bananiwe.
- Yagiye **mu** kabande.
- Dufata neza amashyamba **kugira ngo** atangirika.
- Kalisa akora akazi ke neza **kuko** agakunda.
- Ahahinga neza nk’uwihingira.

Imyitozo

1. Garagaza impuza muri izi nteruro
 - a) Abanyeshuri biga kugira ngo bamenye.
 - b) Mutahe kare kuko ejo mufite akazi kenshi.
 - c) Amazi n'amashyamba ni ingenzi mu buzima.
2. Garagaza imfutuzi muri izi nteruro
 - a) Aba bana beza baratera ibiti byiza.
 - b) Twige gufata neza ibishanga.
 - c) Yahimbye indirimbo ndende.
3. Erekanako imimaro y'amagambo agize interuro ikurikira.
Tunywa amazi yujuje ubuziranenge kugira ngo tugire ubuzima bwiza.
4. Ubaka interuro eshatu zirimo imfutuzi n'eshatu zirimo impuza.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KANE

Soma umwandiko ukurikira hanyuma usubize ibibazo byose.

Ibidukikije byahawe agaciro

Hari abantu usanga batazi akamaro k'amashyamba, amazi, inzuzi n'ibishanga, cyangwa se babyirengagiza, bagashyira imbere inyungu zabo, batitaye ku ngaruka zo kwangiza ibidukikije. Abantu bamwe bagize batya bigabiza amashyamba, barayatema, bahinga ibishanga batitaye ku miyoboro y'amazi irimo, bahinga ahegereye inkombe z'amazi y'inzuzi, ibiyaga n'imigezi bareba inyungu zabo gusa.

Abatema amashyamba, akenshi baba bashaka ibiti byo kubakisha, ibyo gucana cyangwa gutwikamo amakara yo kugurisha kugira ngo babone amafaranga. Amashyamba afite akamaro kanini cyane. Arinda isuri, atuma tubona imvura ndetse n'umwuka mwiza duhumeka. Amashyamba abamo inyamaswa zitandukanye zishobora gukurura abakerarugendo bityo hakaba inyungu rusange yo kubona amadovize.

Amashyamba agomba gufatwa neza; abantu bakirinda kuyangiza, abasarura bagasarura ayeze kandi bakirinda kuyatsinsura kugira ngo bidatera ibibazo. Guhinga ku misozi ihanamyeye yagenewe guterwaho amashyamba na byo bitera isuri ikabije; imanukana ubutaka bwiza, ikaburoha mu nzuzi n'imigezi.

Hari abahinga ibishanga uko biboneye, bakayoboramo amazi mu kajagari, ugasanga bimwe birakamyeye cyangwa bikarengerwa n'amazi, bityo ibyagenewe gukorerwamo ntibishoboke. Ibishanga bifite akamaro gakomeye ko guhingwamo imyaka itandukanye. Tuzi ko ibishanga byeramo cyane ibihingwa nk'umuceri, ibirayi, amashu, ibijumba, soya, ibigori, imboga z'ubwoko butandukanye n'ibindi.

Amasoko, imigezi, inzuzi n'ibiyaga byajyaga byigabizwa n'ababituriye, ugasanga barahinga ku nkombe ahegereye amazi, nta n'uwitaye ku byiza bizanira igihugu. Amazi afite akamaro kanini mu kubungabunga imibereho y'abantu. Atanga amashanyarazi, akurura ba mukerarugendo bityo abatuye igihugu bakabona amafaranga bakoresha mu bindi bintu bakenera. Amazi ni ingenzi kuko akoreshwa cyane mu ngo, aratekeshwa, aranyobwa n'ibindi byinshi. Ntabwo rero abantu bakwiye kuyangiza.

Ntibyari gukomeza gutyo kuko byari gukururira igihugu akaga. Ni yo mpamvu inzego zose zabihagurukiye. Abaturage bose b'igihugu bashishikarizwa kubungabunga ibidukikije. Muri ibyo bidukikije harimo amashyamba, ibiyaga, inzuzi, ibishanga, imigezi kubera ko bifite akamaro kanini. Uko abantu bashaka kubona aho batura ni na ko bakenera aho bahinga ngo babone ibibatunga. Ibishanga bikenewe kwitabwaho ngo hagire ahahingwa n'ahadahingwa, hacibwa imiferege yajya inyuramo amazi

avomerera imirima yabo. Gutwika amashyamba cyangwa kuyatema bitera ubwiyongere bw'ubushyuhe. Ndetse nko mu Mpeshyi ho n'iyi ibiti byashibutse bishobora kuma.

Mu rwego rwo kurwanya ubukene no kwiteza imbere, gahunda z'imbaturabukungu zagejewe ku baturage. Muri zo harimo guhuza ubutaka kugira ngo abantu bagire gahunda imwe y'ibihingwa byera mu karere batuyemo. Bityo, bagahinga bakurikiza amabwiriza n'inama zitangwa n'abagaronome, ari bo nzobere mu by'ubuhinzi. icyo gihe ni bwo hatangiye gahunda yo kongera gutera amashyamba no kubungabunga ayari ataratemwa. Bigishije kandi abantu guhinga badasatira ibishanga cyangwa ngo babyegereze ibiti binyunyuzwa ubutaka kuko bikurura amazi menshi nk'inturusu. Indi gahunda ni ugukumira amarebe apfukirana amazi akabuza ubuhumekero ibinyabuzima biyabamo.

Abaturage bumvise vuba inama zo kubungabunga ibidukikije hitabwa ku mazi n'amashyamba. Muri iki gihe abantu bazi neza ko hari ibiti bivangwa n'imyaka kandi bitangiza, ahubwo byongera umwuka mwiza nkenerwa. Ibiti bizana amahumbezi, ubutaka bugahorana ubuhehere ku buryo ibihingwa birimo gutanga umusaruro.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Umaze gusoma uyu mwandiko, shaka undi mutwe wawuha.
2. Andika ibindi bihingwa bitatu byera mu bishanga bitavuzwe mu mwandiko.
3. Muri uyu mwandiko umwanditsi arishimira iki? Aranenga iki?
4. Andika ibikorwa bibiri bishobora gukorerwa mu bishanga ntibyangize ibidukikije.
5. Ni ibihe bibazo byavuka abantu batemye amashyamba agashira mu gihugu.
6. bivugwa mu mwandiko bihuriye he n'ubuzima busanzwe wowe ubamo?
7. Ni ubuhe buryo bwo kubungabunga ibidukikije buvugwa mu mwandiko?

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo akurikira ukurikije icyo avuga mu mwandiko wasomye.
 - a) Akaga
 - b) Umugaronome
 - c) Imirenzo

2. Ubaka interuro ziganisha ku kubungabunga ibidukikije ukoresheje amagambo akurikira.

- a) Ibishanga
- b) Imigezi
- c) Amashyamba
- d) Imiferege

III. Ikibonezamvugo

Shaka ibice bigize buri nteruro n'imimaro ya buri jambo mu nteruro zikurikira.

- a) Amashyamba afatwe neza.
- b) Abaturage ntibasurura amashyamba mu kajagari.
- c) Abantu birinda gutsinsura amashyamba.
- d) Isuri imanukana ubutaka bwiza.

IV. Umwitozo wo guhanga umwandiko

Hanga umwandiko byibura ufite amagambo 200, ku nsanganyamatsiko ikurikira:


“Kubungabunga ibidukikije bifite akamaro kanini mu kurengera ubuzima bw’abantu n’ubw’inyamaswa”



UMUTWE WA 5: **ITERAMBERE**

UMUTWE WA 5: ITERAMBERE

UMWANDIKO: IGIHE KIRAHENDA



Mu bihe byo hambere wasangaga ku bantu bamwe gukorera ku gihe nta cyo bivuze. Ese umuntu yavuga ko ari uko babaga batabizi cyangwa byaterwaga no kutabyitaho? Nyamara uko iminsi igenda yicuma usanga abantu bagenda bakangukira gukora imirimo yabo babijyanisha n’igihe. Tuvuge se ko muri iki gihe abantu baba bamaze gusobanukirwa no gukoresha neza igihe ku murimo n’uruhare rwabyo mu iterambere? Reka tubirebe ku buryo burambuye mu bika bikurikira.

Nubwo gukorera ku gihe hari abantu batabihaga agaciro, nyamara usanga Abanyarwanda baragendaga babicamo amarenga mu migani yabo cyangwa mu zindi mvugo z’ubuvanganzo. Aho ni nk’aho bagiraga bati: “Utinda mu nkike ukayamburirwamo”; “Aho inkoko itoye kera ihata ibaba”; “Ibitotsi ni ibiragi bigomba ibirago, usinzira utiziguye imuhira uwazindutse akagusumbye akantu” n’ibindi. Cyokora nanone ntibavugaga ko ugomba guhubukira ibintu uko wiboneye ngo ubikore igihe cyabyo kitaragera cyangwa mu buryo butari bwo. Ni yo mpamvu bagiraga bati: “Inkono ntihira ikibatsi ihira ikibariro” cyangwa bati: “Iyihuse yabyaye ibihumye”.

Muri iki gihe Abanyarwanda bagenda basobanukirwa akamaro ko gukoresha neza igihe. Ibyo bigaragarira mu bikorwa byabo bya buri muni aho usanga ibyo bakora babiteganyiriza igihe bigomba kumara. Urugero ni nko mu igenamigambi n'iteganyabikorwa byabo no mu gukorera ku mihigo mu ngeri zinyuranye z'imirimu. Uko ni na ko bagenda basobanukirwa akamaro k'igihe mu kubyaza inyungu impano abantu bifitemo. Mu marushanwa atandukanye nk'amasiganwa y'abanyamaguru, ay'amagare, ay'amapikipiki ndetse n'ay'amamodoka umuntu usize undi ho isogonda rimwe cyangwa uduce twaryo amutwara akayabo k'amafaranga. No mu bikorwa by'ubucuruzi kandi, usanga abubahiriza igihe baganwa n'abantu benshi. Bityo imari yabo ikarushaho kwisukiranya. Aha umuntu yatanga urugero rw'aho ujya kugura ikintu mu mangazini ugasanga batinze gukingura cyangwa bakinze kare ukigira ahandi. Bityo abatahaye igihe agaciro bakabihomberamo.

Ntawakwibagirwa kandi abifuzaga kuba abakozi basaba akazi cyangwa isoko mu nzego zinyuranye z'imirimu. Uwihaye kuzarira agatinda kuzuzwa ibisabwa aburiramo kandi wenda ibyangombwa bye byari bitunganye. Abatega indege na bo barabizi cyane kuko impapuro z'urugendo zishyurwa mbere kandi ukererewe ntashyurwa amafaranga yatanze. Gutinda gato k'umugenzi kumuviramo gusigara aririra mu myotsi indege yigendeye rugikubita. N'imodoka ni uko. Si ibyo gusa kandi bigaragaza akamaro ko gukoresha neza igihe kuko abishyura inguzanyo bafashe mu mabanki kimwe n'abishyura imisoro mu gihe runaka cyagenwe, iyo bakerewe kwishyura bagerekaho n'inyungu z'ubukererwe. Bityo bakishyura amafaranga y'umurenge azize akamama. Hari n'abakererera kujya gusezerana ku isaha biyemereye ubwabo bakabaca amafaranga y'ibihano, bakanakorwa n'ikimwari bakaba bihaye amenyo y'abasetsi. Nyamara ababa bubahirije igihe bo usanga bizihawe n'ibirori nk'abami cyangwa abamikazi.

Nk'uko tumaze kubibona rero, buri muntu wese akwiye gukangukira gukoresha neza igihe mu byo akora byose kuko bigira uruhare mu iterambere rye ubwe, ku gihugu ke ndetse no ku isi yose muri rusange. Nta mpamvu yo gupfusha igihe ubusa. Igihe kirahenze.

I. Inyunguramagambo

1. Tanga ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- a) Iminsi yicuma
- b) Ikibatsi
- c) Ikibariro
- d) Kuririra mu myotsi
- e) Umurenge

2. Koresha mu nteruro amagambo akurikira ugaragaza ko wumva icyo avuga mu mwandiko

- a) Akayabo
- b) Kwisukiranya
- c) Imihigo
- d) Akamama
- e) Kuzarira

II. Kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Uhereye ku mwandiko wasomye, erekana ko Abanyarwanda bo hambere bari bazi ko kugendera ku gihe ari ngombwa.
2. Erekana mu mwandiko interuro igaragaramo uburinganire n'ubwuzuzanye.
3. Garagaza ingingo zerekana uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere.
4. Sobanura uko gukoresha neza igihe bigira uruhare mu iterambere.
5. Garagaza ingaruka zishobora guterwa no kudakoresha neza igihe.

III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Kugendera ku gihe ntibivuze guhubukira ibintu cyangwa kubikora uko wiboneye. Tanga imigani ibiri imigani migufi yerekana uko Abanyarwanda babibonaga.
2. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.
3. Sobanura insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko wasomye ugaragaze aho ihuriye n'ubuzima bwa buri muni.

IV. Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku bindi bitavuzwe mu mwandiko bigaragaza uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere.

IKOMORAZINA MVAZINA

Soma interuro zikurikira, nurangiza uzitegereze hanyuma ugire icyo uvuga ku nkomoko y'amagambo yanditse atsindagiye, unagaragaze uko bayasesengura.

- **Abanyarwanda** bagendaga babicamo amarenga.
- Imvugo z'**ubuvanganzo** zigaragaramo kwita ku gihe.
- Amasiganwa y'**abanyamaguru** yitabirwa n'abakiri bato.

- **Amamodoka, amagare n’amapikipiki** birihuta.
- **Ibishurushuru** ni bumwe mu bwoko by’ibimera bitagira ururabo.
- Umuntu wubahiriza igihe mu birori yubahwa nk’umwami cyangwa **umwamikazi**.

1. Inshoza y’ikomorazina mvazina

Ikomorazina mvazina ni uburyo (igikorwa) bwo kurema amazina mashya uhereye ku yandi mazina.

Ingero

Izina	Izina rishya
– U Rwanda	– Abanyarwanda
– Amaguru	– Abanyamaguru
– Intobo	– Umutobotobo
– Umwami	– Umwamikazi
– Ipikipiki	– Amapikipiki
– Ishuri	– Umunyeshuri
– Itaka	– Igitaka, igitakazi
– Izuba	– Ikizubazuba

2. Inzira z’ikomorazina mvazina

Kora ubushakashatsi ku nteruro zikurikira utahuremo amazina akomoka ku ikomorazina maze ugaragaze inzira z’ikomorazina mvazina zifashishijwe kugira ngo haboneke ayo mazina.

- Imitobotobo yo ikunda kuba ku mirombero y’inzira.
- Umuforomo n’umuforomokazi bafasha muganga mu kazi ke.
- Ahantu h’itaka riseseka bahita igitakazi.
- Nyiramana ni umunyamakuru.
- Amahenehene agira intungamubiri nyinshi.
- Umunyeshuri mwiza arangwa n’isuku n’ikinyabupfura.

Habaho **inzira** zitandukanye zo **gukomora** amazina ku yandi. Iyo izina ryakomotse ku rindi hakoreshejwe bumwe muri buriya buryo bwavuzwe bigira icyo bihindura ku nyito yaryo ugereranyije n’iy’izina ryaribyaye. Cyokora izo nyito zombi zikomeza kugirana isano.

Zimwe mu nzira z'ikomorazina mvazina ni izi zikurikira.

a) Isubiramo ry'igicumbi k'izina

Ingero

Izina	Izina rishya
Intama (tama)	Amatamatama
Umuhoko (hoko)	Umuhokohoko

b) Ihindura ry'inteko y'ijambo

Ingero

Izina	Izina rishya
Imodoka	Amamodoka
Igare	Amagare
Ipikipiki	Amapikipiki
Ururimi	Uburimi
Umukire	Ubukire

c) Iyongera ry'akabimbura mu izina ryari risanzwe

Ingero

Izina	Izina rishya
Amaguru	Abanyamaguru
Amakuru	Abanyamakuru
Ishuri	Abanyeshuri
Ubukwe	Sebukwe/nyirabukwe

d) Ihindura ry'izina rusange mo izina bwite

Ingero

Izina	Izina rishya
Amahoro	Mahoro
Umugabo	Mugabo
Amafaranga	Gafaranga
Urumiya	Rumiya

e) Ikoreshwa ry'umusuma ku izina risanzwe

Ingero

Izina	Izina rishya
Umwami	Umwamikazi
Ibitaka	Ibitakazi
Inkoko	Inkokokazi

3. Gusesengura amazina akomoka ku ikomorazina mvazina

Amazina akomoka ku ikomorazina mvazina agira intego nk'iy'izina mbonera cyangwa se izina ry'urusobe bitewe n'imiremere yayo.

Ingero

Izina	Intego	Itegeko ry'igenamajwi
Agaseke	a-ka-seke	k→g /-GR
Ubukire	u-bu-kir-e	Nta tegeko.
Uducumucumu	u-tu-cum-u-cum-u	t→d /-GR
Abanyamakuru	a-ba-nya-∅-ma-kuru	Nta tegeko.
Nyiramana	nyira-∅-∅-mana	Nta tegeko.

Imyitozo

1. Tahura amazina ashingye ku ikomorazina mvazina mu mwandiko ukurikira nurangiza ugaragaze intego yayo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mpine.

Nyiraneza kwa nyirakuru

Hari mu kiruhuko k'igihembwe cya kabiri ubwo Nyiraneza yafataga uruzinduko yerekeza kwa nyirakuru. Yasanze bari bamukumbuye. Sekuru na nyirakuru bakibona uwo mushyitsi, bamuhoberana urugwiro rwinshi. Kubera ko amaso yabo yari atangiye kuzamo ibikezikezi bakomeje kumwitegereza cyane ngo bamumenye. Ni mu gihe ntibanamuherukaga. Ntiyabasuraga kenshi kuko yari umunyeshuri.

Amaze gufata amafunguro, yegereye ikiraro. Nuko abona amatungo yashonje, yiyemeza gufata umufuka akajya kuyashakira utwatsi. Ageze mu gisambu cyo kwa sekuru yabonyemo ibihuru birimo ibyatsi n'ibiti binyuranye. Ngibyo ibishurushuru, imitobotobo, ibinetenete n'ibindi byinshi. Abyitegereza atangaye, acaho n'amwe mu mashami yabyo kugira ngo nagera mu rugo abaze amazina yabyo. Uko yahiraga ubwatsi yagendaga abona igicucucucu ke imbere ye bituma yubura amaso areba hejuru. Aho aboneye ikizubazuba mu kirerere, amenya ko bwakeye arataha. Ageze mu rugo, asobanuzi neza amazina y'ibimera atari azi. Nyiraneza yaboneyeho ababaza n'andi magambo yamuteraga amatsiko nk'amashunushunu, amatamatama n'ibindi bitandukanye.

2. Wifashishije inzira eshatu z'ikomorazina mvazina, tanga ingero z'interuro eshatu zirimo amazina akomoka kuri iryo komorazina.

IKOMORAZINA MVANSHINGA

Soma interuro zikurikira nurangiza uzitegereze hanyuma ukore ubushakashatsi ku nkomoko n'intege by'amagambo yanditse atsindagiye.

- a) Abanyarwanda bazi akamaro ko gukorera ku **mihigo**.
- b) Ni byiza Kubyaza **inyungu impano** abantu bifitemo.
- c) Kubahiriza igihe ni ngombwa mu **marushanwa** no mu **bikorwa** by'ubucuruzi.
- d) **Ubukire** bukomoka ku kugira gahunda no gukora cyane.

1. Inshoza y'ikomorazina mvanshinga

Mu Kinyarwanda, izina ni ijamba abantu bifashisha mu kwita iki n'iki cyangwa ibi n'ibi mu bintu; uyu n'uyu cyangwa aba n'aba mu bantu. Ikiriho cyose kiba gifite uko kitwa kuko abantu baba baragihaye izina rikiranga. Amazina ashobora kuba ari umwimerere cyangwa akaba akomoka ku yandi moko y'amagambo, cyanecyane ku nshinga. Ayo mazina abyawe n'ikomorazina (ukubaka amazina uherye ku yandi magambo) akenshi aba afite intêgo isanzwe yiyongereyeho umusozo. icyo gihe intêgo yaryo ikaba ari **D+RT+C+Sz**.

Bityo **ikomorazina mvanshinga** rikaba ari ihimba ry'amazina mashya ufatiye ku bicumbi (ku mizi) by'inshinga zisanzwe mu rurimi. Mu Kinyarwanda habonekamo amazina menshi akomoka ku nshinga.

Ingero

Impano, imihigo, amarushanwa, ibikorwa, ubucuruzi, ubukire, itaha, ihinga, ubukire, abakozi, umukoro, ubushobozi, akamaro, ikibariro, ababaji, abagenzi, ubuhemu, ingemu, umutoni, imboni, ...

2. Inzira z'ikomorazina mvanshinga

Inzira z'ikomorazina mvanshinga zishingira ku ikoresha ry'imisozo ikurikira: **-e, -o, -a, -u, -i** na **-yi**. Dore ingero z'amazina akoreshejemo iyo misozo n'intêgo yayo:

a) Umusozo -e

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Uburere	u-bu-rer-e	Nta tegeko.
Umukire	u-mu-kir-e	Nta tegeko.
Umuneke	u-mu-nek-e	Nta tegeko.
Umubumbe	u-mu-bumb-e	Nta tegeko.
Ubuhing	u-bu-hing-e	Nta tegeko.
Amakare	a-ma-kar-e	Nta tegeko.
Indonke	i-n-ronk-e	r→d/n-

b) Umusozo -o

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Imvugo	i-n-vug-o	n→m/-v
Urusyo	u-ru-se-o	e→y/-J
Indyo	i-n-ri-o	r→d/n-; i→y/-J
Ururabo	u-ru-rab-o	Nta tegeko
Urukundo	u-ru-kund-o	Nta tegeko.
Uruboho	u-ru-boh-o	Nta tegeko.
Intaho	i-n-tah-o	Nta tegeko.

c) Umusozo -a

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Amataha	a-ma-tah-a	Nta tegeko.
Umuranga	u-mu-rang-a	Nta tegeko.
Umugaba	u-mu-gab-a	Nta tegeko.
Amakenga	a-ma-keng-a	Nta tegeko.
Amakuka	a-ma-kuk-a	Nta tegeko.
Amatora	a-ma-tor-a	Nta tegeko.

d) Umusozo -u

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Inyungu	i-n-ung-u	n→ny/-J
Igihemu	i-ki-hem-u	k→g/-GR
Ingemu	i-n-gem-u	Nta tegeko.
Ubwandu	u-bu-and-u	u→w/-J
Umutuku	u-mu-tuk-u	Nta tegeko.

e) Umusozo -i

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Abasyi (gusya)	a-ba-se-i	e→y/-J
Umunnyi (kunnya)	u-mu-ne-i	e→y/-J; n+y→nny
Umuryi (kurya)	u-mu ri-i	i→y/-J
Umunywi (kunywa)	u-mu-nyo-i	o→w/-J
Injiji (kujija)	i-n-jij-i	Nta tegeko.
Abahigi (guhiga)	a-ba-hig-i	Nta tegeko.
Injishi (kujisha)	i-n-jish+i	Nta tegeko.

f) Umusozo -yi

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Abaseti (guseka)	a-ba-sek-yi	k+y→ts
Umukinnyi (gukina)	a-ba-kin-yi	n+y→nny
Umudozi (kudoda)	u-mu-dod-yi	d+y→z
Inkezi (gukera)	i-n-ker-yi	r+y→z
Umutesi (guteta)	u-mu-tet-yi	t+y→s
Umubaji (kubaza)	u-mu-baz-yi	z+y→j

Ikitonderwa

1. Nta kwitiranya umusozo **i** n'umusozo **yi**. Umusozo **-yi** ntukorana n'inshinga zifite igicumbi kigizwe n'umugemo umwe; ukorana gusa n'inshinga zifite igicumbi kigizwe n'imigemo ibiri cyangwa irenze kandi ugatera amategeko y'igenamajwi iyo ukurikiye ingombajwi zisoza igicumbi. Keretse iyo izo ngombajwi ari **m, b** na **p**. Iyo umusozo **i** ukoranye n'igicumbi gifite imigemo irenze umwe ntutera amategeko y'igenamajwi.

Ingero

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Umurezi	u-mu-rer-yi	r+y→z
Umukamyi	u-mu-kam-yi	Nta tegeko
Imboni	i-n-bon-i	n→m/-b

2. Iyi misozo y'ikomorazina mvanshinga ishobora no gukorana n'inshinga zifite ingereka.

Ingero

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Urwererane	u-ru-er-ir-an-e	u→w/-J; i→e/Ze-
Umuwugizi	u-mu-vug-ir-yi	r+y→z
Ibikoresho	i-bi-kor-ish-o	i→e/Zo-
Igikorwa	i-ki-kor-w-a	k→g/-GR
Indobani	i-n-rob-an-i	r→d/n-

Imyitozo

1. Tahura amazina ashingiyeye ku ikomorazina mvanshinga mu gika cy'umwandiko "Umurimo uhesha agaciro" gikurikira, nurangiza ugaragaze intego yayo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mpine.

Kunoza imikorere bitanga umusaruro ushimishije haba ku muntu ubwe, ku muryango we cyangwa igihugu avukamo igihe akoranye umurava imirimo inyuranye nk'ubuhinzi, ububaji, ububoshyi n'iyindi. Muri iki gihe, abantu basigaye barayobotse imikino itandukanye harimo n'amasiganwa anyuranye. Buri muntu mu kazi ke asabwa kunoza umurimo. N'abahigi bayoboka iby'umuhigo, bagomba kwirinda kubikora mu kagari. Ibi byose iyo umuntu abigiriyemo amahirwe, ntahuriremo n'abahemu, bimuteza imbere akabona ibiribwa n'ibinyobwa bihagije.

2. Wifashishije inzira eshatu z'ikomorazina mvanshinga, tanga ingero z'interuro eshatu zirimo amazina akomoka kuri iryo komorazina.

UMWANDIKO NTEKEREZO

Ongera usome neza umwandiko “Igihe kirahenda” witegereza imiterere yawo, maze utahure inshoza n’imbata byawo. Kora ubushakashatsi bwimbitse ku buryo bwo guhanga bene uwo mwandiko ugaragaza ibiwuranga.

1. Inshoza y’umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko muhimbano akenshi uvuga ibintu bisanzwe mu buzima. Uwandika umwandiko ntekerezo ahera ku byo abona, ku byo yumva cyangwa atekereza ko byabaho akabyandika ku buryo uzabisoma agira icyo yiyunguraho mu bumenyi. Umwandiko ntekerezo bawita nanone “umwandiko usanzwe”. Witwa umwandiko usanzwe mu rwego rwo kuwutandukanya n’indi myandiko y’ubuvanganzo nk’inkuru, ibitekerezo, imivugo n’iyindi. Imyandiko ntekerezo isa nk’imenyeshya amakuru y’ibiriho maze usoma akaba yabifata nk’ukuri cyangwa akabihakana.

Iyo usomye uyu mwandiko “Igihe kirahenda” usanga umwanditsi yarashakaga kuduha amakuru; ni umwandiko utubwira akamaro ko gukoresha neza igihe, ndetse n’ingaruka zishobora guterwa no kukirengagiza. Ni umwandiko ntekerezo rero tumenyereye kwita mu yandi magambo umwandiko usanzwe.

2. Imbata y’umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ugira ibice bine ari byo **umutwe, intangiriro, igihimba n’umusozo**.

a) Umutwe

Umutwe ugaragaza mu magambo make cyane ibyo umwandiko ugiye kuvugaho. Dore ibiranga umutwe w’umwandiko.

- Umutwe uba ufitanye isano n’ingingo ziramburwa mu gihimba kandi uba uhereye ku magambo fatizo yo mu nsanganyamatsiko.
- Umutwe w’umwandiko ugomba kuba witaruye gato ibindi bice by’umwandiko bisigaye.
- Umutwe w’umwandiko ushobora kwandikwa mu nyuguti nkuru.
- Umutwe w’umwandiko ushobora gucibwaho umurongo.
- Biba byiza cyane iyo umutwe ubaye mugufi. Ni ukuvuga ko uba wanditse mu murongo umwe cyangwa ibiri. Iyo irenze ishobora kwitiranywa n’igika gitangira umwandiko.

b) Intangiriro

Intangiriro ni igika ukora ihangamwandiko yerekanamo muri make ibigiye kuvugwaho ariko mu buryo bwo gutera amatsiko. Iki gice gitangira gisobanura insanganyamatsiko hakaba ubwo gisozwa n'ikibazo kiza gusubizwa n'ingingo zitangwa mu gihimba.

c) Igihimba

Igihimba ni igice kigizwe n'ibika bigenda bisobanura ingingo ku ngingo mu zo umwandiko wubakiyeho mu buryo burambuye. Igitekerezo kimwe gihereza ikindi mu gika gikurikiyeho, bityobityo kandi ibyo bitekerezo bikaba byubahirije injyabihe y'ibikorwa. Uhanga umwandiko agomba kwita ku magambo ahuza ibika ku buryo wumva ibitekerezo bifite uruhererekane.

d) Umusozo

Umusozo muri rusange uba ari igika cya nyuma cy'umwandiko. Iki gice kigaragamo inshamake ku byavuzwe ndetse n'uburyo uwandika abona ibintu bikwiriye kugenda. Muri iki gice ni ho uwandika agaragaza umwanzuro ku nsanganyamatsiko n'uruhande ahagazemo.

3. Ibiranga umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo urangwa n'ibi bikurikira.

- Kurambura ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe
- Ibice bine ari byo: umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

4. Intambwe z'ingenzi mu guhimba umwandiko ntekerezo

- a) Gutekereza ku nsanganyamatsiko no kuyisobanukirwa neza.
- b) Gutekereza no kwandika ku ruhande ibitekerezo ku ngingo nkuru uri buvugeho.
- c) Gutunganya ibitekerezo byatanzwe ku nsanganyamatsiko (gusoma ibyo wanditse ukareba ko hari ibyo waba washyizemo bitari ngombwa cyangwa se ko hari ibyo waba wibagiwe byari ngombwa.
- d) Kwandukura ibyo wanditse ku rupapuro mu buryo bufite isuku wita no ku mategeko y'imyandikire n'igenabika.

Umwitoto

1. Garagaza ibiranga umwandiko ntekerezo.
2. Hanga umwandiko kuri izi nsanganyamatsiko.
 - Akamaro ko gukoresha neza igihe.
 - Tumenye ibishobora kuzamura imitsindire mu kigo cyacu.
 - Turwanye uburaya n'ubwamanzi mu rubyiruko.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANU

Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.

Mu gihe cyange ngihumeka

Mu gihe cyange ngihumeka
Mu gihe Rurema akimpagaritse
Umurimo nshinzwe nzawukunda
Nkore umuganda mu bo tubana
5. Nta kuganda mbasiganya.

Mu gihe cyange ngihumeka
Ntabwo nzakorera ku jisho
Nzaba ku isi mfite gahunda
Nzave ku isi nta gahinda
10. Nzaritahe mpundwa impundu.

Mu gihe cyange ngihumeka
Ndi umuhinzi mutiganda
Nta masinde ndima ngo ndaze
Ntirozonga mu kazi kange
15. Na ya fumbire nyikoresha,

Igihe cyose kitanshika
Za ndobanure nkazitera
Imyaka yera ngasarura
Maze ngasagurira n'abandi
20. Nkaba Mirenge wo ku Ntenyo.

Mu gihe cyange ngihumeka
Ndi wa mworozu uva mu bworo
N'izo ndagiye ntazirumanza
Nkamenya gitare kinoza umukamo
25. Nkajya nyigondera ntiganda

Bwakintize mu bo tubana
Amata n'amavuta bahembuke
Mfite ubukungu n'amafaranga
Amashyo agwira nkaba umutunzi
30. Ari na ko noroza abadatunze.

Mu gihe cyange ngihumeka
Ndi mu ishuri hamwe n'abandi
Nzajya ntanga ibitekerezo
Mbikora kandi ntarangaye
35. He kuzagira ikinshika

Impamyabushobozi nzazikukane
Nzikoreshe mu kazi nshinzwe
Niga imishinga mu bushishozi
N'ubwo bukungu mbuzamura
40. Amafaranga agasesekara.

Mu gihe cyange ngihumeka
Ndi mu bashinzwe umutekano
Ntabwo nzaha urugomo umwanya
Nta karengane mu bo nshinzwe
45. Abanyemari babe uruhuri

Umutekano bawizeye
Inganda nyinshi n'amafaranga
Bisakare igihugu cyose
Nange kandi nge nishimira
50. Ko narinze igihugu cyange.

Mu gihe cyange ngihumeka
Ndi umuganga mvura abantu
Ntawe mpeza mu bansanga
N'uwahumanye muhumuriza
55. Abaje bose bazavurwa.

Bwa burwayi bwo kwigunga
Bumwe bugusha mu kwiyahura
Buzacike mu Banyarwanda
Amaboko yabo akorere u Rwanda
60. Maze dutere imbere ubutitsa.

Mu gihe cyange ngihumeka,
Nzaba umwarimu w'umurava
Ireme ry'uburezi ndigire intego
Igihugu cyange ngihe inzobere,
65. Ikoranabuhanga risakare.

Mu gihe nk'iki duhumeka
Ngewe nawe intoki mu zindi
Dukore neza bimwe bishimwa
Ikintu cyose mu gihe cyacyo.
70. Ni wo musingi w'iterambere.

I. Kumva no gusesesngura umwandiko

1. Ushingiye ku mwandiko sobanura uburyo gukoresha neza igihe bigira uruhare mu iterambere.
2. Aho umuhanzi avuga ngo nzaritahe mpundwa impundu yashakaga kuvuga iki? Ni iriki azataha? Kubera iki?
3. Rondora ibyiciro by'abantu umuhanzi yavuze werekane uburyo ibyo bakora babikorera ku gihe no ku iterambere muri rusange.
4. Uyu mwandiko uri mu yihe ngeri? Kora isesengura ry'uyu mwandiko wasomye kandi unagaragaze tumwe mu turango tw'imyandiko nk'iyi.

II. Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira dusanga muri uyu mwandiko unayakoreshe mu nteruro ngufi.

- a) Kuganda
- b) Gukorera ijisho
- c) Kwirozonga
- d) Ubworo
- e) Kurumanza

III. Ikibonezamvugo

1. Tahura muri izi nteruro amazina akomoka ku ikomorazina mvazina, nurangiza uyashakire intego werekane n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).

- a) Mu rutoki rwacu hamezemo ibibonobono.
- b) Ihene igaburiwe neza igira amahenehene menshi.
- c) Kureba mu kizubazuba byica amaso.

2. Garagaza amazina akomoka ku ikomorazina mvanshinga ari muri izi nteruro, nurangiza uyashakire intego werekane n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.


- a) Ibihingwa bidufitiye akamaro kanini.
- b) Umubiri wacu ukeneye indyo yuzuye.
- c) Uwakoze nabi agira indishyi ku mutima.

Mu birori byo kwakira inkwano y'Umutesi hari abahanzi benshi.

III. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko ntekerezo utari muni y'ipaji ku nsanganyamatsiko ikurikira wubahiriza ibiwuranga: "Uburezi bufite ireme, inkingi y'iterambere".






UMUTWE WA: 6

IKORANABUHANGA

UMUTWE WA 6: IKORANABUHANGA

UMWANDIKO: IKORANABUHANGA MU GUKEMURA IBIBAZO



Ikoranabuhanga ni ijamba ry'icyaduka iwacu mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Ikoranabuhanga rizwi ku izina mvamahanga nka "Tekinoroji" rigaragarira mu nzego nyinshi z'imirimo. Ubu buryo bugezweho mu kunoza no kwihutisha ubushakashatsi, itumanaho n'imitunganyirize y'imirimo itandukanye bwihutisha iterambere uko bwije n'uko bukeye.

Abasheshe akanguhe kimwe n'abandi badutanze kubona izuba, bavuga ko Abanyarwanda bo hambere bari bafite ubumenyi buhambaye, bazi kwirwanaho ngo babone umuriro bakoresheje urushingo n'urushingati, bazi uburyo bwo kwivura indwara zitandukanye. Bari bashoboye no kubyaza imyambaro imivumu bifashishije imangu, ari byo bitaga gukoma impuzu! Uzi ko ubutumba bw'insina na bwo bwavagamo imyambaro? Si ibyo gusa, bashoboraga gutumanaho bakoresheje umurishyo w'ingoma cyangwa ihembe kuko nta *interineti*, *teregaramu*, *fagisi* cyangwa *terefone* byabagaho. Umwami yashaka guca umuntu mu Gihugu ke bakavuzwa urusengo bashaka kugaragaza ko bamuciye burundu mu Gihugu!

Vuba aha, aho abazungu badukaniye ibibiriti, imyenda ikorerwa mu nganda, itumanaho rikoresha ibyuma bikoranye ubuhanga buhanitse, ibikoresho n'imiti by'i Bwotamasimbi, ugira ngo hari Umunyarwanda wongeye kwita ku bumenyi yari asanganywe? Ntuyongeye gutekereza kwihamurira umuti w'ishyamba cyangwa ngo yirwaneho mu bindi byavuzwe mbere. Ashwi da! Ibya Kazungu byadukomye

mu nkokora duta urwo twari twambaye, twisanisha n'abanyamahanga. Cyakora ntawahugira mu bya kera, ibyiza ni ukujyana n'ibigezweho bigaragara ko biftiye Igihugu akamaro, bigafasha umunyagihugu gutera intambwe yivana mu bukene.

Mu kinyejana tugezemo ndetse n'ikizaza, usanga ikoranabuhanga ari ingenzi cyanecyane mu mashuri, haba ku banyeshuri, ku barimu, ku bayobozi b'ibigo by'amashuri, ku babyeyi no ku bafatanyabikorwa banyuranye. Haba za mudasobwa, haba za radiyo na tereviziyo, haba ibinyamakuru n'ibindi bitangamakuru, biruzuzanya mu gufasha abantu b'ingeri zose mu kunoza imirimo, mu gusakaza amakuru anyuranye yerekeye ubukungu, poritiki n'ibindi.

Abarimu bararurashe wa mugani w'Abanyarwanda. Kuri bo, ikoranabuhanga rituma babasha gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bijyanye n'amasomo agomba kwigishwa, rinabafasha guhanahana amakuru hagati yabo. Abarimu kandi baryifashisha bagira ngo bamenye ibigezweho. Ikoranabuhanga rinabafasha kwigisha abanyeshuri benshi mu buryo buboroheye mu gihe gito kandi batari kumwe. Ibyo bishoboka nko mu gihe boherereza amasomo cyangwa ibizamini abanyeshuri hakoreshejwe murandasi. Ntibikiri ngombwa cyane ko umunyeshuri yiga amasomo ye yose imbonankubone n'umwarimu umwigisha.

Ku banyeshuri, ikoranabuhanga ribafasha gukora ubushakashatsi bwimbitse ku nsanganyamatsiko zitandukanye. Ibyo bibafasha guteza imbere imyigire yabo. Ikoranabuhanga kandi ribafasha gukoresha igihe cyabo neza, nko mu gihe barikoresheje bashakisha kuri murandasi ibisubizo by'imikoro bahawe.

Ngo nta byera ngo de! Hari abanyeshuri bashobora gukoresha nabi ikoranabuhanga igihe bararurwa no kwirebera ibiterasoni n'imico y'ahandi yangiza ubuzima bakoresheje murandasi. Ikoranabuhanga ni ryiza ariko rigomba no kwitonderwa cyane kuko hasigaye haboneka n'abajura baryifashisha bashaka kuriganya utw'abandi. Abarikoresha nabi rero, bararye bari munge!

Tugarutse ku byiza by'ikoranabuhanga, kugeza ubu nta munyeshuri ugisiragira agana ku Kigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) ngo agiye kubaza amanota ye yasohotse mu bizamini yakoze cyangwa kureba ikigo k'ishuri yimuriweho; iki kibazo k'isiragira cyarakemutse. Biroroshye kwifashisha urubuga na za terefone ugakurikiza amabwiriza yatanzwe n'ikigo kibishinzwe, ukabona igisubizo aho waba wibereye hose.

Ku buyobozi bw'amashuri muri iki gihe, ikoranabuhanga ni ingirakamaro cyane. Baryifashisha mu gutanga uburezi bufite ireme, mu gukoresha neza igihe urugero nko gukora indangamanota nta kwibeshya, ndetse byanabaho gukosora bikoroha. Ikoranabuhanga kandi ribafasha gukora byinshi icyarimwe no kudasesagura umutungo. Urugero ni nk'amakuru menshi yakagombye kuba ari mu mpapuro, asigaye abikwa muri za mudasobwa ndetse n'ibyandikwa byinshi abarimu bakabitunga muri ubwo buryo.

Ku babyeyi, ikoranabuhanga ni ingirakamaro cyane, rituma bakurikirana uburere bw'abana babo ku mashuri bakoresheje terefone nk'igihe bashaka kumenya imibereho n'imyitwarire yabo. Aho gukora urugendo cyangwa bohereza ubutumwa bwanditse n'intoki badafite ikizere ko bugera ku bayobozi b'ishuri bwagenewe, bakoresha murandasi cyangwa terefone, amakuru bashaka akabonekera igihe. Ababyeyi kandi ikoranabuhanga ribafasha kwishyura amafaranga y'ishuri. Umubyeyi yikoza kuri banki, mu kanya nk'ako guhumbya amafaranga akaba yageze kuri konti y'ikigo umwana yigaho. Ashobora no kwishyurira kuri terefone. Ibi bibaho no muri za Kaminuza zitandukanye. No ku bafatanyabikorwa na ho kandi ni uko, ikoranabuhanga ribafasha gukurikirana no guhanahana amakuru n'ubuyobozi bw'ikigo.

Muri make ikoranabuhanga ni ingenzi cyane mu mashuri kuko rizamura ireme ry'uburezi, kandi rikanafasha mu kubahiriza igihe no gucunga umutungo. Ishuri ridakoresha ikoranabuhanga ntirishobora gutera imbere. Iyo rikoreshejwe neza rifasha kwihutisha iterambere aho guhera mu bya kera.

I. Inyunguramagambo

1. Shaka mu mwandiko amagambo ahuje igisobanuro n'aya magambo atsindagiye.
 - a) Abanyarwanda bakoraga **imyenda** mu bishishwa by'imivumu.
 - b) **Inyundo ikozwe n'isonga ry'ihembe rikwikiye mu giti** ni yo bakoreshaga batunganya imyenda ikozwe mu bishishwa by'imivumu.
 - c) Ibibiriti bitaraza, Abanyarwanda bifashishaga **ikibaru cy'umuko** bacukuragamo akobo bakagakaragamo **agati kagenda kavunguka kagatanga ifu ibyara umuriro**.
 - d) Abazungu bavuye i Burayi badukana imico yabo muri Afurika, by'umwihariko mu Rwanda, ikoranabuhanga twari tugezeho riracupira. Iyo umwami yaguciraga ishyanga bavuzaga **ihembe** bisobanura neza ko utazagaruka ukundi.
2. Uzuzura interuro zikurikira wifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.
 - a) Muri iki gihe, ababyiruka bose banyotewe n'iterambere rirambye bafite amahirwe adasanzwe kurusha abandi, babyirukiye mu isi y'ikoranabuhanga.
 - b) Ni byo ikoranabuhanga hari abarikoresha mu bikorwa bibi.
 - c) Abantu bagikoresha ikoranabuhanga biba, bakwirakwiza ibinyoma kuko Leta yahagurukiye guhana uwo ari we wese uzafatirwa mu byaha nk'ibyo.
 - d) Abantu b'inararibonye, ari bo bibuka imiterere y'ikoranabuhanga rya kera.

3. Shaka kandi usobanure amazina atandatu afite aho ahuriye n'ikoranabuhanga ari muri iki kinyatuzu.

T	E	R	E	F	O	N	E	A	I
A	E	L	I	S	A	N	M	R	T
W	I	K	O	T	F	O	A	O	E
B	I	S	I	G	A	F	R	G	N
O	V	M	T	N	K	W	I	O	I
S	T	A	B	A	O	I	K	B	R
A	R	W	I	L	I	L	C	I	E
D	S	O	V	E	J	H	O	K	T
U	E	B	M	E	T	U	M	J	N
M	M	U	R	A	N	D	A	S	I

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Ikoranabuhanga ni iki?
2. Sobanura uburyo ikoranabuhanga ari ingirakamaro mu burezi.
3. Tanga impamvu ikoranabuhanga rishobora kwihutisha iterambere.
4. Ni izihe ngaruka z'ikoranabuhanga rikoreshejwe nabi?
5. Tanga inama ku bantu bakoresha nabi ikoranabuhanga.

III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye muri uyu mwandiko.
2. Ukoresheje impushya ebyiri, garagaza ibibi n'ibyiza by'ikoranabuhanga.
3. Tanga insanganyamatsiko yibanzweho muri uyu mwandiko.
4. Huza ibyo umaze gusoma n'ibyo uhura na byo mu buzima bwawe bwa buri muni, uvuye n'isomo nyamukuru bigusigiye.

AMOKO Y'AMAGAMBO

Amagambo adahinduka

Soma aka kaganiro kari hagati ya Bwenge na Kanyana, witegereze amagambo yanditse atsindagiye, unakore ubushakashatsi utahure imiterere yayo n'ubwoko bwayo.

Bwenge na Kanyana

Bwenge: Ese Kanya, **ejo** ni bwo ya nama y'ishuri izaba cyangwa yimuriwe **ejobundi**?

Kanyana: Reka **da!** Inama yakozwe **keru**. Cyakora **none** habaye ihuriro ry'abanyeshuri baja impaka **ku** ikoranabuhanga. **Kugira ngo** tumenye ibyavugiwemo tuzabyifatamo dute?

Bwenge: **Yego** se **ma!** Urabona **ubu** ko twe tujenjetse! **Asyi! Buhorobuhoro** tuzasobanukirwa!

Kanyana: Wowe uzabimenya utinze. Iyo ubonye akanya mbona witendetse ku muhanda wirebera imodoka zigenda burabyo ngo :«**Pyo!**» Waba unyotewe ukirohamo amacupa ngo:

«**Guruguru!**», ngo hari n'igihe baguhata inshyi ngo: «**Pyo!**» ibiceri wasaguye bikabarara ngo:

«**Parararara!**» kuri sima, abandi bakitoragurira! Ubwenge buri he?

Bwenge: **Dore re!** Mbese burya ukurikirana ibyange? **Ye baba weee!** Reka nkwiye bukirize, mu kanya dufite ibazwa ku ikoranabuhanga! **Henga** twegere ishuri.

Kanyana: Wirondogora, **ngwino** twinjire.

1. Umugereka / ingera

Umugereka cyangwa ingera ni ijamba (urujyano rw'amagambo) ubusanzwe ridasesengurika. Risobanura izina, ntera, inshinga, ikinyanshinga cyangwa undi mugereka, rivuga uburyo, ahantu, igihe cyangwa inshuro. Mu Kinyarwanda dusangamo amoko atandukanye y'imigereka.

a) Umugereka w'uburyo

Ingero

- Utunze amashyo menshi **cyane** nagutega amatwi.
- Mutoni agenda **buhoro**.
- Mutambuke **bucece** mudakanga abanyeshuri bari mu kizamini.
- Mwigie **neza**.

b) Umugereka w'igihe

Ingero

- Wakwize **none** ugifite umwanya uhagije!
- Abaziga **ejo** bazitwaze impamba.
- Muzubaka ingo zanyu **ryari**?
- **Nimugoroba** nimutaha munyure kwa Kanyana.

c) Umugereka w'ahantu

Ingero

- Shyira **ejuru** mbone uko nikorera.
- Umunyuze **epfo** atayoba.
- Umugume **hambavu** atagucika.
- Muge muvuga ibintu mutabica **iruhande**.

d) Umugereka w'inshuro

Ingero

- Musibye **gatatu** kose mutaboneka mu ishuri.
- Yasuye **kenshi** Inzu Ndangamurage y'u Rwanda.
- Namubonye **inshuro eshatu**.

Umugereka ushobora kugenga isanisha.

Ingero

- Yararwaye agera **kure kubi**.
- **Buhorobuhoro** bugeza umuhovu ku ruzi.

Ikitonderwa

Hari abakeka ko imigereka imwe yagoragozwa igihe bitegereje impinduka igira. Ntabwo bishoboka; ahubwo iyo migereka yindi iba yakomotse ku yindi y'umwimerere.

Ingero

- Ruguru→haruguru
- Hasi→munsi
- Mbere→hambere
- Nyuma→hanyuma, inyuma
- Epfo→hepfo
- Irya→hirya, hakurya

2. Inyigana

Inyigana ni ijambo riremberwa ku myumvikanire y'urusaku rw'ibintu bimwe na bimwe, ndetse n'urw'abantu. Rishobora kuremerwa kandi ku migaragarire y'ikintu. Akenshi inyigana iterurwa n'amagambo aremeye ku gicumbi –**ti** cyangwa igaterurwa n'icyungo « **ngo** » mu mikoresherezwe yayo isanzwe. Aya magambo asanzwe aterura ibivuzwe bitavuye kuri nyakuvuga.

a) Inyigana zishingiye ku rusaku

Ingero

- Inka iti: «**Mbaaa!**»
- Imbwa iti: «**Momoo!**»
- Ikibwana bakubise kiti: «**Bwe!**»
- Intama iti: «**Maaa!**».
- Ihene iti: «**Meee!**».
- Injangwe iti: «**Nyawuuu!**».
- Imbeba iti: «**Jwiii!**»
- Ibuye no mu mazi ngo: «**Dumburi!**»
- Amazi no mu gacuma ngo: «**Dudududu!**»
- Amashyi ngo: « **Kacikacikaci!**»
- Urushyi mu gutwi ngo: «**Zobo!**»
- Inkono ivuga ku mashyiga ngo: «**Togotogo!**»

b) Inyigana zishingiye ku migaragarire

Ingero

- Umurabyo ngo: «**Pya!**»
- Cacana ati: «**Pya!**»
- Umujura amuca mu myanya y'intoki ngo: «**Pyo!**»
- Gahire bamukubise urushyi rurivugiza ngo: «**Pya!**»

3. icyungo

Icyungo ni ijambo (cyangwa urujyano rw'amagambo) ridasesengurika. Rihuza amagambo abiri cyangwa inyangingo ebyiri.

Ingero

- Agenda **nk'**Abagesera.
- Barashaka **ko** muvuga.
- Urayura **boshye** ushonje.

- Ariga **ariko** ntatsinda.
- Turahaguruka **maze** turiga.

Hari ibyungo uvana mu nteruro igakocama, hakaba n'ibindi uvana mu nteruro ikagumana ingingo yumvikanishaga.

Ingero

- N'ikizamini naragitsinze **nkanswe** umukoro.
- N'ikizamini naragitsinze umukoro. (**irakocamye**)
- Bagerayo **nuko** bararyama.
- Bagerayo bararyama. (**ntiyahindutse**)

Imiterere y'icyungo

- Icyungo gishobora kugira imiterere itandukanye. Icyungo gishobora kuba ari:
- Ijambo risanzwe:** na, nka, cyangwa, erega, ngo...
- Inyumane:** yuko, kuko,
- Urujyano rw'amagambo:** kugira ngo, icyo bikora (cyakoze, cyakora, cyokoze, icyokoze, na icyokora), kubera ko, n'iyi ...

4. Indangahantu

Indangahantu ni ijamba ribanziriza irindi rivuga aho umuntu cyangwa ikintu biherereye cyangwa ahabera ikintu iki n'iki. Rihora riremye urujyano. Urwo rujyano rubera inshinga ruhamwa cyangwa icyuzuzo nziguro. Indangahantu ziboneka mu nteko eshatu: Inteko ya 17 ni **ku**, inteko ya 18 ni **mu**, inteko ya 19 ni **i**. Indangahantu **ku** na **mu**, zigira impindurantêgo **muri** na **kuri**.

a) Iyo zikurikiwe n'izina ridafite indomo cyangwa n'ibinyazina bimwe na bimwe.

Ingero

- Uzamurege **kuri** nyirasenge.
- Ya modoka igeze **kuri** Buranga.
- Impeshyi itangira **muri** Kamena.
- Nta bukwe bukunda kuba **muri** gashogoro.

b) Iyo zikurikiranye na ngenga

Ingero

- Ni muremure **kuri** we.
- Umwe **muri** twe arasigara.

c) Iyo zikurikiranye n'ibinyazina nyereka

Ingero

- Ntimuzagende **muri** ya ndege.
- Uzamuhishire **kuri** wa mutobe.

d) Iyo zikurikiranye n'ikinyazina nyamubaro

Ingero

- Uyu mwitozo urakorerwa **muri** abiri (amakayi).
- Bafashe umwe **muri** barindwi bamutegeka kwishyura ibyibwe.

5. Ikegeranshinga

Ikegeranshinga ni ijambo muri rusange ridahinduka. Rigira inshoza yo gutegeka. Ibyegeranshinga bikunda kugaragara ni ibi: **aca, cyo, cyono, dore, gira, enda, have, hinga, hoshi, mbiswa, mpano** na **ngo**.

Ingero

- **Dore** ibyiza by'ikoranabuhanga!
- **Ishi**, ishi hama hamwe ngukame!
- **Cyono** ngwino nkwihereze shenge!
- **Mpano** winjyanira imari utanyishyuye!
- **Ngo** tugende twabatindije.

6. Akamamo

Akamamo ni ijambo ridasesengurika. Rigirwa n'umugemo umwe. Rigaragira irindi rikariha inyito itangara cyangwa itsindagiriza. Rishobora no guherekeza ikegeranshinga n'irangamutima.

Ubwoko bw'utumamo

Akamamo kagira inyito yo:

- a) **Gutangara**: Aragarutse **da!** Mbisa nige **ma!** Ngo azagaruka **ra!** Aravunika **we!**
- b) **Kwakuza**: Bigarure **ye!** Ntiwumva **ye!**
- c) **Gutsindagiriza**: Mukubite **se!** Bikore **ga!** Andika **ye!**

Ikitonderwa

- Akamamo “**da**” gakunda kubwirwa umuntu w’igitsina gabo naho akamamo “**ma**” gakunda kubwirwa umuntu w’igitsina gore.
- Akamamo kajyanye n’ikegeranshinga kagira inyito yo gutangara.
- **Ingero:** Mbiswa da! Dore re!
- Akamamo kajyanye n’irangamutima na ko kagira inyito yo gutangara.
- **Ingero:** Ayi **we!** Ayi **nya!**

7. Amarangamutima

Amarangamutima ni amagambo adasesengurika agaragaza uko umuntu amerewe mu mutima, yaba yishimye cyangwa ababaye, yaba ashima cyangwa agaya. Amarangamutima agira inyito zitandukanye.

Ingero

Yeee! Mu myigire yange nzakomeza gukorana umurava.

Yooo! Niyigendere, agiye tukimukeneye.

Ahuuu! Reka mvune akagongo.

Orororooo! Aransyonyoye Mana yange wee!

Ahiii! Izi mpundu ni izanyu bayobozi.

Ayi we! Intare yari imuriye.

Umwitozo

1. Itegereze interuro zikurikira utahure amagambo adahinduka arimo.

- a) Dore da! Wibagiwe ko turakoresha mudasobwa!
- b) Yavuye kwa muganga buhorobuhoro agera mu rugo.
- c) Ikoranabuhanga rihambaye rikomoka i Bwotamasimbi.
- d) Yooo! Wananutse bigeze aho? Ihangane.

2. Vuga ubwoko bw’amagambo atsindeye mu nteruro zikurikira.

- a) **Ayi nya!** Waketse ko ntazi gukoresha mudasobwa.
- b) **Ahaaa!** Nzaba ntegereje umwanzuro uzafatirwa mu nama.
- c) Reka **da!** Sinzaboneka ku munsu w’umuganda.

3. Uzurisha amagambo: muri, kandi, uretse, mu, neza, kugira ngo, nyamara, ngwino, da!, na mu kaganiro gakurikira.

Mukakanani na Misago

Mukakanani: Misa, ikoranabuhangari yakuye abantu..... bwigunge ndabyemeye. Ejo numvise nyogokuru avugana..... Nubahimfura wibera..... Amerika.

Misago: Ngaho..... Mbese burya nyogokuru afite terefone!... se ntihari abakiri bato batazi icyo by'amaterefone byerekera.

Mukakanani: urubwirako rutere imbere rugomba gushishikarira gukoresha ikoranabuhanga..... terefone, ababyiruka bese bagomba kumenya gukoresha za mudasobwa.

Misago: Mbese ko dufite mudasobwa... tukaba tuzi kuzikoresha n'uburyo bazifata... ..., waje tugashinga agashyirahamwe ko kuzigisha?

Mukakanani: se dutangire gute gura uwo mushinga.

ITONDAGURANSHINGA

1. Uburyo bw'inshinga

Soma interuro zikurikira witegereza inshinga zitsindagiye utahure uburyo zitondaguyemo.

- **Urakabyara** uhinguye.
- **Nkunda** kwiga bigatuma ngira amanota menshi.
- **Gana** ishuri uzabashe kwiteza imbere.
- Mbonye igishoro **nacuruza**.
- Arababwira ati: "**Nimukundana** niho bazamenya ko muri abigishwa bange."
- **Uzitonda** bazamuha ibihembo.

Inshoza y'uburyo bw'inshinga

Uburyo ni imigendekere y'inshinga ivuga igikorwa cyangwa imimerere. Muri iyi migendekere y'ibikorwa n'imimerere by'inshinga habonekamo kuranga, gutegeka, kugomba, kwifuzwa no kuziganya. Izi nshoza zishingirwaho uburyo bw'ikirango, integeko, ikigombero, inyifuzo n'inziganyo.

a) Ikirango

Ikirango ni uburyo buvuga igikorwa cyangwa imimerere by'ihame. Ibyo bikorwa ntibishingira ku gukeka, ku gushidikanya cyangwa ku kwifuzwa. Ikirango gisanzwe gitondagurwa mu ndagihe, mu mpitagihe no mu nzagihe.

Ingero

- Inyabarasanya **zomora** ibisebe. (indagihe)
- Mu mwanya **nacurangaga** inanga. (impigihe)
- Ejo **tuzasoma** inkura. (inzagihe)

b) Inyifurizo

Inyifurizo ni uburyo buvuga icyo umuntu yiyifuriza, icyo yifuriza nyakubwirwa cyangwa nyakuvuga. Yifuza ibyiza ikanifuza ibibi.

Ingero

- **Urakire** ukize n'abandi!
- **Urakabyara** hungu na kobwa.
- Wo **gatunga** we uzatunganirwe.
- **Ntukazavunike** ngo uvunikire ubusa.

c) Integeko

Integeko ni uburyo inshinga ivuga itegeko rivuye kuri nyakuvuga cyangwa kuri nyakuvugwa. Integeko igira umusozo **-a**

Ingero

- **Jya** mu ishuri isaha yageze.
- **Andika** vuba wikereza abandi.

d) Inkurikizo

Inkurikizo irangwa n'umusozo **"-a-"** ujanya n'indangagihe **"-ka-"**

Ingero:

Abana baravuka, **bagakambakamba, bagakura, bakororoka, bagakura, bagasaza.**

e) Ikigombero

Ikigombero ni uburyo bufite inyito rusange yo kuvuga ibigomba kuba, gukorwa cyangwa bukavuga ikifuzo. Ikigombero kigira intego imeze nk'iy'integeko. Uburyo bw'ikigombero bugaragara muri ngenga no mu nteko zose, bukagira umusozo **-e** mu ntego zabwo zose.

Ingero

- **Nimugende:** mudakererwa.
- **Ntukihebe** Nyagasani azakomeza kukurinda.
- Ndagira ngo **ukore** neza.

f) Inziganyo

Inziganyo ni uburyo bw'inshinga buvuga ikintu cyashoboka haramutse habaye ikindi kintu. Ni uburyo bw'inshinga bushidikanya, buteganya cyangwa bukeka. Inziganyo irangwa n'uturemajambo -a-, ifite impindurantego -a-ku-.

Ingero

- Twize **twatsinda tu-a-ø-tsind-a**
- Tutabonye uburyo **ntitwakubaka**. nti-tu-a-ku- ubak-a
- Ugiye ukoresha ikoranabuhanga **ryagufasha**. ri-a-ku-ø-fasha
- **Nazagura** terefone igezweho ndangije Kaminuza. n-a-za-gur-a

Umwitoto

1. Andika uburyo bw'inshinga bw'ingenzi.
2. Soma iki gika maze utahure inshinga zanditse zitsindagiye uvuge n'uburyo zitondaguyemo.

Bantu bameze nka Gatera k'i Tanda, murarye muri munge ! Muri iki kinyejana tugezemo twugarijwe n'indwara nyinshi z'ibikatu zirimo ebola, indwara y'igisukari izwi ku izina rya diyabete, hagataho cya cyago kitumazeho abantu kitwa SIDA. Wo gaheka we se ibi wabikoza uruburako ? Ushoboye kubaburira wese afatwa nk'ucurangira abahetsi ngo aha ababyeyi baracyari inyuma mu iterambere ! Ruburako bana b'u Rwanda, mwitondere isi ya none bizabaha gutunga mutunganirwe. Mukobwa, hagarara gitwari, rangwa n'indangagaciro z'umukobwa w'i Rwanda umuco wemera. Muhungu wo kagira Imana we, ihe agaciro ucike ku biyoga bitwika, ku gatabi ko ku mugongo w'ingona. Wowe na mushiki wawe nimwuzanye mwigie mushishikaye, mwitwarwa n'ibibi by'ikoranabuhanga, nimwegukire kurikoresha mu nzira iboneye. Ukurikije inama nguhaye wazatunga ugatunganirwa.

2. Ibihe by'inshinga

Soma igika gikurikira maze utahure ibihe inshinga zitsindagiye zitondaguwemo

Abakobwa bo mu Rwanda rwo hambere **ntibataramukaga, bahozwagaho** ijisho ngo aha batava aho batwara inda z'indaro. Igihano **cyahabwaga** uwabaga yakoze amahano yo gutwara inda nk'iyi cyari ukumuca mu muryango, kumwohera cyangwa kumuroha. Maze **abarira** bakarira bakihanagura! Nyamara se ugira ngo bose ni ko **byabagendekera** ? Hari **abahungishirizwaga** kwa ba nyirasenge bakazashyingirwa bari iyo ngiyo, bakazagaruka mu miryango yabo **babyaye** inshuro imwe cyangwa nyinshi. Uyu mucu **waracitse, wajyanye** n'igihe cyawo. **Uhuye** n'ingorane yigaga, umwana **aracuka**, nyina agasubira mu ishuri. Hari benshi **babitangira** ubuhamya.

Inshoza y'ibihe by'inshinga

Iyo umuntu avuga cyangwa akora ibikorwa runaka, agira umwanya w'igihe abiherezamo. Umuntu ashobora guhereza ibikorwa bye mu gihe avugiramo uyu muni (indagihe), mu gihe cyahise (impitagihe) cyangwa mu gihe kizaza (inzagihe). Nk'uko bigaragara, ibihe by'inshinga bikuru ni bitatu.

a) Impitagihe

Impitagihe ni igihe igikorwa gishobora kuba cyabaye mu gihe cyarangiye cyangwa cyashize. Impitagihe ibonekamo amoko abiri : impitakare n'impitakera.

Impitakare ivuga ibikorwa bibaye mu kanya kashize cyangwa ibyabaye kare mu gitondo.

Ingero

- **Nakoze** akazi mu gitondo.
- Mu minota itanu ishize Kamariza **yakuburaga** ku irembo.

Impitakera ivuga ibikorwa byabaye ejo hashize cyangwa mu bihe byabanjirije ejo hashize.

Ingero

- **Wagize** amanota make usoza umwaka wa gatatu.
- **Mwaratabaye** mugaruka mutageze kwa Nzizigamira.
- Kera abasaza **barataramaga** bakizihirwa bicaranye n'abuzukuru babo.

b) Indagihe

Indagihe ivuga ko igikorwa gishobora kubera rimwe n'igihe nyakuvuga avugiye. Indagihe irangwa n'imisozo **a** na **ye**. Indagihe irimo ibice bine.

Indagihe y'aka kanya cyangwa **y'ubu** ivuga ibiri kuba mu gihe gihuriranye neza n'igihe umuntu avuga cyangwa akora.

Urugero

- Umuganwa **arasoma** igitabo.

Indagihe y'ubusanzwe ivuga ibiba mu buryo bwa buri gihe.

Urugero

- Giramahoro **ahinga** uburo n'imbogeri.

Indagihe y'igikomezo ivuga igikorwa cyatangiyeye gukorwa kikaba kigikomeza.

Urugero

- Igihe mwahereye **muracyakora** ubushakashatsi ku ikoranabuhanga?

Indagihe mbarankuru ivuga ibyabaye mu gihe cyarangiyeye, ikabivuga nk'aho ari iby'ubu.

Ingero

- icyo gihe amapfa **aratera** Bakame **irasonza**.
- Mpinganzima **ntiyamenya** icyo musaza we **atekereza**.

c) Inzagihe

Inzagihe ivuga ibikorwa biza kuba cyangwa se bizaba nyuma yo kuvuga. Inzagihe ibamo ibice bibiri: inzahato n'inzakera.

Inzahato ivuga ibiri bube mu kanya gato nyuma yo kuvuga ariko ntibifate umunsi bitaraba.

Urugero

- Nimugoroba **turasura** abasizwe iheruheru n'ibiza.

Inzakera ivuga ibizaba ejo hazaza.

Urugero

- Mwigie mushyizeho umwete **muzatsinda** neza ibizamini bya Leta.

Umwitozo

1. Ibikorwa byose by'inshinga bishobora gukorwa mu bihe bingahe? Ibyo bihe ni ibihe?
2. Inshinga zanditse zitsindagiye mu kiganiro gikurikira zitondaguye mu bihe bihe?
 - Harya sha ngo **ntuzagana** ishuri? Dore mwene Tyazubwenge **arangije** i Burayi ejo **bamugize** Porokireri wa Repubulika!
 - Ngewe Mudacumura ngana ishuri, **nzasunika** imitwaro, **nshukure** zahabu, nikorere amatafari, ibindi **bizaza** mbitege amaso.
 - Cyo **rekeraho** sha, menya ko **iyimijwe** n'ikaramu itaramburura. Kumenya no kuvuga uruzungu, ni ishema! **Uzarebe** abahugukiwe n'ikoranabuhanga bagusobanurire neza. Kutiga ni ukunyagwa **zigahera!**
 - Ariko koko ibyo **uvuga** bishobora kuba ari ukuri. Uzi ko udashobora kuba Intumwa ya Rubanda, Minisitiri cyangwa ngo ushingwe kuyobora ikigo runaka **utarakandagiye** mu ishuri? Ubugabo butisubiraho **bubyara** ububwa. Ngiye kugana ishuri **nzagenge** kiriya kigo gicukura zahabu i Karenda, muri Nyungwe n'ahandi.
 - Kora aha sha, ubaye akagabo. **Uzabwire** n'abandi ko kwiga ari ingenzi ku bariho ubu n'abazabaho mu gihe kizaza.

ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANDATU

Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.

Yarazikabije!

Mu nzozi ze, Uwineza yahoraga atekereza kuzavamo umuntu ukomeye cyane. Agitangira ishuri ry'inshuke yihatiye kwita ku burere n'inyigisho yahabwaga n'abarezi be. Azamukana umwete udasanzwe mu masomo ye ku ishuri, yagera no mu rugo ababyeyi be bakabimufashamo.

Akiri mu mashuri abanza, uyu mwana w'umukobwa yajyaga abona indege zihita mu kirere k'iwabo akabwira ababyeyi be ko yifuza ko bagura indege. Ababyeyi be bakamusubiza ko indege ihenda cyane ku buryo kuyisukira bitaba iby'ubonetse wese. Cyokora Uwineza akababaza impamvu batagana banki ibegereye ngo ibagurize ayo mafaranga menshi maze bihahire iyo nyamibwa.

Mu gutekereza ku ndege, Uwineza yifuzaga kuyitunga ariko akanasobanukirwa imiterere n'imikorere yayo. Buri gihe yahoranaga amatsiko y'ibikoresho by'ikoranabuhanga yabonaga mu rugo iwabo, mu baturanyi babo ndetse no ku ishuri. Igihe babaga bagiye kwiga isomo ryerekeye ikoranabuhanga agatega amatwi ibisobanuro byose bahabwa n'umwarimu wabo, akanabaza ibibazo byinshi rwose! Uko yagendaga azamuka mu myigire ye ni ko yarushagaho gusobanukirwa ko ya ndege yahoraga arota ifite imikorere ishingiyeye ku ikoranabuhanga.

Kubera umwete yakurikiranaga amasomo ye, byatumaga agira amanota menshi. Iwabo bamuguriye mudasobwa akajya ayifashisha mu kongera ubumenyi n'ubushobozi mu ikoranabuhanga. Iyi mudasobwa yayifashishaga mu bushakashatsi bwunganira ibyo yigira mu ishuri.

Ntibyatizze ikizamini cya Leta kiraza maze si ukugitsinda arakihanangiriza. Ahabwa kwiga mu ishuri ririmo ikoranabuhanga. icyo kiciro yakiganye umwete n'ikinyabupfura bidasanzwe rwose. Nuko na cyo akinywa nk'unywa amazi, maze akirangizanya amanota y'agahebuzo yo ku rwego rwo hejuru. Ahabwa umwanya muri kaminuza yiga ikoranabuhanga, maze si ukubicukumbura abiva imuzingo. Ibi byamuhesheje amahirwe yo gukomerezaho kwiga ishuri ry'ibijyanye no gutwara indege.

Uko agenda arushaho kubiminuza, mu mashuri yo mu Rwanda n'ayo hanze, yageze ku rwego rwo gutwara ndetse no gukanika indege. Uwo mwuga yawukoranye ubushake n'ubwitange, bituma abantu benshi bafite imirimo ikoreshwa ikoranabuhanga bamuhundagazaho ibyo abakorera. Ikiyabupfura ke kandi cyamuhesheje gukora ubukwe bwiza, arushingana n'umusore bahuje imico bamenyaniye muri iyo mirimo y'ikoranabuhanga. Ibi byabahesheje amafaranga menshi ku buryo bageze no ku rwego rwo kwigurira indege zikora umurimo wo gutwara abantu mu rwego mpuzamahanga. Mu bwubahane bushingiye ku burunganire n'ubwuzuzanye ubu we n'umuryango we baratengamaye babikesha ikoranabuhanga.

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Rondora abanyarubuga bagaragara mu mwandiko.
2. Gereranya ibivugwa muri uyu mwandiko n'umutwe wawo werekana isano bifitanye.
3. Wifashishije umwandiko sobanura uko Uwineza yagaragaje ubutwari.
4. Ereka insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko unayigereranye n'uko bimeze mu Gihugu cyacu muri iki gihe.
5. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko.
 - a) Kuyisukira
 - b) Inyamibwa
 - c) Arakihanangiriza
 - d) Abiva imuzingo
 - e) Baratengamaye
2. Koresha buri jambo muri aya akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro iboneye.
 - a) Akinywa nk'unywa amazi
 - b) Agahebuzo
 - c) Kamuhundagazaho
 - d) Kubicukumbura
 - e) Indashyikirwa

III. Ikibonezamvugo

1. Andika ubwoko bw'amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira
 - a) Umva **ra!** Ikoranabuhanga ryakemuye ibibazo byinshi **cyane.**
 - b) **Ayinya!** Rya ryori ryo kwa Ndakaza ryiga ikoranabuhanga!
 - c) Yewe **da! Ukunze** ikoranabuhanga nta we bitashimisha.
 - d) Niko se **ma!** Ugira ngo yagana ishuri?

2. Andika uburyo n'ibihe inshinga zitsindagiye zitondaguyemo.
- a) Ikoranabuhanga **ryakemuye** ibibazo byinshi cyane.
 - b) Karekezi **yiga** ikoranabuhanga!
 - c) **Uzige** neza kugira ngo **uzatsinde**.
3. Uzuzura interuro zikurikira ukoresheje amagambo: cyono, buhorobuhoro, i, ororororooo!
- a) ngwino dushyigikirane.
 - b) Atera hejuru ataka ngo: «.....»
 - c) twese tuzahuguka mu by'ikoranabuhanga.
 - d) Burayi bateye imbere mu ikoranabuhanga.

TWIYUNGURE AMAGAMBO

Abagaragu b'irimenanda: abagaragu b'inshuti z'inkoramutima (akadasohoka).

Abakobwa b'amasugi: abakobwa bafite ababyeyi bombi.

Abiva imuzingo: arabyiga cyane, arabinonosora.

Agoronome: umuntu w'impuguke mu by'ubuhinzi.

Akaga: icyago cyugarije abantu.

Amarere: imyifatire y'ubukubaganyi cyangwa y'uburwany.

Amazi y'ibirohwa: amazi mabi atobamye adakwiye gukoreshwa.

Arakihanangiriza: aragitsinda cyane.

Ayera: amata

Baratengamaye: bamerewe neza, babayeho mu buryo bushimishije.

Gucumbira: kugirira uruhare.

Gufata ingamba: gahunda y'icyakorwa.

Gufumyamo: kwiruka

Guhimba: gukenura uruhongore inyana akazikukira mbese ntiharangwe umwanda.

Gutwama: gucecekesha umuntu atarangiza no kuvuga.

Gukeza: gusaba ubuhake.

Gukora bwangu: gukora vubavuba.

Gukorera ijisho: Kwitabira umurimo ari uko umukoresha akureba.

Gupfundikira imbuto: kurangiza gutera imbuto.

Gusozera: kongera kunywa kandi yari yahaze.

Gutatira: kugambanira

Gutona: gukundwa cyangwa kurebwa neza n'umuntu uguhatse cyangwa ugutegeka.

Guturutsa: kubiba imbuto bwa mbere nk'amasaka.

Ikibariro: igihe igikorwa runaka cyateganyirijwe kumara.

Ikibatsi: umuriro mwinshi umuntu acanye mu gihe gito.

Ikiganda: akazu gato k'icyuzuriraho ko kubamo by'agateganyo.

Iminsi yicuma: iminsi igenda ihita indi igataha.

Imirenzo: imitabo; ubuhinge bukoresha uturundo tw'ubutaka; bahinga barunda gitaka bikamera nk'ibizana umugongo.

Inkonzo: agati gafite amashami abiri babaga bakonze. Bafataga ishami rimwe irindi bakarihingisha mu muhango wo kwita izina.

Inyamibwa: ikintu kiza cyane kandi cyubashywe.

Karuhimbi: izina bakunda kwitirira umukobwa ko agomba kumenya gutereka amata no kumenya indi mirimo yo mu rugo.

Kubona urwaho: kuba ubonye akanya ko gukora iki n'iki.

Kubonera rubi ku muntu: kumugiriraho ibibazo, akaga.

Kubunduka: kuganduka wari umaze iminsi umerewe nabi, wararwaye cyangwa warashonje.

Kuganda: kutumvira cyangwa kutayoboka umutegetsu.

Kugisha: kwiherera k'umupfumu agashaka indagu.

Kujujubya: kubuza amahoro.

Kujumarirwa: kuba uri aho usa n'uwumiwe.

Kumenya amakuru by'imvaho: kumenya amakuru y'ukuri kudashidikanywaho.

Kunyagwa: kwamburwa inka wari waragabiwe n'uguhatse.

Kurara rwantambi: kurara utaryame kubera ibibazo.

Kuririra mu myotsi: guhura n'ibyago bikomeye, ukabura uko ubyikuramo kuko igihe cyakurenganye Umurengera: ibintu byinshi cyane.

Kurumanza: guha amatungo ubwatsi /kuragira amatungo ariko ukayima amazi yo kunywa.

Kuyisukira: kuyigereza.

Kuzingama: Gukura nabi kubera imirire mibi.

Kwarama: gufata igihe cyo kuruhuka by'umugore ukuriwe cyane ategereje kubyara.

Kwera (imana): guhamya icyo umupfumu yatongereye kw'indagu.

Kwikota: kwikuba ahantu kenshi utahava.

Kwirozonga: gukora umurimo utabishaka, uvunisha abandi.

Kwitana bamwana: gusiganira gukora ikintu cyangwa kutemeranwa ku wakoze ikintu.

Ubudehe: uguhingisha abantu benshi bagataha baharuye nyiri umurima akabahemba urwaga cyangwa amarwa. Muri iki gihe ubudehe bivuga inkunga Leta igenera abaturage bayo kugira ngo biteze imbere mu gikorwa runaka.

Ubutayu: ahantu hacitse ibiti, hagasigara hambaye ubusa.

Ubworo: indwara yo kubura amata ku muntu wigeze kuyabona.

Umuganji: umugabo

Umukobwa w’umuyumbu: umukobwa ufite igikara kinoze.

Umukobwa: (umukôobwâ): umunyiginya wo mu muryango ukomoka kuri Mukobwa (Mukôobwâ) wa Ndobwa.

Umupfumu: umuntu uragura.

Umutozo: agati bavurugisha amata.

Irebe ry’umuryango: imbere mu nzu hafi y’aho basohokera.

Urubumbambaga: umuryango mugari w’abantu.

Uruhamo rw’umuryango: hejuru y’umuryango ugana ku gisenge.

Uruhongore ruhinda: rurimo inyana nyinshi.

Uruhimbi: akameza gateguyeho ishinge baterekagaho amata.

Uruhongore: uruhongore bivuga ikiraro k’inyana.

Urwaho: akanya ko gukora iki n’iki (guca urwaho).

INYANDIKO N'IBITABO BYIFASHISHIJE

BAKAME Editions (2013), *Ikinyarwanda ikibonezamvugo mu mashuri abanza n'ayisumbuye*. 2nd edition, Kigali.

BIGIRUMWAMI, A. (1984), *Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda*, Troisième édition, Nyundo

FOUNTAIN PUBLISHERS (2013), *Ikinyarwanda igitabo cy'umwarimu, umwaka wa 4*, Fountain Publishers, Kigali.

GASIMBA F. X, (2017) *Ibisakuzo by'abana*, Kigali.

GASIMBA F. X, (2004) *Inganzo y'ubwanditsi*, Kigali.

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), *Imyandiko mfashanyigisho, umwaka wa gatanu, amashuri yisumbuye*, Kigali.

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), *Imyandiko mfashanyigisho, umwaka wa kabiri, amashuri yisumbuye*, Kigali.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2003), *Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda*, Kigali.

COUPEZ, A. 1980, *Abrégé de Grammaire Rwanda*, Tome 1,2, Butare : INRS.

IGIRANEZA T., 1990, *Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda*, Kigali.

BIZIMANA, S., 2002, *Imiteêrere y'ikinyarwanda II*, IRST, Butare.

MBONIMANA, G. na Nkejabahizi, J.C. 2011, *Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya*.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014), *Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'ikinyarwanda*, Kigali.

JACOB, I. (1985), *Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes*, Tome troisième, I.N.R.S.

KANANURA, J.C (1975), *Imigani y'imigenurano y'imfasha abarezi*, Butare.

MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE (1988), *Ikibonezamvugo*

MINISITERI Y'AMASHURI MAKURU N'UBUSHAKASHATSI MU BY'UBUHANGA (1987), *Ibirari by'insigamigani, igitabo cya mbere*, Presse de la Printer Set, Kigali.

IKIGO GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUREZI MU RWANDA (2015) *Integanyanyigisho y'ikinyarwanda mu mashami*.

IKIGO K'INTEGANYANYIGISHO N'IMFASHANYIGISHO (20080), *Ikinyarwanda, Imyandiko mfashanyigisho, umwaka wa kabiri, igitabo cy'umunyeshuri*, The Jomo Kenyatta Fondation.

MUTAKE, Th., 1991, *Ikinyarwanda ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe*, Kigali: les edition de la Régis de l'imprimerie Scolaire.

